

REPUBULIKA Y'U RWANDA




# UMWANA WANJYE ISHEMA RYANJYE

Twitegure Ishuri

1

Twice cya mbere



INYOBORABAREZI MU RUGO MBONEZAMIKURIRE  
Y'ABANA BATO RUKORERA MU MURYANGO

**UMWANA WANJYE, ISHEMA RYANJYE**

**Twitegure Ishuri–Igice cya mbere**

**Inyoborabarezi mu Rugo Mbenezamukurire  
y'Abana Bato rukorera mu muryango**

© 2025 Imbuto Foundation, NCDA, REB & LODA

Biremewe gukoresha iyi mfashanyigisho mu nyungu za Gahunda Mbonezamikurire y'Abana Bato, hatagamijwe ubucuruzi. Ni ngombwa kugaragaza nyirayo igihe cyose yifashishijwe. Uwifuzaga gutubura iyi mfashanyigisho asaba uruhushya NCDA, akamenyesha Imbuto Foundation.

## IJAMBO RY'IBANZE

Barezi, Babyeyi,

Gahunda Mbenezamukurire y'Abana Bato ni serivisi zikomatanijye zihabwa abana kuva bagisamwa kugeza bagize imyaka 6 ndetse n'ababarera. Abanyarwanda tubyumva vuba kuko mu mibereho yacu, kwita ku bana si bishya! Mu muco wacu, umugore utwite yurubahwaga cyane kandi akarindwa icyamuhungabanya icyo ari cyo cyose mu rwego rwo kurinda ubuzima bwe n'ubw'umwana atwite.

Impamvu nyamukuru yo kwita kuri iki cyiciro ni uko ari ho ubwonko bw'umwana bukura kandi ku rwego rwihuse. Ubushakashatsi bwagaragaje ko ku myaka itatu (3) ya mbere y'ubuzima, imikurire y'ubwonko iba igezweho ku kigero cya 80%. Ni igihe cyo kwitondera kuko iyo umwana atitaweho muri icyo myaka bigora kuba wabigarura. Nyamara icyo yitaweho neza aba abonye ireme fatizo ry'ubuzima bwe bwose. Agira ubwenge bwagutse, yigirira icyizere, akarangwa n'imyitwarire myiza.


Mu Rugo Mbenezamukurire y'Abana Bato, abana bafashwa kuvumbura impano zabo bakiri bato, kugira isuku no kwita ku bintu n'abantu bibakikije, batozwa gukina no gusabana n'abandi bana binyuze mu mikino yabugenewe ituma ubwonko bukunguka. Bategurwa kandi kwinjira mu cyiciro cy'amashuri abanza aho biga kuvugira mu ruhame, gusoma, kwandika n'ibindi.

Turasaba ababyeyi muri rusange gutanga umusanzu wabo muri Gahunda Mbenezamukurire y'Abana Bato uko bashoboye bibuka neza ko "Ak'imuhana kaza imvura ihise". Turashimira abayobozi mu nzego zose, ubufatanye bagaragaza mu bikorwa bitandukanye bya Gahunda Mbenezamukurire y'Abana Bato hagamijwe guhindura imibereho myiza y'Abanyarwanda, tunabasaba ko bakomeza kubigira ibyabo. Turushaho kwita ku bana bacu tubaha uburere bwiza buzabafasha kugira imibereho myiza mu gihe kiri imbere ari na byo bizadufasha gukomeza kubaka u Rwanda twifuza.



**SHAMI Elodie**

Umuyobozi Mukuru wa Imbuto Foundation



## GUSHIMIRA

Iyi mfashanyigisho yateguriwe abarezi b'abana bato ndetse n'abandi bafatanyabikorwa mu rwego rwo kunoza Serivisi Mbenezamukurire y'Abana Bato binyuze mu Rugo Mbenezamukurire rukorera mu rugo.

Gahunda Mbenezamukurire y'Abana Bato ni uruhurirane rwa serivisi zikomatanijye zihabwa umwana n'umubyeyi, kuva umwana agisamwa kugeza yujuje imyaka itandatu, hagamijwe imukurire myiza ye, mu bwenge, mu gihagarago, imikorere myiza y'umubiri, mu mbamutima no mu mibanire n'abandi.

Imfashanyigisho zifite ireme ni umusingi w'ingenzi mu ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda Mbenezamukurire y'Abana Bato. Ni muri urwo rwego hateguwe iyi mfashanyigisho yunganira ababyeyi/abarezi mu bikorwa bigamije gukangura ubwonko bw'umwana no kumutegura gutangira ishuri, hibandwa ku babyeyi bafasha mu Rugo Mbenezamukurire y'Abana Bato rukorera mu rugo, nubwo ishobora no kwifashishwa n'abarezi bo mu zindi Ngo Mbenezamukurire z'Abana Bato.

Guverinoma y'u Rwanda, mu cyerekezo 2050 ifite intego yo kubaka ubushobozi bw'umuturage binyuze mu guteza imbere ubumenyi no kugira ubuzima bwiza nk'umusingi w'iterambere rirambye.

Ni muri urwo rwego, Ikigo k'Igihugu gishinzwe Imukurire no Kurengera Umwana (NCDA) gishimishijwe no gushyira ahagaragara iyi mfashanyigisho yateguwe kugira ngo yunganire abarezi mu ngo mbenezamukurire y'abana bato zikorera mu ngo.

Turashimira abafatanyabikorwa batandukanye by'umwihariko, Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Ibikorwa by'Iterambere mu Nzego z'Ibanze (LODA), Imbutu Foundation, Banki y'Isi, Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB) ku ruhare rwabo rukomeye mu gutegura iyi mfashanyigisho.

Turashimira kandi inzego z'ibanze, abarezi, ababyeyi, bagize uruhare mu gutanga ibitekerezo mu gihe cy'ubushakashatsi bwadufashije kumenya iby'ingenzi bikenewe iyi mfashanyigisho yashingiyeho.

Tuboneyeho kandi no gushimira abafatanyabikorwa batandukanye bagize uruhare mu gutanga ibitekerezo byatumye iyi mfashanyigisho inozwa neza.

Turasaba abo igenewe kuyikoresha neza hagamijwe kuyibyaza umusaruro witezwe.



**INGABIRE Assumpta**  
**Umuyobozi Mukuru**  
**Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imukurire no Kurengera Umwana- NCDA**

## ISHAKIRO

IJAMBO RY'IBANZE .....	iii
GUSHIMIRA .....	v
ISHAKIRO .....	vi
INTANGIRIRO .....	1
IBIKORWA BIKANGURA UBWONKO BW'UMWANA.....	6
<b>UKWEZI KWA MBERE .....</b>	<b>6</b>
Insanganyamatsiko: Njyewe .....	6
Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya mbere .....	7
Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kabiri.....	18
Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya gatatu .....	24
Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kane.....	30
<b>UKWEZI KWA KABIRI.....</b>	<b>38</b>
Insanganyamatsiko: Umubiri wanjye .....	38
Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya mbere .....	40
Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kabiri .....	50
Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya gatatu .....	56
Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kane .....	62
<b>UKWEZI KWA GATATU .....</b>	<b>69</b>
Insanganyamatsiko: Umuryango wanjye.....	69
Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya mbere .....	71
Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kabiri .....	81
Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya gatatu .....	87
Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kane.....	93
<b>UKWEZI KWA KANE .....</b>	<b>100</b>
Insanganyamatsiko: Iwacu mu rugo .....	100
Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya mbere .....	102
Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kabiri .....	110

Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya gatatu.....	116
Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kane.....	122
IBITABO BYIFASHISHIJE MU GUTEGURA IYI MFASHANYIGISHO .....	129
URUTONDE RW'ABAGIZE URUHARE MU GUTEGURA IYI NYOBORABAREZI .....	149

## IMPINE ZAKORESHEJWE

<b>ADEPE</b>	: Association pour le Development du Peuple
<b>ECD</b>	: Early Childhood Development. (Imbonezamikurire y'Abana Bato)
<b>FXB-Sugira Muryango</b>	: François Xavier Bagnoud-Sugira Muryango
<b>IEE</b>	: Inspire Educate Empower.
<b>IZU</b>	: Inshuti z' Umuryango
<b>LODA</b>	: Local Administrative Entities Development Agency. (Ikigo cy'igihugu gishinzwe iterambere ry'inzego z'ibanze)
<b>MIGEPROF</b>	: Ministry of Gender and Family Promotion (Minisiteri y'uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango)
<b>NCDA</b>	: National Child Development Agency ( Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana
<b>NESA</b>	: National Examination and School Inspection Authority (Ikigo cy'Igihugu cy'Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri)
<b>RBC</b>	: Rwanda Biomedical Center (Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ubuzima)
<b>REB</b>	: Rwanda Basic Education Board. (Urwego rw' Igihugu: rushinzwe Uburezi bw'Ibanze)
<b>RWAMREC</b>	: Rwanda Men's Resources Center.
<b>VUP</b>	: Vision 2020 Umurenge Program

## INTANGIRIRO

### **a. Ubushobozi buzaranga umwana wakanguwe ubwonko binyuze muri Gahunda y'Urugo Mbenezamukurire y'Abana Bato rukorera mu muryango**

Inyoborabarezi "Twitegure ishuri"- Igice cya mbere, igenewe abarezi b'abana bato barerera mu Rugo Mbenezamukurire y'Abana Bato zikorera mu muryango, yateguwe ishingiye ku nteganyanyigisho y'Uburezi bw'Inshuke (imyaka 3-6) y'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB), ku buryo umwana uzaba wanyuze muri iyi gahunda azaba yarakanguwe ubwonko, afite ubushobozi bugaragaza ko yiteguye gutangira ishuri.

By'umwihariko, azaba arangwa n'ubushobozi bukurikira:

- Kugaragaza ko asobanukiwe n'ibidukikije n'uruhare rwe mu kubwitaho no kubirengera;
- Kugaragaza ubushobozi bw'ibanze mu mibare bujyanye n'ikigero cy'Abana Bato kandi bumutegura gutangira ishuri;
- Kugira uruhare mu gufata neza ibyumviro bye; gukora no guhuza imiyego inyuranye y'ingingo nto n'ingingo inini; kwiyitaho yisukura we ubwe, yiyambika, no kugira uruhare mu kwirinda indwara arangwa n'umuco wo guharanira ubuzima bwiza muri rusange;
- Kugaragaza ubushobozi bwo guhanga ashushanya, abumba, yubaka, abyina, aririmba akoresheje ibikoresho biboneka aho atuye;
- Kugaragaza ko yateye imbere mu bushobozi bw'ibanze mu rurimi kavukire (Ikinyarwanda) mu birebana no kumva (kumva inkuru asomewe agasubiza ibibazo), kuvuga (kwisobanura yifashishije amagambo mashya agenda yunguka kandi arushaho no kuyavuga neza), gusoma (gusoma amashusho; gutahura inyuguti zigize itonde ry'Ikinyarwanda) ndetse no kwandika (kubaka, kubumba, no kwandika inyuguti nkuru zigize itonde ry'Ikinyarwanda mu cyapa);
- Kugaragaza imyitwarire yerekana ko azi gutandukanya icyiza n'ikibi agendeye ku mabwiriza ahabwa n'abarezi, yirinda cyane ibyateza impanuka;
- Kwishimira uko ameze, n'uko abandi bameze kandi akabana na bo mu mahoro;
- Gusabana n'abandi no gukorera mu matsinda;
- Kugaragaza ko yateye imbere mu kwimenya no kwigirira icyizere;
- Kugaragaza ko yateye imbere mu gutekerezanya ubushishozi, guhanga ibishya no gukemura ibibazo.

## b. Imiterere y'inyoborabarezi

- Ibikorwa biteganijwe muri iyi nyoborabarezi biteguye mu gihe cy'amezi 4 mu mezi 12 ajyanye na gahunda y'ibikorwa mu Rugo Mbenezamukurire y'Abana Bato rukorera mu muryango itangirana n'ukwezi kwa cyenda (Nzeri).
- Inyoborabarezi yubakiye ku nsanganyamatsiko cumi n'ebiri (12) ziteganywa mu nteganyanyigisho yateguwe n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB). Buri nsanganyamatsiko igenderwaho mu gutegura ibikorwa by'ukwezi. Muri iki gice cya mbere, ibizibandwaho bikubiye mu nsanganyamatsiko enye (4) zikurikira:
  - Njyewe
  - Umubiri wanjye
  - Umuryango wanjye
  - Iwacu mu rugo
- Inyoborabarezi igendera kuri gahunda y'ukwezi kugizwe n'ibyumweru 4. Ugendeye ku ndangaminsi (karendari), hari iminsi igenda isaguka itabariye mu byumweru 4. Iyo minsi izifashishwa mu kuziba icyuho giterwa n'iminsi y'ikiruhuko (konji) no gusubiramo ibikorwa umurezi asanga abana bataragiramo ubushobozi buhagije.
- Iteguye ku buryo igaragaza ibikorwa bya buri cyumweru igenda iyobora umurezi isaha ku yindi uko azayobora ibikorwa, kuva yakira abana saa moya n'igice kugeza batashye saa sita.
- Iyi nyoborabarezi ntigaragaza inyigisho za buri mwaka kuko mu rugo mbenezamukurire hahurira abana 15 bafite imyaka itandukanye hagati y'imyaka 2.5 (amezi 30) n'imyaka 6. Kuri buri nyigisho, inyoborabarezi iteganya ubumenyi n'ubushobozi bw'ibanze bukenewe mu gutegura umwana gutangira amashuri abanza, uhereye ku nyigisho z'umwaka wa mbere ujya ku ziteganyijwe mu mwaka wa gatatu w'uburezi bw'inshuke.
- Inyoborabarezi iteguwe mu buryo bworoheye umurezi binyuze mu mvugo, mu ngero, n'ikoreshwa ry'amashusho.
- Ibikorwa bya buri cyumweru birangwa n'ibara ryihariye kugira ngo byorohere umurezi gutandukanya ibikorwa. Imbonerahamwe ikurikira igaragaza igisobanuro cya buri bara:

Ibara	Igisobanuro
	Ibikorwa byo mu cyumweru cya mbere
	Ibikorwa byo mu cyumweru cya kabiri
	Ibikorwa byo mu cyumweru cya gatatu
	Ibikorwa byo mu cyumweru cya kane
	Ibikorwa bihoraho igihe cyose kuri iyo saha cyangwa kizamara ukwezi

*Icyitonderwa:* Umurezi arasabwa gukurikiranya ibyumweru uko biteguye.

- Iyi nyoborabarezi-**Twitegure Ishuri- Igice cya mbere**, ifite umugereka utanga inama ku buryo umurezi w’abana bato yakora imfashanyigisho n’ibikinisho hifashishijwe ibikoresho biboneka aho atuye cyangwa aho akorera. Ifite kandi umugereka utanga inama ku buryo bwo kuyobora ibikorwa byo mu nguni.

### c. Ingengabihe

Ibikorwa bikubiye mu nyoborabarezi byateguwe hashingiwe ku ngengabihe y’ Urwego rw’Igihugu rushinzwe Uburezi bw’Ibanze (REB) igenewe icyiciro cy’inshuke, hiyongereyeho umwihariko w’amashusho aranga buri gikorwa nk’uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

Igihe	Igikorwa	Ishusho
7.30-8.00	Ikaze ku ruziga	
8.00-8:30	Tumenye ibidukikije	
8:30-8:50	Tunoze Ikinyarwanda	
8:50-9:20	Nkunda Imibare	
9:20 - 9:30	Twite ku buzima	
9:30 - 10:00	Dusangire	
10:00-10:30	Dukinire hanze	

Igihe	Igikorwa	Ishusho
10:30-10:50	Muze Dusome/Duce imigani/Dusakuze*	
10:50-11:30	Inguni nkunda	
11:30-11:50	Duhange	
11:50-12:00	Gusezeranaho ku ruziga	

#### d. Inama zirebana n'imirungire idahera y'aho abana bahererwa serivisi

- Kora ku buryo aho abana bahererwa serivisi haba hari isuku, urumuri n'umwuka bihagije.
- Tegura icyumba wita ku bana bakeneye ubufasha bwihariye. Ibikoresho n'imfashanyigisho uribukenera habe harimo izo wabateguriye.
- Kora ku buryo aho abana bahererwa serivisi haba nibura umusambi abana bicaraho, aho bakorera imikino yo mu nguni z'ibikorwa, n'aho bakorera ibikorwa byo ku ruziga.
- Kora ku buryo aho abana bahererwa serivisi haba ari ahantu hatuje kandi hatekanye.
- Shyiraho amabwiriza agenga imyitwarire myiza abana bazagenderaho, kandi muhore muyibukiranya.
- Genzura imikoreshereze y' ubwiherero, umutekano n'isuku yabwo.

**e. Inama zirebana no kuyobora abana bari mu cyiciro cy'imyaka itandukanye, harimo n'abafite ubumuga n'abakeneye kwitabwaho by'umwihariko mu bikorwa byo gukangura ubwonko**

- Hinduranya uburyo bwo kwigisha no gutanga imyitozo ukurikije imyaka abana bafite.
- Tegura mbere y'igihe imfashanyigisho uri bukenere kandi wibuke gushyiramo izigenewe abana bafite ubumuga niba bahari.
- Tanga ubufasha ku bakeneye ubufasha bwihariye
- Teganya ibikorwa bisaba ubufatanye hagati y'abana bato n'abakuru.
- Korera abana isuzuma ugendeye ku myaka n'ubushobozi bwabo: hari imyitozo ishobora korohera abana bakuru (imyaka 5-6) ikagora abato bagitangira (imyaka 3-4).
- Imyitozo yo kwandika inyuguti n'imibare hakoreshejwe ikaramu igenewe abana bafite imyaka 5 kujyana hejuru gusa.
- Menya buri mwana: imiterere ye, ibyo akunda n'ibyo yanga, ibikorwa akunda, impano ze, aho agaragaza imbaraga nke, kandi ufatanye n'ababyeyi be/abamurera gushakira hamwe uko mumufasha aho bikenewe.
- Shimira abana igihe cyose bubahirije amabwiriza wabahaye.
- Koresha imyitozo yo gufasha abana bafite ubumuga n'abafite ikibazo cy'idindira mu mikurire.

## IBIKORWA BIKANGURA UBWONKO BW'UMWANA

### UKWEZI KWA MBERE

#### Insanganyamatsiko: Njyewe



#### Akamaro k'iyi nsanganyamatsiko

Ibikorwa by'ukwezi kwa mbere k'umwaka wa Gahunda Mbonezamikurire y'Abana Bato, bishamikiye ku nsanganyamatsiko yitwa **"Njyewe"** kugira ngo umwana muto amenyerezwe hakiri kare kumenya umwironoro we avuga amazina ye n'imyaka afite, amazina y'ababyeyi cyangwa abamurera. Ni umwanya mwiza utuma umwana ashobora kugaragaza ibyo akunda cyangwa ibimushimisha. Gutega amatwi abana bagenzi be bavuga ibyo bakunda binyuranye n'ibyo we akunda, bimuha gutangira gusobanukirwa ko abantu batandukanye kandi bikaba bitababuza kubana neza.

## Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya mbere

7:30-8:00: Ikaze ku ruziga



### Igikorwa cy'ikaze ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)

- Akirana urugwiro buri mwana umuvuga mu izina kandi umubaza uko yaramutse.
- Shyira abana ku ruziga ukoresheje akaririmbo: **Uruziga ni rugari.**
- Tera indirimbo yo kuramukanya: (**Bwakeye, Bwakeye**) uyirimbane n'abana: **Bwakeye, Bwakeye, umunsi w'umunezero (x2); nkurebe, undebe, nkuramutse.**
- Itegereze abana uko baririmba, bahoberana, ugenzure niba ntawe ufite ikibazo
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.
- Uzuza ikayi y'ubwitabire umenye abana baje n'abasibye.

8:00-8:30: Tumenye ibidukikije



### Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bifatiye ku bidukikije (Igihe cyose kuri iyi saha)

**Indirimbo:** Tumenye, ibidukikije (x2) Tumenye (x2) tumenye ibidukikije (mu nyana ya "Namanutse umusozi n'amaguru").

### Kuvuga amazina ye

- Tegura agapira gato kandi korohereye.
- Saba abana guhagarara ku ruziga
- Tangira uti: "Uyu munsi, tugiye kumyenyana kurushaho tuvuga amazina yacu". Basobanurire ko uwo baha agapira ari we uzajya yivuga izina.
- Fata agapira ubahe urugero uti: **"Nitwa....."**.
- Hereza umwana agapira umusabe kuvuga izina rye. Saba abana guhererekanya agapira ku ruziga kugeza bose bamaze kuvuga amazina yabo.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.

**Icyitonderwa:** Niba hari umwana utazi amazina ye, musabe kubibaza ababyeyi be cyangwa umufashe kuyavuga niba uyazi.

## Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

Komeza gufasha abana: mu gitondo nyuma yo kuramutsa umwana wabonye ko afite ingorane zo kumenya amazina ye, mubaze uko yitwa (Witwa nde?) bizatuma mushyikirana kurushaho kandi amenyere kuvuga izina rye.

## 8:30-8:50: Tunoze Ikinyarwanda



### Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (Igihe cyose kuri iyi saha)

Akaririmbo k'itonde ry'inyuguti ABCD-EFGH-IJKL-MNOP-RSTU-VWYZ

### Kuvuga umuvugo (Igihe cyose kuri iyi saha)

- Itegere ubanze usome umuvugo mbere yo kuwutoza abana buri wese avuga izina rye
- Tangirira ku mwana umwe umusabe avuge izina rye (Nitwa...), ugende umusubirishamo interuro zikurikiraho, imwe imwe.

#### Umuvugo: Izina ryanjye

*Nitwa (izina ry'umwana)*

*Ni ryo zina ryanjye.*

*Narihawe n'ababyeyi.*

- Komereza ku mwana ukurikiyeho ubigenze nk'uko wabigenje ku mwana wa mbere.
- Komeza utyo ku bana bose ubaheture.
- Fasha abana bafite imbogamizi cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.
- Genzura ko abana bose bashoboye kuvuga amazina yabo.

## Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi

### Umukino: Gutwara bisi ku murongo (Ku wa Mbere)

- Jyana abana hanze.
- Bwira abana ko bagiyeye gukina umukino wo gutwara bisi ku murongo.
- Shyira abana ku murongo buri wese afate ku rutugu rwa mugenzi we.
- Hagarara imbere yabo nk'umushoferi utwaye bisi; mugende ku murongo ugororotse muvuga muti "Turi ku murongo". Ugende ucishamo urusaku rw'imodoka "vuuu vuuu".
- Kata iburyo cyangwa ibumoso mukomeze ku murongo ugororotse ugenda utwaye bisi, abana bagukurikiye.

### Kugenda kuri gahunda ku murongo (Ku wa Kabiri)

- Jyana abana hanze ubashyire ku murongo.
- Sobanurira abana ko mugiyeye kugenda ku murongo ugororotse, mugendera kuri gahunda nk'abasirikare.
- Mu gihe mugenda, vuga uti "Turi ku murongo". Bisubiremo inshuro nyinshi.
- Musubire mu nzu.

### Kugenda ku murongo uhagaze (Ku wa Gatatu)

- Jyana abana hanze.
- Shushanya umurongo muremure uhagaze (nka metero 4) hasi.
- Bwira abana bagende hejuru y'umurongo, umwe inyuma y'undi.
- Mu gihe abana bose bamaze kugenda hejuru y'umurongo, hindura uburyo abana bagenda:
  - ✓ Gusimbuka ku murongo n'amaguru yombi.
  - ✓ Gusimbuka ku murongo n'ukuguru kumwe.
  - ✓ Kugenda ku murongo usubira inyuma ku murongo.



- Kugendera ku murongo ujya imbere, usubira inyuma, usimbuka n'ukuguru kumwe, usimbuka n'amaguru yombi.
- Ibuka gufasha abana bafite ingorane

### Kubaka umurongo uhagaze ukoresheje utubuye n'uduti (ku wa Kane)

- Tegura utubuye n'uduti abana bose bari bukoreshye.
- Fasha abana gutondeka utubuye uko bashatse ariko begeranya utwo tubuye.
- Bwira abana ko mugiyeye gukora umurongo uhagaze.
- Tanga urugero wubake umurongo uhagaze ukoresheje utubuye cyangwa uduti.



- Saba buri mwana gukora uyu mwitoto wo kubaka umurongo uhagaze.
- Genzura ko abana bose bashoboye gutondeka utubuye bakora umurongo uhagaze.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.

## Kubumba umurongo uhagaze (ku wa Gatanu)

### Niba aho mutuye haboneka ibumba

- Fata akanya ubanze utegure ukate ibumba ku buryo ryorohera abana kurikoresha
- Erekerabana uko babumba umurongo uhagaze.



- Saba buri mwana abumbe umurongo uhagaze.
- Genzura ko buri mwana abumba umurongo uhagaze, ufashe abafite ingorane.

### Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

Igihe abana bakora umwitozo, itegereze uko buri mwana agenda ku murongo uhagaze n'uko bawubaka/bawubumba, ukomeze gufasha abagaragaza ingorane.

## 8:50-9:20: Nkunda Imibare



### Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Igihe cyose kuri iyi saha)

*Indirimbo: Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu, karindwi, umunani, icyenda, icumi.*

- Bwira abana ko bagiyekubara mu ndirimbo kuva kuri 1 kugeza ku 10
- Saba abana babiri babiri bahagarare barebana;
- Babwire ko uko bavuze umubare ari ko bahuza ibiganza by'amaboko anyuranye;
- Basabe guhinduranya ibiganza uko uvuze undi mubare;
- Erekerabana uko babigenza.

### Kubara akurikiranya imibare akoma amashyi, asimbuka, abyina

- Vuga imibare uyikurikiranya kuva kuri rimwe 1 kugeza ku 10.
- Fatanya n'abana gusubiramo iyo mibare muvuga buri mubare musimbuka, mukoma amashyi, mubyina.
- Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:
  - Saba buri umwana kujya imbere y'abandi abare imibare kuva kuri 1-10 akoma amashyi, ayikurikiranya neza.
  - Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.

## 9:20-9:30: Twite ku buzima



### Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Igihe cyose kuri iyi saha)

*Indirimbo: Nkunda kwita ku mubiri wanjye (x2) nkakora isuku uko bikwiye pe (x2) nkina udukino dushimishije (x2) Nkarya indyo yuzuye (x2).*

### **Kumenyereza abana kujya ku bwiharero no kubukoresha neza (Igihe cyose bitagombereye iyi saha)**

- Abana bafite imyaka 3-4 baba bakeneye gutozwa gukoresha ubwiharero. Ni ngombwa guherekeza umwana igihe cyose akeneye kujyayo. Ni umwanya mwiza wo kumara ubwoba abana bagitangira gukoresha ubwiharero, kubatoza kutituma mu myenda, kuboneza muri WC, kutayituma iruhande cyangwa ngo bitume hanze imbere y'ubwiharero;
- Batoze kwisukura neza, gukaraba intoki no kwambara neza bavuye mu bwiharero.

### **Gukaraba intoki, gutoza abana isuku (Igihe cyose bitagombereye iyi saha)**

- Toza abana gukaraba intoki uko bavuye mu bwiharero n'igihe bagiye cyangwa bamaze kunywa igikoma;
- Erekerabana uko bakaraba intoki;
- Toza abana kwimyira bakoresheje agatambaro gasukuye;
- Saba buri mwana wese gukaraba uko bikwiye utange ubufasha ku babukeneye.

### **Toza abana kuvuga uko biyumva (Igihe cyose bitagombereye iyi saha)**

- Bwira abana ko ari byiza ko buri wese avuga uko yiyumva: atameze neza, arwaye, afite ikindi ikibazo.

### **Ibuka guhora ugenzura intambwe buri mwana agenda atera:**

- Ku buryo buhoraho: genzura ko abana bakoresha ubwiharero neza, bakaraba intoki igihe bavuyeyo, baza abana uko biyumva unabatege amatwi.
- Fasha abafite ibibazo byihariye.

**9: 30 - 10:00: Dusangire**



### **Kuririmba indirimbo yibutsa abana ko ari igihe cyo kunywa igikoma (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo:** Uku ni ko nywa igikoma, nywa igikoma (x2) uku ni ko nywa igikoma mu kinyabupfura (Mu njyana ya Tugiye gusoroma urunyogwe)

- Saba abana bose bakarabe intoki, ufashe abo bigoye.
- Menyereza abana kujya ku murongo batabyigana.
- Toza abana kwihereza igikombe kirimo igikoma batakimenaho cyangwa ngo bakimene hasi.
- icyitonderwa: ujye wibuka guha abana igikoma kituzuye
- Saba abana kunywa bitonze.
- Igihe uherezabana igikoma, irinde guhora uhera ku bana bamwe.
- Toza abana umuco wo gutegereza ko ubageraho.
- Shishikariza abana bese kumara igikoma bahawe.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.
- Igihe barangije kunywa igikoma, toza abana gushyira igikombe ahabugenewe.



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Iyo tugenda kuri gahunda**

- Genzura ko imbuga abana bakiniraho nta bintu bihari byabakomeretsa.
- Ririmba indirimbo ikurikira watura neza amagambo yose ku buryo yumvikana: **Iyo tugenda kuri gahunda**

*Iyo tugenda kuri gahunda twumvisha injyana n'umucinyanyana.*

*Twumva ari byiza, twumva biryoshye, n'abatureba bakishima.*

*Rimwe kabiri moso ndyo, rimwe kabiri moso ndyo, rimwe kabiri moso ndyo moso ndyo moso ndyo.*

- Ririmba interuro ya mbere, abana basubiremo
- Komeza utyo ku nteruro zose.
- Komeza ubasubirishemo kugeza bafashe indirimbo yose mu mutwe.
- Toza abana gusohoka bari ku murongo baririmba iyi ndirimbo.
- Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.

**Gukina imikino abana bihitiyemo (Igihe cyose kuri iyi saha)**

- Genzura niba imbuga itunganye ku buryo nta bintu byakomeretsa abana.
- Egereza abana ibikinisho mufite: imipira, imigozi yo gusimbuka.
- Reka abana bakine imikino bihitiyemo basanzwe bazi nko gusimbuka umugozi, ukurikiranire hafi ibyo bakina, uko bakina kandi ukine na bo.
- Ibutsa abana ko bagomba gukina neza batarwana, badahutazanya, batamwazanya;
- Shishikariza abana bese gukina, ufashe abafite ubumuga cyangwa abafite ibibazo byihariye niba bahari.



**Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma/guca imigani/gusakuza (Igihe cyose kuri iyi saha) Indirimbo: Nkunda gusoma**


*Nifitiye agatabo kanyungura ubumenyi, ndicara nkagasoma iyo ndi nnyenyine. Kuzuyemo inkuru nziza n'imigani myiza, kamara irungu iyo ndi nnyenyine. Ni yo mpamvu, nkunda gusoma, nkunda gusoma, nkunda gusoma.*

**Gutega amatwi no gusubiza ibibazo ku nkuru: Shema kwa Nyirakuru**

- Itegere: banza usome inkuru, uyumve mbere yo kuyisomera abana.
- Saba abana kwicara ku gice cy'uruziga, kwitonda no gutega amatwi.
- Bwira abana umutwe w'inkuru.
- Somera abana inkuru ikurikira witonze:

## Inkuru: Shema kwa Nyirakuru

NITWA SHEMA. NGIYE KUBABWIRA UKUNTU TWAGIYE GUSURA NYOGOKURU.



UMUNSI UMWE MU BIRUHUKO NAJYANYE NA MUSHIKI WANJYE GUSURA NYOGOKURU.



TUGEZEYO, TWASANZE HARI ABANA BATURANYE BAMUSUYE.



NIBAJIJE UKUNTU TURI BUKINANE NTABAZI,




MPITA MBASABA NGO DUKINE UMUKINO WO KWIBWIRANA UMUREZI WACU YATWIGISHIJE.



MBABWIRA UKO TUWUKINA...

UVUGA IZINA RYAWE N'IKINTU UKUNDA.



Nitwa Shema. Ngiye kubabwira ukuntu twagiye gusura Nyogokuru. Umunsi umwe mu biruhuko, najyanye na mukuru wanjye gusura nyogokuru.

Tugezeyo twasanze hari abana baturanye bamusuye. Nibajije ukuntu turi bukinane ntabazi mpita mbasaba ngo dukine umukino wo kwibwirana umurezi wacu yatwigishije. Mbabwira uko tuwukina: Uvuga izina ryawe n'ikintu ukunda.

Nyogokuru mbona arabyemeye ahubwo ntangazwa n'uko na we agiye gukina natwe. Nyogokuru aratangira ati: "Nitwa Nyiramariza, nkunda abana nkamwe. Nkurikiraho nti" Nitwa Shema, nkunda gukina umupira." Mushiki wange ati" Nitwa Ishimwe, nkunda kuririmba" Ba bana twahasanze na bo barakomeza, umwe atii: "Nitwa Uwituze, nkunda gusoma ibitabo. Undi ati: 'Nitwa Ganza, nkunda amata. Twese turaseka maze Nyogokuru ati: Nimuze bana banjye mbahe amata.

- Somera abana inkuru ku nshuro ya kabiri
- Baza ibibazo bikurikira utegereze bagusubize:
  - 1) Inkuru yitwa ngo iki? (**Yitwa Shema kwa nyirakuru**)
  - 2) Umwana ubara iyi nkuru yitwa nde? (**Yitwa Shema**)
  - 3) Uwo abana basuye yitwa nde? (**Yitwa Nyiramariza, ni nyirakuru**)


**10:50 - 11:30 : Inguni nkunda**



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)**

*Nimuze (2) dukine (x2) dukinire mu nguni (x2) dukunda (x2) (Mu nyana ya Frere Jacques)*

Mu gihe cyo gukinira mu nguni, abana bashobora gukinira mu nguni zitandukanye 4. Ifashishe ibikubiye mu mugereka wa mbere, mu gitabo cya mbere.



**Gutegura inguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)**

- Tegura ibikinsho byo muri buri nguni 4: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'imikino yigana, n'inguni y'ururimi:
  - ✓ **Mu nguni yo guhanga no kubaka:** hashyire utubuye, udukiye, uducupa, uduce tw'urudodo, impapuro, amakaramu y'igiti, udutafari, imigozi y'ibirere, n'ibindi;

- ✓ **Mu nguni y'imibare:** hashyire amakarita y'imibare, amakarita y'ibidomo, udutambaro tw'amabara atandukanye, uducupa tunini n'uduto, ibibabi binini n'ibito, utubuye;
  - ✓ **Mu nguni y'imikino yigana:** hashyire ibikiniso by'imodoka, ibikoresho byo mu gikoni, ibipupe, ibitambaro, ibikiniso by'itumanaho, n'ibindi. Abana ubwabo bashobora kwishakira ibikiniso bitewe n'icyo bashaka gukina;
  - ✓ **Mu nguni y'ururimi:** hashyire amakarita ariho imirongo ihagaze, itambitse n'iberamye, ibumba niba rihari, uduce tw'udukarito tutanditseho, amakaramu y'igiti.
- Saba buri mwana ajye mu nguni ashaka.

### Gukinira mu nguni

- Ha abana urubuga bakinishe bya bikoresho uko babyumva;
- Shishikariza abana gusaranganya ibyo bikoresho;
- Gendagenda mu matsinda ubaza abana ibyo barimo gukora kandi ushishikarize bose gukora. Tanga ubufasha aho bukenewe;
- Reka abana bakinire mu itsinda mu gihe k'iminota igera ku icumi.
- Koma amashyi gatatu nk'ikimenyetso cyo guhinduranya inguni. (Buri nguni bayimaramo iminota 10). Niba hari umwana ushaka kuguma mu nguni imwe, bimwemerere azahindure undi minsi.

### Gusozza ibikorwa byo mu nguni

- Saba abana gushyira ibyo bakoresheje ahabugenewe no gusukura aho bakiniye.
- Soza igikorwa ushimira abana bose.

### Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agenda atera

Reba ko abana basangira ibikiniso, batangiza ibikoresho, basubiza ibibazo, bandurura bakanasukura aho bakoreye.

**11:30-11:50: Duhange**



### Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bya Duhange (Igihe cyose kuri iyi saha)

*Nimuze duhange, duhange duhange, nimuze duhange kandi tubyine (mu njyana ya "habayeho akanuma")*

### **Kuririmba indirimbo y'ukwezi: Wowe witwa nde? (Igihe cyose kuri iyi saha)**

- Itegure: ubanze kwitoza kuririmba neza indirimbo "Nshuti yanjye" mbere yo kuyigisha abana

*Nshuti yanjye, nshuti yanjye witwa nde ?*

*Njyewe nitwa, njyewe nitwa Teta*

*Wowe witwa nde?*

*Lalala lelelewule (X4)*

*Nishimiye kumenyana n'inshuti yanjye (X2).*

- Tangira kwigisha abana iyo ndirimbo uririmba mu ijwi ugaragaza amarangamutima bijyanye.
- Ririmba interuro ya mbere, abana basubiremo. Komeza utyo ku nteruro zose.
- Komeza ubasubirishemo kugeza bayifashe mu mutwe.
- Fasha abana batavuga neza amagambo ayigize , abavuga uburimi,...

### **11:50 -12:00: Gusezeranaho ku ruziga**



### **Kuririmba indirimbo yo gusezeranaho ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)**

*Abarezi bacu turabakunda cyane. Batwigisha neza bikatunezeza. Twajya gutaha tukabasezeraho. Bayi, bayi tuzabona ejo.*

- Syira abana ku ruziga
- Babwire bafatane mu biganza.
- Bafashe kuririmba indirimbo yo gusezeranaho, wite ku bafite imbogamizi ku buryo bwihariye.
- Saba abana kuririmba bonyine indirimbo yo gusezeranaho.
- Sezera abana ubereka urugwiro, ubashishikarize kuzaza ejo badakererewe.

## Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kabiri

7:30-8:00: Ikaze ku ruziga



**Kuririmba indirimbo y'ikaze ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo:** Bwakeye, Bwakeye. Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

8:00-8:30: Tumenye ibidukikije



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu bidukikije (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo:** Tumenye, ibidukikije. Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

**Kuvuga amazina ye, kuvuga niba ari umuhungu cyangwa umukobwa**

- Tegura agapira gato kandi korohereye.
- Saba abana guhagarara ku ruziga
- Tangira uti: "Uyu muni, tugiye kumenyana kurushaho: uravuga izina ryawe unatubwire niba uri umuhungu cyangwa umukobwa. Uwo baha agapira ni we uzajya atwibwira."
- Hereza umwana agapira umusabe kuvuga izina rye, yongereho niba ari umuhungu cyangwa umukobwa.

Urugero: **Nitwa Teta, ndi umukobwa.**

**Nitwa Shema, ndi umuhungu.**

- Komeza uhereze abandi bana agapira ku ruziga kugeza bose bamaze gusubiza.

**Icyitonderwa:** Niba hari umwana utazi niba ari umuhungu cyangwa umukobwa umufashe.

**Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:**

Komeza gufasha abana bagaragaza ingorane mu kuvuga amazina yabo, no kuvuga niba ari abahungu cyangwa ari abakobwa.



### Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (Igihe cyose kuri iyi saha)

**Indirimbo:** itonde ry'inyuguti. ABCD-EFGH-IJKL-MNOP-RSTU-VWYZ. Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

### Kuvuga umuvugo (Igihe cyose kuri iyi saha)

**Umuvugo:** Izina ryanjye

- Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere usabe buri mwana gusubiramo umuvugo, buri mwana avuga izina rye.
- Urugero: Umwana **Irudukunda** atangira umuvugo agira ati: Nitwa **Irudukunda**, akomeze.

- Fatanya n' abana gushimira umwana mugenzi wabo bamuha amashyi y'uturabo.

**Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.**

- Genzura ko umwana yashoboye kuvuga umuvugo asimbuza izina rye ahari Shema.
- Abatabishoboye ubafashe.

### Kugenda kuri gahunda ku murongo (Ku wa mbere)

- Jyana abana hanze ubashyire ku murongo.
- Sobanurira abana ko mugiyeye kugenda ku murongo ugororotse utambitse, mugendera kuri gahunda nk'abasirikare.
- Mu gihe mugenda, vuga uti "Turi ku murongo". Bisubiremo inshuro nyinshi.
- Musubire mu nzu.

### Kugenda ku murongo utambitse (Ku wa Kabiri no ku wa Gatatu)

- Jyana abana hanze.
- Shushanya umurongo muremure utambitse hasi (nka metero 4). Bwira abana bagende hejuru y'umurongo, umwe inyuma y'undi.
- Kora nk'uko wakoze mu cyumweru cya mbere ku murongo uhagaze. Hindura uburyo abana bagenda ku murongo (basimbuka n'ukuguru kumwe, basimbuka n'amaguru yombi, basubira inyuma).

**Icyitonderwa:** Umwana ufite ubumuga bw'amaguru ugendera mu igare cyangwa ugendera ku mbago akora umwitozo wo kugenda ku murongo gusa.

### Kubaka umurongo utambitse

- Kora uko wakoze mu kubaka umurongo uhagaze.



**Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.**

- Igihe abana bakora umwitozo, itegereze uko buri mwana agenda ku murongo utambitse n'uko bawubaka, ukomeze gufasha abagaragaza ingorane.

**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Indirimbo: *Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu karindwi, umunani, icyenda, icumi.*

**Gutahura ibintu bifite ibara ry'umutuku (Kuwa mbere)**

Ibara ry'umutuku:



- Saba abana kwitegereza imyenda bambaye n'ibindi bintu babona hafi bifite amabara atandukanye.
- Ereka abana ikintu cyangwa umwenda ufite **ibara ry'umutuku**.
- Saba abana bose gusubiramo "**ibara ry'umutuku**".
- Saba umwana umwe kwerekana umwenda cyangwa ikindi kintu gifite ibara ry'umutuku.
- Shimira umwana utahuye umwenda w'umutuku.

**Gutahura ibintu bifite ibara ry'umuhondo (Kuwa kabiri no kuwa gatatu)**

Ibara ry'umuhondo:



- Kora nk'uko wabigenje ku **ibara ry'umutuku**.

**Gukora ibirundo ushingiyeye ku mabara (umutuku, umuhondo)**

- Tegura ibintu bifite amabara y'umutuku, umuhondo n'ayandi mabara atandukanye: uduce tw'imyenda, imyenda, indabo, inkweto, ibikombe, n'ibindi. Shyira ibyo bintu mu gakarito ubivangavange.



- Shushanya inziga ebyiri nini ku butaka. Mu ruziga rumwe, shyiramo igikoresho cy'umutuku (urugero: igikombe cy'umutuku). Mu rundi ruziga shyiramo igikoresho cy'umuhondo (Urugero: igikombe cy'umuhondo).
- Fasha abana gushyira mu ruziga rumwe ibintu **bifite ibara ry'umutuku**.



- Saba abana babiri gushyira mu rundi ruziga ibintu bifite **ibara ry'umuhondo**



- Ongerera ubivange, ukomeze uwo mwitoto n'abandi bana.
- Saba abana gushakisha aho bari no hafi y'urugo ibindi bintu bifite ibara ry'umutuku n'umuhondo. Ibyo babonye babishyire mu ruziga rurimo ibyo bihuje ibara.

**Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri cyumweru:**

**Urugero:**

- Kora ku kintu gifite ibara ry'umutuku.
- Nyereka ikintu gifite ibara ry'umuhondo.

**9:20 - 9:30: Twite ku buzima bwacu**



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Igihe kuri iyi saha)**

**Indirimbo: *Nkunda kwita ku mubiri wanjye*.** Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

**Ibikorwa bijyanye n'isuku no kwiyitaho (Igihe cyose bitagombereye iyi saha)**

- Kumenyereza abana kujya ku bwihereho, kubukoresha neza, kwisukura bamaze kwituma, gukaraba intoki, gutoza abana isuku
- Toza abana kuvuga uko biyumva, kuvuga ko bashaka kujya mu bwihereho ntibiyitumeho cyangwa ngo bitumen mu myenda.

**Ibuka guhora ugenzura intambwe buri mwana agenda atera:**

Ku buryo buhoraho, genzura ko abana bakoresha ubwihereho neza, bakaraba intoki igihe bavuyeyo, baza abana uko biyumva unabatege amatwi.

9: 30 - 10:00: Dusangire



**Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo kunywa igikoma (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Uku ni ko nywa igikoma.** Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

10:00-10:30: Dukinire hanze



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Iyo tugenda kuri gahunda.** Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

**Kuririmba indirimbo banagenda kuri gahunda**

**Indirimbo: Iyo tugenda kuri gahunda.**

**Kuririmba indirimbo banagenda kuri gahunda: Iyo tugenda kuri gahunda**

- Saba abana bakore umurongo umwe
- Ririmbana n'abana indirimbo yo tugenda kuri gahunda
- Berekere uko muguye kuyiririmba mugendera ku njyana imwe
- Fatanya n'abana, muririmbe mugendera kuri gahunda: muzunguza amaboko, ku ntambwe imwe)

**Gukina imikino abana bihitiyemo (Igihe cyose kuri iyi saha)**

- Genzura niba imbuga itunganye ku buryo nta bintu byakomeretsa abana
- Reka abana bakine imikino bihitiyemo kandi ukurikiranire hafi ibyo bakina n'uko babikina.
- Ibutsa abana ko bagomba gukina neza batarwana.
- Shishikariza abana bose gukina, fasha abigunga cyangwa abiheza
- Fasha abafite imbogamizi niba bahari.

10:30-10:5: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze



**Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma/guca imigani/gusakuza (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Nkunda gusoma:** Reba iyi ndirimbo mu cyumweru cya mbere.

**Gutega amatwi no gusubiza ibibazo ku nkuru**

- Somera abana inkuru y'ukwezi: **Shema kwa nyirakuru** iri mu cyumweru cya mbere.
- Baza ibibazo bikurikira:
  - 1) Abana Shema yasanze kwa nyirakuru bitwa ba nde? (**Bitwa Uwituze na Ganza**)
  - 2) Umwana ukunda amata yitwa nde? (**Yitwa Ganza**)
  - 3) Umwana ukunda gusoma ibitabo yitwa nde? (**yitwa Uwituze**)

10:50- 11:30: Inguni nkunda



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni. Nimuze dukine (Igihe cyose kuri iyi saha).** Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

Mu gihe cyo gukinira mu nguni, abana bashobora gukinira mu nguni zitandukanye 4. Ifashishe ibikubiye mu mugereka wa mbere mu gitabo cya mbere.

**Gutegura inguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Tegura ibikinisho byo muri buri nguni 4: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'imikino yigana n'inguni y'ururimi.

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

**Gukinira mu nguni**

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere:

**Gusoza ibikorwa byo mu nguni**

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

**Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agenda atera:**

Genzura ko abana basangira ibikinisho batabirwanira, batangiza ibikoresho, babikinisha uko bikwiye ngo bitabangiza, bandurura bakanasukura aho bakoreye.

11:30-11: 50: Duhange



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bya Duhange (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Nimuze duhange** (mu njyana ya habayeho akanuma). Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

**Kuririmba indirimbo y'ukwezi: Wowe witwa nde? (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

11:50 -12:00: Gusezeranaho ku ruziga



**Kuririmba indirimbo yo gusezeranaho Ku ruziga (Igihe yose kuri iyi saha)**

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

**Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya gatatu**

7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga



**Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cy'ikaze ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

8:00-8:30: Tumenye ibidukikije



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu bidukikije (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Tumenye, ibidukikije** (mu njyana ya "Namanutse umusozi n'amaguru").

**Kuvuga amazina ye, kuvuga niba ari umuhungu cyangwa umukobwa n’imyaka ye.**

- Tegura agapira gato kandi korohereye.
- Saba abana guhagarara ku ruziga
- Tangira uti: “Uyu muni, tugiye kumenyana kurushaho: uravuga izina ryawe unatubwire niba uri umuhungu cyangwa umukobwa n’imyaka ufite. Uwo baha agapira ni we uzajya atwibwira.”
- Hereza umwana agapira umusabe kuvuga izina rye, yongereho niba ari umuhungu cyangwa umukobwa anavuge imyaka ye.

Urugero: **Nitwa Teta, ndi umukobwa, mfite imyaka 3.**

**Nitwa Shema, ndi umuhungu, mfite imyaka 5.**

- Komeza uhereze abandi bana agapira ku ruziga kugeza bose bamaze gusubiza.

**Icyitonderwa:** Niba hari umwana utazi imyaka ye umusabe kuyibaza ababyeyi be ariko niba uyizi uyimubwire.

**Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:**

Komeza gufasha abana bagaragaza ingorane mu kuvuga amazina yabo, no kuvuga niba ari abahungu cyangwa ari abakobwa n’imyaka yabo.

**8:30-8:50:Tunoze Ikinyarwanda**



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by’Ikinyarwanda (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Itonde ry’inyuguti.** Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

**Kuvuga umuvugo: (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Umuvugo: Izina ryanjye**

- Saba buri mwana gusubiramo umuvugo (Reba mu cyumweru cya mbere)
- Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho
  - Genzura ko abana bose bavuga umuvugo
  - Fafasha abana byanananiye,
  - Soza ushimira abana bose.

### **Kugenda kuri gahunda ku murongo uberamiye ibumoso (Ku wa mbere)**

- Jyana abana hanze ubashyire ku murongo.
- Sobanurira abana ko mugiyeye kugenda ku murongo ugororotse uberamiye ibumoso, mugendera kuri gahunda nk'abasirikare.
- Mu gihe mugenda, vuga uti "Turi ku murongo". Bisubiremo inshuro nyinshi.
- Musubire mu nzu.

### **Kugenda ku murongo uberamiye ibumoso (Ku wa Kabiri no ku wa Gatatu)**

- Jyana abana hanze.
- Shushanya umurongo muremure uberamiye ibumoso hasi (nka metero 4).
- Bwira abana bagende hejuru y'umurongo, umwe inyuma y'undi.
- Kora nk'uko wakoze mu cyumweru cya mbere ku murongo uhagaze. Hindura uburyo abana bagenda ku murongo (basimbuka n'ukuguru kumwe, basimbuka n'amaguru yombi, ku murongo basubira inyuma).

**Icyitonderwa:** *Umwana ufite ubumuga bw'amaguru ugendera mu igare cyangwa ugendera ku mbago akora umwitozo wo kugenda ku murongo gusa.*

### **Kubaka umurongo uberamiye ibumoso (ku wa Kane)**

- Kora uko wakoze mu kubaka umurongo uhagaze.



### **Kubumba umurongo uberamiye ibumoso (ku wa Gatanu)**



Kurikiza inama zirebana no kubumba umurongo uhagaze.

### **Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.**

Igihe abana bakora umwitozo, itegereze uko buri mwana agenda ku murongo uberamiye ibumoso n'uko bawubaka/bawubumba, ukomeze gufasha abagaragaza ingorane.

**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Igihe cyose kuri iyi saha)**

*Indirimbo: Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu karindwi, umunani, icyenda, icumi.  
Kuririmba babiri babiri bakubita mu biganza (Reba mu cyumweru cya mbere)*

**Gukora ibirundo by'ibintu binini n'ibito**

- Tegura ibintu binini n'ibindi bito biri aho hafi: ibijumba, ibirayi, ibikombe, utudobo, n'ibindi.
- Vangavanga ibyo bintu.



- Fasha abana gukora amatsinda 2 y'ibintu byo mu bwoko bumwe ashingiye ku bunini bwabyo: Urugero itsinda ry'ibirayi binini n'itsinda ry'ibirayi bito.



- Hindura ibirayi ubisimbuzwe ibijumba cyangwa ibindi biri hafi, uvange ibito n'ibinini;
- Saba abana gukora ikirundo cy'ibinini n'ikirundo cy'ibito.
- Komeze uwo mwitoto n'abandi bana ukoresheje ibindi bikoresho.

**Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:**

Ingero: Kora ku ndobo nini; mpereza agakombe gato.

**9:20 – 9:30: Twite ku buzima bwacu****Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Igihe cyose kuri iyi saha)**

*Indirimbo: Nkunda kwita ku mubiri wanjye* Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

**Ibikorwa bijyanye n'isuku no kwiwitaho (Igihe cyose bitagombereye iyi saha)**

- Kumenyereza abana kujya ku bwihereho no kubukoresha neza
- Gukaraba intoki, gutoza abana isuku y'imyenda y'imbere,
- Gutoza abana kuvuga uko biyumva, gusaba kujya mu bwihereho.

**Ibuka guhozaho ugenzura intambwe buri mwana agenda atera:**

Ku buryo buhoraho, genzura ko abana bakoresha ubwihereho neza, bakaraba intoki igihe bavuyeyo, baza abana uko biyumva unabatege amatwi.

**9: 30 - 10:00: Dusangire**



**Kuririmba indirimbo iranga igihe cyo kunywa igikoma (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Uku ni ko nywa igikoma.** Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

**10:00-10:30: Dukinire hanze**



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Iyo tugenda kuri gahunda.** Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

**Kuririmba indirimbo bagenda kuri gahunda: Iyo tugenda kuri gahunda**

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya kabiri.

**Gukina imikino abana bihitiyemo (Igihe cyose kuri iyi saha)**

- Genzura niba imbuga itunganye ku buryo nta bintu byakomeretsa abana
- Reka abana bakine imikino bihitiyemo
- Tegura ibikinisho bitandukanye: imigozi, imipira yo gukina, utumodoka dukoze mu bivovo, mu ducupa, mu tujerekani n'ibindi bikinisho ushobora kubona.
- Reka abana bakine imikino bihitiyemo bakoresheje ibyo bikoresheho (gusimbuka, gukina umupira w'amaguru, kugendesha imodoka...)
- Kurikiranira hafi ibyo bakina, uko babikina kandi ukine na bo..
- Ibutsa abana ko bagomba gukina neza batarwana, badahutazanya, batamwazanya,...
- Shishikariza abana bese gukina.

10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze



**Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma/guca imigani/Gusakuza (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Nkunda gusoma**

**Umwitozo ufatiye ku nkuru**

- Ongerera usomere abana inkuru yasomwe mu cyumweru cya mbere.
- Saba buri mwana avuge izina rye n'icyo akunda: Wowe ukunda iki?
- Akira ibisubizo byose kandi ufatanye n'abana gushimira uvuze.
- Tinyura abagira isoni

10:50- 11:30: Inguni nkunda



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo : Nimuze dukine.**

Mu gihe cyo gukinira mu nguni, abana bashobora gukinira mu nguni enye. Ifashishe ibikubiye mu mugereka wambere, mu gitabo cya mbere.

**Gutegura inguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)**

- Tegura ibikinisho/ibikoresho bitandukanye ubishyire mu nguni enye (4): inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'imikino yigana n'inguni y'ururimi.
- Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

**Gukinira mu nguni**

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

**Gusoza ibikorwa byo mu nguni**

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

**Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agenda atera:**

Genzura ko abana basangira ibikinisho batabirwanira, batabyangiza, babikinisha uko bikwiye ,ngo bitabangiza,bandurura ibyo bakoresheje bakanasukura aho bakoreye.

11:30-11: 50: Duhange



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bya Duhange (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: *Nimuze duhange*.** Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

**Kuririmba indirimbo y'ukwezi: Wowe witwa nde? (Igihe cyose kuri iyi saha)**

- Komeza ubasubirishemo kugeza bayifashe mu mutwe.
- Fasha abavuga uburimi, abadidimanga ,...

11:50 -12:00: Gusezeranaho ku ruziga



**Kuririmba indirimbo yo gusezeranaho ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

**Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kane**

7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga:



**Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cy'ikaze ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Kora uko wakoze icyumweru cya mbere mu kwezi kwa mbere.

8:00-8:30: Tumenye ibidukikije



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu bidukikije (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: *Tumenye, ibidukikije*.** Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere mu kwezi kwa mbere.

**Kuvuga amazina ye, kuvuga niba ari umuhungu cyangwa umukobwa n'imyaka ye, n'amazina y'ababyeyi (kuva ku wa Mbere kugeza ku wa Gatatu)**

- Tegura agapira gato kandi korohereye.
- Saba abana guhagarara ku ruziga
- Tangira uti: "Uyu muni, tugiye kumenyana kurushaho: uravuga izina ryawe unatubwire niba uri umuhungu cyangwa umukobwa, imyaka ufite n'amazina y'ababyeyi. Uwo baha agapira ni we uzajya atwibwira."
- Hereza umwana agapira umusabe kuvuga izina rye, yongereho niba ari umuhungu cyangwa umukobwa anavuge imyaka ye n'amazina y'ababyeyi be.

Urugero:

- ✓ **Nitwa Teta, ndi umukobwa, mfite imyaka 3, Data yitwa Mugabo. Mama yitwa Mariza.**
- ✓ **Nitwa Shema, ndi umuhungu, mfite imyaka 5. Data yitwa Muhire. Mama yitwa Kayitesi.**
- Komeza uhereze abandi bana agapira ku ruziga kugeza bese bamaze gusubiza.

**Umukino wo kwibwirana: Ese muranzi? (ku wa Kane no ku wa Gatatu)**

- Shyira abana ku ruziga.
- Sobanura uko umukino wo kwibwirana ugenda.
- Saba buri mwana umwe kujya imbere mu ruziga umufashe kwibwira abandi mu buryo bukurikira, abandi bamusubiza aho bisabwa, bishimye kandi bakoma amashyi:
- Fasha abana bafite ubumuga kubikora uhereye ku byo bashobora

Urugero:

1. **Ese muranzi (X2)? (Oya da!)**  
2. **Mbibwire? Yego.**

3. **Nitwa Ineza,**  
4. **Mfite imyaka 5,**

5. **Ndi umukobwa**  
6. **Nkunda abantu.**

**8:30-8:50: Tunoze Ikinyarwanda**



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Indirimbo: **Itonde ry'inyuguti.** Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

**Kuvuga umuvugo: (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Umuvugo: **Izina ryanjye**

- Saba buri mwana gusubiramo umuvugo ariko ahari Shema ahashyire izina rye.

**Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi**

- Genzura ko abana bese bafashe mu mutwe umuvugo w'ukwezi kwa mbere.
- Abagifite utubazo ubafashe

### **Kugenda kuri gahunda ku murongo uberamiye iburyo (Ku wa mbere)**

- Jyana abana hanze ubashyire ku murongo.
- Sobanurira abana ko mugiyeye kugenda ku murongo ugororotse uberamiye iburyo, mugendera kuri gahunda nk'abasirikare.
- Mu gihe mugenda, vuga uti "Tugiyeye ku murongo". Bisubiremo inshuro nyinshi.
- Musubire mu nzu.

### **Kugenda ku murongo uberamiye iburyo (Ku wa Kabiri no ku wa Gatatu)**

- Jyana abana hanze.
- Shushanya hasi umurongo muremure uberamiye iburyo (nka metero 4). Bwira abana bagende hejuru y'umurongo, umwe inyuma y'undi.
- Kora nk'uko wakoze mu cyumweru cya mbere ku murongo uhagaze. Hindura uburyo abana bagenda ku murongo (basimbuka n'ukuguru kumwe, basimbuka n'amaguru yombi, ku murongo asubira inyuma).

**Icyitonderwa:** Umwana ufite ubumuga bw'amaguru ugendera mu igare cyangwa ugendera ku mbago akora umwitozo wo kugenda ku murongo.

### **Kubaka umurongo uberamiye iburyo (ku wa Kane)**

- Kora uko wakoze mu kubaka umurongo uhagaze.



### **Kubamba umurongo uberamiye iburyo (ku wa Gatanu)**



Kurikiza inama zirebana no kubamba umurongo uhagaze.

### **Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.**

Igihe abana bakora umwitozo, itegereze uko buri mwana agenda ku murongo uberamiye ibumoso n'uko bawubaka/bawubumba, ukomeze gufasha abagaragaza ingorane.

**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Igihe cyose kuri iyi saha)**

*Indirimbo: Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu karindwi, umunani, icyenda, icumi.*

**Kubara ikintu kimwe (Ku wa Mbere)**

- Tegura ibintu bitandukanye muri bukenere mu kubara: utubuye, uduzi, ibikombe, n'ibindi
- Ereka abana ikintu kimwe: Urugero: igikombe kimwe; agati kamwe; akabuye kamwe, ikayi 1.
- Saba abana batandukanye berekane ikintu kimwe gusa mu bintu bafite: urutoki rumwe, agati kamwe, akabuye kamwe, ikaramu imwe.

**Guhuza umubare n'ibidomo (ku wa Kabiri)**

- Shyira abana ku ruziga
- Shyira ikarita yanditseho umubare 1 n'ikarita ishushanyijeho akadomo kamwe mu ruziga aho abana bose bashobora kuyabona neza.
- Bwira abana gushaka ikintu kimwe kiri hafi y'aho bari. Tanga urugero nk'ikibabi, ibuye, agati, urukweto, igikombe, ikijumba, ikaramu, cyangwa intebe.
- Saba buri mwana kuzana ikintu kimwe gusa, agisubize mu ruziga hafi y'ikarita yanditseho umubare 1.

**Kubaka umubare 1 yifashishije ibintu bifatika: uduzi, utubuye (Kuwa Gatatu no kuwa Kane)**

- Tegura utubuye n'uduzi abana bose bari bukoreshye.
- Bwira abana ko mugiyeye gukora **umubare 1**
- Tanga urugero wubake **umubare 1** ukoresheje utubuye cyangwa uduzi.





- Saba buri mwana gukora uyu mwitozo
- Genzura ko abana bose bashoboye gukora **umubare 1**
- Fasha abatabishoboye

### **Kubumba umubare 1 (Ku wa Gatanu)**

Niba aho mutuye haboneka ibumba

- Fata akanya ubanze utegure ukate ibumba ku buryo ryorohera abana kurikoresha
- Erekerabana uko babumba umurongo uhagaze, utambitse, uberamiye iburyo, uberamiye ibumoso n'umubare 1.
- Saba buri mwana abumbe umurongo uhagaze, utambitse, uberamiye iburyo, uberamiye ibumoso n'umubare 1.
- Genzura ko buri mwana abumba umurongo uhagaze, utambitse, uberamiye iburyo, uberamiye ibumoso n'umubare 1.



**Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi:**

- Saba buri mwana kwerekana ikintu kimwe; kubaka/ kubumba umubare 1 .

**9:20 – 9:30: Twite ku buzima bwacu**



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: *Nkunda kwita ku mubiri wanjye.*** Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

**Ibikorwa bijyanye n'isuku no kwiyitaho (Igihe cyose bitagombye iyi saha)**

- Kumenyereza abana kujya ku bwihereho no kubukoresha neza
- Gukaraba intoki, gutoza abana isuku y'imyenda y'imbere,
- Toza abana kuvuga uko biyumva, gusaba kujya mu bwihereho,

**Ibuka guhozaho ugenzura intambwe buri mwana agenda atera:**

Ku buryo buhoraho, genzura ko abana bakoresha ubwiherezo neza, bakaraba intoki igihe bavuyeyo, kubaza abana uko biyumva no kubatega amatwi.

### 9:30 - 10:00: Dusangire



**Kuririmba indirimbo yibutsa abana ko ari igihe cyo kunywa igikoma (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Uku ni ko nywa igikoma.** Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

### 10:00-10:30: Dukinire hanze



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Iyo tugenda kuri gahunda**

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

**Kuririmba indirimbo: Iyo tugenda kuri gahunda**

Fatanya n'abana, muririmbe mugenda kuri gahunda: muzunguza amaboko, ku ntambwe imwe.

**Gukina imikino abana bihitiyemo (Igihe cyose kuri iyi saha)**

- Genzura niba imbuga itunganye ku buryo nta bintu byakomeretsa abana cyangwa n'ikindi cyateza impanuka
- Tegura ibikinisho bitandukanye: imigozi, imipira yo gukina, utumodoka dukoze mu bivovo, mu ducupa, mu tujerekani n'ibindi bikinisho ushobora kubona.
- Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze



**Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma/guca imigani/gusakuza (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: *Nkunda gusoma***

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

**Umwitozo: Kuvuga muri make inkuru y'ukwezi: Shema kwa nyirakuru.**

Saba abana umwe umwe bavuge muri make ibyo bumvise mu nkuru. Ubafashe gukurikiranya inkuru ntibacurikiranye ibitekerezo. Buri gihe mwibuke gushimira umwana uvuze. Tinyura abagira isoni, abavuga uburimi ubakosore.

10:50 - 11:30 : Inguni nkunda



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni : (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: *Nimuze dukine*.** Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

Mu gihe cyo gukinira mu nguni, abana bashobora gukinira mu nguni zitandukanye 4. Ifashishe ibikubiye mu mugereka wa mbere mu gitabo cya mbere.

**Gutegura inguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Tegurara ibikinisho byo muri buri nguni 4: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'imikino yigana n'inguni y'ururimi. Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

**Gusoza ibikorwa byo mu nguni**

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

**Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agenda atera:**

Genzura ko abana basangira ibikinisho batarwana, batangiza ibikoresho, bandurura bakanasukura aho bakoreye.

11:30-11: 50: Duhange



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bya Duhange (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Nimuze duhange.** Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

**Kuririmba indirimbo y'ukwezi: Wowe witwa nde? (Igihe cyose kuri iyi saha)**

- Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

**Kwishushanya**

- Ha buri mwana urupapuro n'ikaramu y'igiti cyangwa niba bafite amakaye abe ari yo bakoresha;
- Saba buri mwana kwishushanya;
- Shimira buri mwana kubera ubushake bagaragaje.
- Igihe barangije, andika amazina yabo iruhande rw'ibishushanyo byabo.

**Ikitonderwa:** Ibuka ko abana batari ku rwego rumwe rw'imikurire, bityo ibishushanyo byabo bishobora kudasa, bishobora no kuba bitandukanye n'iby'abantu bakuru. Irinde guca abana intege ubabwira ko bashushanyije nabi kuko ibyo bakoze bijyanye n'ikigero barimo .

11:50 -12:00: Gusezeranaho ku ruziga





**Kuririmba indirimbo yo gusezeranaho ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)**

- Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

## UKWEZI KWA KABIRI

Insanganyamatsiko: Umubiri wanjye





## Akamaro k'iyi nsanganyamatsiko

Ibikorwa by'ukwezi kwa kabiri ku ngengabihe ya Gahunda y'ibikorwa mu Rugo Mbenezamukurire y'Abana Bato bishamikiye ku nsanganyamatsiko yitwa **"Umubiri wanjye"** kugira ngo umwana muto amenyerezwe hakiri kare gutandukanya ibice bigize umubiri w'umuntu n'akamaro kabyo. Ni umwanya mwiza utuma umwana asobanukirwa ko buri gice kigize umubiri gifite akamaro kandi ibice byose byuzuzanya. Ni igihe cyiza kandi umwana muto amenya ko mu gihe haba hari igice kidahari cyangwa kidakora neza, ibindi bice bihari byishyira hamwe bigakora neza mu mwanya w'ibidahari. Umurezi aboneraho agasobanurira abana ko bagomba gukura bubaha abantu bafite ubumuga.

## Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya mbere

7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga



**Kuririmba indirimbo y'ikaze ku ruziga (Igihe kuri iyi saha).**

Indirimbo: Bwakeye, Bwakeye.

8:00-8:30: Tumenye ibidukikije



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu bidukikije**

Indirimbo: Tumenye ibidukikije.

### Umukino: Simoni aravuze

- Tunganya ahantu abana bashobora gukorera bisanzuye;
- Saba abana kujya ku ruziga;
- Sobanura ko mugiyeye gukina umukino witwa 'Simoni aravuze' ariko mwibanda ku bice by'ingenzi by'umubiri (**umutwe, ku gihimba, ku maguru, ku maboko**)  
Urugero: Nimvuga ngo Simoni aravuze ngo: fata ku mutwe, urafata ku mutwe wawe!"
- Tangira umwitozo ugende uhinduranya ibice by'ingenzi by'umubiri ku buryo bukurikira, ugenzure ko abana bakora ku gice cy'umubiri uvuze kandi ufatanye na bo:
  - ✓ Simoni aravuze ngo: "Kora ku mutwe wawe"
  - ✓ Simoni aravuze ngo: "Kora ku gihimba cyawe"
  - ✓ Simoni aravuze ngo: "Fata ku maguru",
  - ✓ Simoni aravuze ngo: "Zamura amaboko yawe"
- Genda witegereza ko abana bakora ku gice cy'umubiri kivuzwe. Subiramo uwo mwitozo ufashe abitiranya ibice by'ingenzi by'umubiri.

### Kwitegereza ku mashusho no kuvuga ibice by'ingenzi bigize umubiri w'umuntu

- Saba abana kwitegereza ishusho ya mbere iteganyijwe mu kwezi kwa 2 muri iki gitabo yerekana ibice by'ingenzi bigize umubiri w'umuntu. Umwana utabona, abikoraho ku mubiri we.
- Mu gihe abana bamaze nk'iminota 2 bitegereza, basabe kuvuga ku byo babona ku mashusho: Ni iki mubona ku ishusho?  
*Urugero: Ndabona ishusho y'umuntu, ndabona umutwe, amaguru, amaboko.*
- Vuga: **umubiri w'umuntu ugizwe n'ibice by'ingenzi: umutwe, igihimba, amaguru n'amaboko.**
- Saba abana bose gusubiramo kandi bakora kuri buri gice ku mubiri wabo: **umutwe, igihimba, amaboko, amaguru.**

### Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

- Saba umwana gukora ku gice cy'umubiri umubwiye: umutwe, amaguru,
- Saba umwana kuzamura amaboko, ukuguru, ...

### 8:30-8:50: Tunoze Ikinyarwanda



### Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (Igihe kuri iyi saha).

Indirimbo: itonde ry'inyuguti.

### Kuvuga umuvugo (Iminsi yose kuri iyi saha)

#### Umuvugo: Ibice bigize umubiri wanjye

*Hari umutwe. (akora ku mutwe)*

*Hari igihimba, (yerekana igihimba)*

*Hari amaguru (azamura amaguru)*

*N'amaboko (ashyira amaboko hejuru)*

*Byose bimfitiye akamaro!*

- Itegere usoma umuvugo mbere yo kuwusomera abana:
- Vuga umuvugo mu ijwi riranguruye kandi **ukora kuri buri gice cy'umubiri kivuzwe.**
- Saba abana kuvuga umuvugo bakora ku gice bavuze.
- Genzura ko amagambo bavuga ahura n'ibice berekana.

### Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho:

- Saba buri mwana kujya imbere avuge umuvugo akora kuri buri gice cy'umubiri avuze kandi adacurikiranya amagambo.

### Kugenda ku murongo uheteze ibumoso (Ku wa Mbere no ku wa Kabiri)

- Jyana abana hanze.
- Shushanya hasi umurongo muremure uheteze ibumoso
- Jya imbere y'abana ku ntangiro y'umurongo usabe abana bahagarare hejuru y'umurongo, umwe inyuma y'undi. (Ushobora kunyanyagiza ingwa bakoresha basiga amazu, cyangwa ivu ku murongo kugira ngo ugaragare neza)
- Reka abana babikore bonyine ariko bahindure icyerecyezo bagende hejuru y'umurongo.
- Saba abana bagende basimbuka hejuru y'umurongo n'ukuguru kumwe; bahindure icyerecyezo basimbuke n'amaguru yombi.

**Icyitonderwa:** Umwana ufite ubumuga bw'amaguru ugendera mu igare cyangwa ugendera ku mbago akora umwitozo wo kugenda hejuru murongo gusa.

### Kubaka umurongo uheteze ibumoso (Ku wa Gatatu no ku wa Kane)

- Tegura udukarita turiho umurongo uheteze ibumoso, utubuye n'umugozi, abana bose bari bukoreshe.
- Bwira abana ko mugiyeye gukora umurongo uheteze ibumoso.
- Tanga urugero wubake umurongo uheteze ibumoso ukoresheje utubuye cyangwa umugozi.



- Saba buri mwana gukora uyu mwitozo wo kubaka umurongo uheteze ibumoso.
- Saba buri mwana ace umurongo uheteze ibumoso mu ikayi akoresheje ikaramu.

### Kubumba umurongo uheteze ibumoso (Ku wa Gatanu)

Niba aho mutuye haboneka ibumba

- Fata akanya ubanze utegure ukate ibumba ku buryo ryorohera abana kurikoresha
- Erekerabana uko babumba umurongo uheteze ibumoso.



- Saba buri mwana abumbe umurongo uheteze ibumoso.
- Genzura ko buri mwana abumba umurongo uheteze ibumoso, ufashe abafite ingorane.

Genzura ko abana bose bashoboye kubaka no guca umurongo uheteze ibumoso ntaho barebera.

8:50-9:20: Nkunda Imibare




**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Igihe kuri iyi saha).**

Indirimbo: *Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu karindwi, umunani, icyenda, icumi.*

**Kubara kuva kuri 1 kugeza ku 10 akurikiranya imibare akoma amashyi, asimbuka, abyina**

- Saba buri umwana kujya imbere y'abandi akubarire imibare kuva kuri 1-10 akoma amashyi,
- Genzura ko abara akurikiranya imibare atayicurikiranya.

**Gutahura ibintu bifite ibara ry'ubururu**



- Saba abana kwitegereza imyenda bambaye, ibikombe, n'ibindi bintu babona hafi bifite amabara atandukanye.
- Ereka abana ikintu cyangwa umwenda ufite **ibara ry'ubururu**.
- Saba umwana umwe kwerekana umwenda cyangwa ikindi kintu gifite **ibara ry'ubururu**.
- Saba abana bose kuzana/kwerekana ikintu gifite **"ibara ry'ubururu"**.
- Shimira abana bose kubera uruhare bagaragaje mu gikorwa.

## Ibara ry'icyatsi kibisi



- Bigenze uko wabigenje ku ibara ry'ubururu

### Gukora ibirundo ushingiye ku mabara (ubururu, icyatsi kibisi)

- Tegura ibintu bifite amabara y'ubururu, iroza n'ayandi mabara atandukanye: uduce tw'imyenda, imyenda, inkweto, ibikombe, n'ibindi. Vangavanga ibyo bintu:



- Shushanya inziga ebyiri nini ku butaka. Mu ruziga rumwe, shyiramo igikoresho cy'ubururu (urugero: igikombe cy'ubururu). Mu rundi ruziga shyiramo igikoresho cy'icyatsi kibisi (Urugero: indobo cy'icyatsi kibisi).
- Saba abana gushyira mu ruziga rumwe ibintu **bifite ibara ry'ubururu**.



- Saba abana gushyira mu ruziga rumwe ibintu **bifite ibara ry'icyatsi kibisi**.



- Hindura ibintu wakoreshije ubisimbuze imifuniko cyangwa ibindi bintu by'amabara atandukanye ubivange, ukomeze uwo mwitoto n'abandi bana.

**Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri cyumweru.**

- Genzura ko abana batitiranye amabara y'ubururu n'icyatsi kibisi.

**9:20 – 9:30: Twite ku buzima bwacu**



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Nkunda kwita ku mubiri wanjye.**

**Gutoza abana isuku y'ibice by'umubiri no kubifata neza**

- Bwira abana ko ari ngombwa kubahiriza amabwiriza akurikira kugira ngo bagire ubuzima bwiza:

- ✓ Koza amenyo buri muni ukoreshije uburoso n'umuti w'amenyo;
- ✓ Kwifubika igihe hakonje;
- ✓ Kwirinda kurya imyanda;
- ✓ Gukaraba intoki mbere yo kurya;
- ✓ Gukaraba ku munwa amaze kurya;
- ✓ Kwirinda gushyira ibintu mu matwi no mu mazuru;
- ✓ Gusokoza;
- ✓ Kwiyuhagira buri muni

- Fasha buri mwana gukora umwitoto wo kwambara no kwiyambura umupira w'imbeho

**Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho buri muni:**

Iyi myifatire izahora igenzurwa igihe cyose umurezi azaba ari kumwe n'abana, yita cyane ku bagifite intege nke, n'abafite ibibazo byihariye.

9:30 - 10:00: Dusangire



**Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo kunywa igikoma (Igihe kuri iyi saha).**

**Indirimbo: Uku ni ko nywa igikoma.**

10:00-10:30: Dukinire hanze



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Iyo tugenda kuri gahunda.**

**Gukora umwitozo wo kugenda bazunguza amaboko imbere n'inyuma**

Shyira abana ku mirongo ibiri bagendere ku ntambwe imwe baririmba bubahiriza injyana ubahaye (ukubita ku kajerekani) kandi bazunguza amaboko imbere n'inyuma.

**Gukina imikino abana bihitiyemo (Igihe cyose kuri iyi saha)**

- Genzura niba imbuga itunganye ku buryo nta bintu byakomeretsa abana
- Reka abana bakine imikino bihitiyemo kandi ukurikiranire hafi ibyo bakina n'uko babikina.
- Ibutsa abana ko bagomba gukina neza batarwana, badahutazanya, batiharira ibikinisho, batamwazanya kandi batangiza ibidukikije
- Shishikariza abana bose gukina, ntihagire abigunga

10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze



**Indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Nkunda gusoma**

**Gusoma inkuru no gusubiza ibibazo ku nkuru**

- Itegere: banza usome inkuru, uyumve mbere yo kuyisomera abana
- Saba abana kwicara ku gice cy'uruziga, kwitonda no gutega amatwi
- Bwira abana umutwe w'inkuru
- Somera abana inkuru ikurikira inshuro 2, witonze kandi ugaragaza amarangamutima:

## Inkuru: Ni njye ufite akamaro





Umunsi umwe Keza yari yicaye hanze aruhuka avuye ku'ishuri. Agiye kumva yumva ibice by'umubiri bijya impaka, buri cyose kivuga ko ari cyo gifite akamaro kurusha ibindi. Atega amatwi ngo yumve uko birangira.

**Umutwe** waratangiye uti: "Mwese ndabaruta. Mbarusha akamaro mu buzima bwa muntu. Ntahari ntacyo muntu yakwishoborera. Ni njye utuma muntu atekereza, amaguru agenda, amaboko akora, ni nanjye utuma avuga". **Amaso** ati: "Ahubwo ni njye ubarusha akamaro. Ni njye utuma muntu amenya inzira anyuramo, nkamurinda gusitara n'izindi mpanuka nyinshi". **Amaguru** ati: "Nyamara mwese ndabaruta. Ntahari muntu ntiyava aho ari". **Amaboko** ati: "Uko mwavuze mwese mbarusha agaciro. Ni njye utuma umuntu arya, ni njye acungiraho mu mirimo n'ibikorwa byose nko kwiyuhagira, kwandika, gusasa, guhinga, n'ibindi mwese muzi.

**Amatwi** yari yakomeje kumva izo mpaka abwira ibindi bice by'umubiri ati: "Nimuze tubaze Teta atwibwirire we ubwe igice kimufitiye akamaro kurusha ibindi. **Teta** aravugaga ati "Mwese mumfiteye akamaro nta gice na kimwe kidakenewe. Muruzuzanya. Nyamara ariko mumenye ko n'iyi hari igice cy'umubiri kidakora neza cyangwa kidahari ibice by'umubiri bihari byishyira hamwe bigakora neza no mu mwanywa w'ibidahari." Guhera ubwo ibice by'umubiri bibana mu mahoro byubahana.

- Ongera usomere abana inkuru.
- Baza ibibazo bikurikira:
  - 1) Inkuru yitwa ngo iki? (Inkuru yitwa: Ni njye ufite akamaro)
  - 2) Ni ibihe bice by'umubiri byajyaga impaka?
  - 3) Umute we wavuze ngo iki?
  - 4) Amaso yavuze ngo iki?
  - 5) Amaguru yavuze ngo iki?
  - 6) Amaboko yavuze ngo iki?

### 10:50- 11:30: Inguni nkunda



#### **Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo : Nimuze dukine**

Mu gihe cyo gukinira mu nguni, abana bashobora gukinira mu nguni zitandukanye 4. Ifashishe ibikubiye mu mugereka wa mbere mu gitabo cya mbere.

#### **Gutegura inguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Tegura ibikinisho byo muri buri nguni 4: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'imikino yigana n'inguni y'ururimi. Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere- mu kwezi kwa mbere.

#### **Gukinira mu nguni**

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere:

#### **Gusoza ibikorwa byo mu nguni**

Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

**Fasha abana bafite ubumuga cyangwa abafite izindi ngorane**

### 11:30-11: 50: Duhange



#### **Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cy'ikaze ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Kora uko wakoze mu kwezi kwa mbere.

## Kuririmba indirimbo ivuga ku bice by'umubiri : (Igihe cyose kuri iyi saha)

### Imana yampaye amaso

1. *Imana yampaye amaso*
2. *N'amatwi yo kumva ijambo*
3. *N'ibirenge byo gutambuka*
4. *Kandi yambaye ibiganza*
5. *N'umutima wo kuyikunda*
6. *Nzayishima iteka ryose.*

Reba mu kwezi kwa mbere uko indirimbo yigishwa.

### **Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi.**

- Genzura ko abana baririmba berekana ibice bavuze mu ndirimbo.
- Niba ufite umwana utabona kora ku buryo utamuhutaza na we aririmbe atababaye

## 11:50 -12:00: Gusezeranaho ku ruziga



### **Kuririmba indirimbo yo gusezeranaho ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere

## Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kabiri

### 7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga :



### **Kuririmba indirimbo y'ikaze ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo:** Bwakeye, Bwakeye. Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

### 8:00-8:30: Tumenye ibidukikije



### **Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu bidukikije (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo:** Tumenye, ibidukikije. Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

### **Kuvuga akamaro k'ibice by'ingenzi by'umubiri w'umuntu**

- Ongera usabe abana bavuge banerekana ibice by'ingenzi by'umubiri
- Baza abana akamaro ka buri gice wumve uko babyumva.
- Sobanurira abana akamaro ka buri gice cy'ingenzi cy'umubiri w'umuntu:

Urugero: *Umutwe wikorera ibintu, umutwe utuma dutekereza, umutwe utuma tugenda, amaboko ariho ibiganza dufatisha cyangwa duteruza ibintu, amaguru atuma tugenda, igihimba gihuza ibyo bice byose.*

Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

Baza abana ibibazo bikurikira:

- 1) Iyo ugiye guterura ikintu ukoresha ikihe gice? (Amaboko)
- 2) Ni ikihe gice cy'umubiri kidufasha gutekereza? (Umutwe)
- 3) Kora ku gihimba utubwire akamaro kacyo? Igihimba gihuza ibyo bice byose.

8:30-8:50: Tunoze Ikinyarwanda



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo:** itonde ry'inyuguti. ABCD-EFGH-IJKL-MNOP-RSTU-VWYZ. Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

**Kuvuga umuvugo: (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Umuvugo:** Ibice bigize umubiri wanjye

- Saba buri mwana gusubiramo umuvugo "Ibice bigize umubiri wanjye".
- Kora uko wakoze mu cyumweru cya mbere.

**Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi**

Genzura ko abana bose bafata mu mutwe umuvugo.

**Kugenda ku murongo uheteze iburyo (Ku wa Mbere no ku wa Kabiri)**

- Jyana abana hanze;
- Shushanya umurongo hasi muremure uheteze iburyo;
- Kora uko biteganyijwe ku murongo uheteze ibumoso.

**Icyitonderwa:** Umwana ufite ubumuga bw'amaguru ugendera mu igare cyangwa ugendera ku mbago akora umwitozo wo kugenda hejuru y'umurongo gusa.

**Kubaka umurongo uheteze iburyo (ku wa Gatatu no ku wa Kane)**

Icyitonderwa: Kora uko wakoze ku murongo uheteze ibumoso.



**Kubumba umurongo uheteze iburyo**



Kurikiza inama zirebana no kubumba umurongo uheteze ibumoso (mu cyumweru cya mbere).

**Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru**

- Genzura ko abana bose bashoboye kugenda hejuru y'umurongo, kubaka no kubumba umurongo uheteze iburyo.

**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo:** Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu karindwi, umunani, icyenda, icumi.


**Gutahura ibintu bifite ibara ry'umukara n'umweru**

**Ibara ry'umukara :**



- Bigenze uko wabigenje ku ibara ry'ubururu

**Ibara ry'umweru :**



- Bigenze uko wabigenje ku ibara ry'ubururu.

**Gukora ibirundo ushingiyeye ku mabara y'umukara n'umweru**

- Bigenze uko wabigenje mu gukora ibirundo ushingiyeye ku ibara ry'ubururu n'icyatsi kibisi.
- Ikirundo cy'ibintu bivangavanze



Ikirundo cy'ibintu by'umukara



Ikirundo cy'ibintu by'umweru



**Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho mu byumweru 2:**

- Saba umwana akwereke ibintu biri aho muri bifite ibara ry'umukara, umweru, ubururu, icyatsi kibisi. **Inkweto z'umukara, ikabutura y'umukara, ishati y'umweru, umupira w'icyatsi kibisi.**

9:20 – 9:30: Twite ku buzima bwacu



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Igihe yose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: *Nkunda kwita ku mubiri wanjye.*** Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere, mu kwezi kwa mbere.

**Ibikorwa bijyanye n'isuku no kwiyitaho (Igihe cyose bitagombereye iyi saha)**

Kurikiza inama zatanzwe mu kwezi kwa mbere.

**Gukora umwitozo wo kwiyambika no kwiyambura umupira w'imbeho**

- Fasha buri mwana gukora umwitozo wo kwambara no kwiyambura umupira w'imbeho
- Genzura ko buri mwana awambara neza, azi gutandukanya imbere n'inyuma, awambara atawuhindurije.

**Ibuka guhozaho ugenzura intambwe buri mwana agenda atera**

Genzura buri gihe ko umwana abasha kwiyambura umupira w'imbeho iyo hashyushye no kuwiyambika iyo hakonje. Fasha abana bafite ingorane.

9:30 - 9:50: Dusangire



**Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo kunywa igikoma (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: *Uku ni ko nywa igikoma.*** Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere, mu kwezi kwa mbere.

9:50-10:20: Dukinire hanze



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: *Iyo tugenda kuri gahunda.*** Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

### Gukina imikino abana bihitiyemo (Igihe cyose kuri iyi saha)

- Genzura niba imbuga itunganye ku buryo nta bintu byakomeretsa abana cyangwa ikindi cyateza impanuka
- Tegura ibikinsho bitandukanye ushobora kubona , ureke abana bakine imikino bihitiyemo bakoresheje ibyo bikoresheho (gusimbuka, gukina umupira w'amaguru, kugendesha imodoka...)
- Kurikiza inama zatanze mu kwezi kwa mbere.

### Gukora umwitozo wo kugenda bihuta bazunguza amaboko imbere n'inyuma

Shyira abana ku mirongo ibiri bagendere ku ntambwe imwe ku **njyana yihuta** bubahiriza inyana ubahaye (ukubita ku kajerekani).

10:20-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze



### Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma/guca imigani/gusakuza (Igihe cyose kuri iyi saha)

**Indirimbo: Nkunda gusoma**

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

### Gusoma inkuru no gusubiza ibibazo

- Ongera usomere abana inkuru yitwa "Ni njye ufite akamaro", iri mu cyumweru cya mbere.
- Baza abana ibibazo bikurikira:
  1. Inkuru yitwa ngo iki? (Inkuru yitwa: **Ni njye ufite akamaro**)
  2. Ni ikihe kibazo ibice by'umubiri byari bifite? **Buri gice cy'umubiri cyavugaga ko ari cyo gifite akamaro kurusha ibindi.**
  3. Ni nde wakemuye ikibazo? **Teta**
  4. Yagikemuye ate? **Yabwiye ibice by'umubiri ko byose byuzuzanya.**

Inkuru yarangira ite? **Ibice byumvise ko byuzuzanya bitangira kubana mu mahoro.**

## 10:50- 11:30: Inguni nkunda



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)**

*Nimuze (2) dukine (x2) dukinire mu nguni (x2) dukunda (x2) (Mu nnyana ya Frere Jacques)*

Mu gihe cyo gukinira mu nguni, abana bashobora gukinira mu nguni zitandukanye 4. Ifashishe ibikubiye mu mugereka wa mbere mu gitabo cya mbere.

**Gutegura inguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Tegura ibikinisho byo muri buri nguni 4: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'imikino yigana n'inguni y'ururimi. Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere- mu kwezi kwa mbere.

**Gukinira mu nguni**

Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere:

**Gusozza ibikorwa byo mu nguni**

Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

## 11:30-11: 50: Duhange



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bya Duhange (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: *Nimuze duhange*.** Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

**Kuririmba indirimbo y'ukwezi: Imana yampaye amaso (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

## 11:50 -12:00: Gusezeranaho Ku ruziga



**Kuririmba indirimbo yo Gusezeranaho Ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

## Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya gatatu

7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga



**Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cy'ikaze ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

8:00-8:30: Tumenye ibidukikije



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu bidukikije**

**Indirimbo: Tumenye, ibidukikije** (mu njyana ya "Namanutse umusozi n'amaguru"). Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

**Kwitegereza no kuvuga ibice byose by'umubiri (Ku wa Mbere no Ku wa Kabiri)**

**Ibice dusanga ku mutwe**

- Saba abana gukora ku mutwe
- Saba buri mwana gukora kuri we ku **bice bitandukanye byo ku mutwe**, kandi witegereze ko abana babikoze neza: kora ku mutwe, kora ku musatsi, kora ku gahanga, kora ku maso, kora ku matwi, kora ku zuru, kora ku munwa, kora ku matama.
- Subiramo uwo mwitoto wo gukora ku bice byo ku mutwe abana bose hamwe.
- Sobanura: **Ku mutwe hariho amaso abiri, amatwi abiri, izuru rimwe, umunwa umwe.**

**Igihimba, amaguru n'amaboko**

- Saba abana gukora ku gihimba, ku maboko no ku maguru
- Saba buri mwana gukora kuri we ku bice uvuze, kandi witegereze ko abana babikoze neza: kora ku ijosi, kora mu gatuza, kora ku nda, kora ku mugongo, kora ku ntoki, kora ku nkokora, kora ku rutugu, kora ku mavi, kora ku mano.
- Subiramo uwo mwitoto wo gukora ku bice byo ku gihimba, ku maboko no ku maguru.

**Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:**

**Baza abana ibibazo bikurikira:**

- 1) Inda tuyisanga ku kihe gice cy'umubiri? **(Ku gihimba).**
- 2) Amatama tuyasanga ku kihe gice cy'umubiri? **(Ku gice cy'umutwe).**

- Kora kuri buri gice kigize umutwe, uvuge n'izina ryacyo? **Umusatsi, agahanga, amaso, amatwi, izuru, umunwa, amatama.**

**Umukino: Simoni aravuze**

- Tunganya ahantu abana bashobora gukorera hisanzuye;
- Sobanura ko mugiyeye gukina umukino witwa 'Simoni aravuze' ariko mwibanda ku bice by'umubiri. Urugero, Vuga uti "Nimvuga ngo Simoni aravuze ngo: fata ku zuru ryawe, urafata ku zuru ryawe!"
- Genda uhinduranya ibice by'umubiri ku buryo bukurikira ugenzure ko abana bakora ku gice cy'umubiri uvuze:
  - ✓ Simoni aravuze ngo: "fata ku mutwe wawe!"
  - ✓ Simoni aravuze ngo: "Zamura intugu zawe",
  - ✓ Simoni aravuze ngo: "Zunguza ibiganza byawe"
  - ✓ Simoni aravuze ngo: "Kubita ibirenge byawe hasi"
  - ✓ Simoni aravuze ngo: "Fata ku gutwi"
  - ✓ Simoni aravuze ngo: "Fata ku mano"
  - ✓ Simoni aravuze ngo: "Fata ku maso"
- Soza umukino uhuriza hamwe abana, ubasabe kuvuga ibice by'umubiri bakozeho bakunda;
- Shimire abana bose kubera ukuntu bitabiriye umukino.

**8:30-8:50: Tunoze Ikinyarwanda**



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Itonde ry'inyuguti.** Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

**Kuvuga umuvugo: (Iminsi yose kuri iyi saha)**

**Umuvugo: Ibyumviro byanjye-Igice cya 1**

**Igice cya mbere**

1. Bana nshuti zanjye;
2. Imana yaduhaye ibyumviro 5;
3. Amaso adufasha kubona;
4. Amatwi atuma twumva ibivuzwe;
5. Izuru ridufasha kumva impumuro;
6. Ururimi rudufasha kumva uburyohe;
7. Uruhu rudufasha kumva ibishyushye n'ibikonje.

**Igice cya kabiri**

8. Nyamara hariho bagenzi bacu;
9. Bafite ibyumviro bidakora neza;
10. Tububahe twirinde kubahutaza;
11. Tubafashe aho badukeneye;
12. Tubane mu mahoro twishimye;
13. Twese twishimire kubaho.

- Itegere usoma umuvugo mbere yo kuwusomera abana.

- Soma umuvugo mu ijwi riranguruye ugaragaza amarangamutima bijyanye kandi **ukora kuri buri gice cy'umubiri kivuzwe.**
- Vuga interuro ya mbere, abana basubiremo.
- Komeza utyo **kuva ku nteruro ya mbere kugeza ku nteruro ya 7.**
- Ubasubirishemo ugenda ubakosora aho biri ngombwa.

**Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho:**

- Genzura ko abana bose bakora ku gice bavuze.

**Kugenda ku murongo uheteje hejuru (Ku wa Mbere no ku wa Kabiri)**

- Jyana abana hanze;
- Shushanya hasi mu mbuga umurongo muremure uheteje hejuru;
- Kora uko biteganyijwe ku murongo uheteje ibumoso (mu cyumweru cya mbere).

**Icyitonderwa:** Umwana ufite ubumuga bw'amaguru ugendera mu igare cyangwa ugendera ku mbago akora umwitozo wo kugenda hejuru murongo.

**Kubaka umurongo uheteje hejuru**

Icyitonderwa: Kora uko wakoze k'umurongo uheteje ibumoso mu cyumweru cya mbere, mu kwezi kwa Kabiri.



**Kubumba umurongo uheteje hejuru**



Kurikiza inama zirebana no kubumba imirongo.

**Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:**

- Genzura ko abana bose bashoboye kubaka, no kubumba umurongo uheteje hejuru ntaho barebera.

**8:50-9:20: Nkunda Imibare**



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Igihe cyose kuri iyi saha)**

*Indirimbo: Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu karindwi, umunani, icyenda, icumi.*

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere, mu kwezi kwa mbere.

## Gukora ibirundo ushingiyeye ku mabara y'ubururu, icyatsi kibisi, umukara n'umweru

Bigenze uko wabigenje mu gukora ibirundo ushingiyeye ku ibara ry'ubururu n'icyatsi kibisi.



9:20 – 9:30: Twite ku buzima bwacu



## Ibikorwa bijyanye n'isuku no kwiyitaho (Igihe cyose bitagombereye iyi saha)

Kurikiza inama zatanzwe mu kwezi kwa mbere.

### Kwiga umuvugo: Nita ku mubiri wanjye

- Itegere: Soma uyu muvugo mbere yo kuwusomera abana kugira ngo utaza gutegwa:

1. Nita ku mubiri wange.
2. Noza amenyo buri muni.
3. Nirinda kurya imyanda.
4. Nkaraba mbere yo kurya.
5. Niyuhagira buri muni
6. Ndifubika iyo hakonje.
7. Nirinda gushyira ibintu mu matwi.
8. Nirinda gushyira ibintu mu mazuru
9. Nambara imyenda imeshe
10. Nkunda umubiri wange

Saba abana kuvuga umuvugo, ukomeze ufashe abatarawufata kandi ubashishikariza gushyira mu bikorwa ibikubiye mu muvugo.

9:30 - 10:00: Dusangire



## Kuririmba indirimbo yibutsa abana ko ari igihe cyo kunywa igikoma

(Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Uku ni ko nywa igikoma*. Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

10:00-10:30: Dukinire hanze



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Iyo tugenda kuri gahunda.** Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere

**Gukina imikino abana bihitiyemo (Igihe cyose kuri iyi saha)**

- Genzura niba imbuga itunganye ku buryo nta bintu byakomeretsa abana cyangwa ikindi cyateza impanuka;
- Tegura ibikinisho bitandukanye ushobora kubona, ureke abana bakine imikino bihitiyemo bakoresheje ibyo bikoresho (gusimbuka, gukina umupira w'amaguru, kugendesha imodoka...);
- Kurikiza inama zatanze mu kwezi kwa mbere.

**Gukina umukino wo gutera unaga agapira (ku ntera yisumbuye) mu ndobo cyangwa mu gikarito**

- Tegura agapira gato kandi kataremereye, indobo cyangwa igikarito.
- Kora nk'uko wakoze mu cyumweru cya 3 ariko **wongere intera** iri hagati y'umwana wa mbere n'indobo cyangwa igikarito.
- Saba buri mwana akore umwitozo wo kunaga agapira mu ndobo cyangwa igikarito yigana urugero wabahaye.

**Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.**

Itegereze ko buri mwana abasha gufata umupira akanaga mu ndobo n'uko yitwara igihe byamunaniye kunagamo kandi umutere ishyaka ryo gusubiramo ngo agere ku ntego.

10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze



**Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma/guca imigani/gusakuza (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Nkunda gusoma**

### Umwitozo ufatiye ku nkuru: "Ni njye ufite akamaro"

- Ongera usomere abana inkuru: "Ni njye ufite akamaro" iri mu cyumweru cya mbere.

-Baza ibibazo bikurikira:

- 1) Uramutse ubonye umuntu ufite ukuguru kumwe cyangwa ukuboko kumwe wabigenza ute? Bareke bavuge maze ufatire ku bisubizo byabo ubabwire ko ibyo bibaho ko uwo umuntu aba afite ubumuga kandi ko bagomba kubaha abantu bafite ubumuga, kwirinda kubaseka no kugira ubwoba iyo uhuye na bo.
- 2) Ni iki uzajya ukora ufatanya n'abandi bana bagenzi bawe cyangwa n'abo mubana mu muryango? Hera ku bisubizo byabo ubabwire ko bagomba gufatanya n'abandi bakora ibintu byiza.

### 10:50- 11:30: Inguni nkunda



#### Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo : *Nimuze dukine.*

Mu gihe cyo gukinira mu nguni, abana bashobora gukinira mu nguni zitandukanye 4. Ifashishe ibikubiye mu mugereka wa mbere muri iki gitabo cya mbere.

#### Gutegura inguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)

Tegura ibikinisho byo muri buri nguni 4: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'imikino yigana n'inguni y'ururimi. Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

#### Gukinira mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

#### Gusoza ibikorwa byo mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

### 11:30-11: 50: Duhange



#### Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bya Duhange (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nimuze duhange.* Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

#### Kuririmba indirimbo y'ukwezi: Imana yampaye amaso (Igihe cyose kuri iyi saha)

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

### Gushushanya umuntu

- Saba abana bashushanye umuntu uko babyumva.
- Reba niba bashobora gushushanya umutwe uriho amatwi n'amaso; umuntu ufite umutwe, igihimba, amaguru n'amaboko.
- Reka umwana agusobanurire ibyo yashushanyije.
- Shimira abana bose kubera ubushake bakoranye.
- Andika amazina y'umwana ku gishushanyo cye.

**Ikitonderwa:** Ibuka ko abana batari ku rwego rumwe rw'imikurire; bityo ibishushanyo byabo bishobora kudasa, bishobora kuba bitandukanye n'iby'abantu bakuru. Irinde guca abana intege ubabwira ko bashushanyije nabi kuko ibyo bakoze bijyanye n'ikigero barimo.

### 11:50 -12:00: Gusezeranaho Ku ruziga



### Kuririmba indirimbo yo gusezeranaho ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

### Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kane

### 7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga



### Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cy'ikaze ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)

Kora uko wakoze mu kwezi kwa mbere.

### 8:00-8:30: Tumenye ibidukikije



### Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu bidukikije (Igihe cyose kuri iyi saha)

**Indirimbo:** Tumenye, ibidukikije. Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

### Umukino: Ndafora igice cy'umubiri

- Shaka ahantu abana baturira bisanzuye.
- Sobanurira abana ko mugiyeye gukina umukino witwa "Ndafora igice cy'umubiri".
- Tanga urugero: Fora igice cy'umubiri gituma tugenda. (Ni amaguru n'ibirenge.)
- Komeza ubasaba gufura ibindi bice by'umubiri:
  - ✓ Fora igice cy'umubiri gituma twumva amakuru kuri radiyo: (Ni amatwi)
  - ✓ Fora igice cy'umubiri gituma twumva uburyohe bw'ibiryo, ibirimo isukari cyangwa umunyu, ibisharira (Ni ururimi)
  - ✓ Fora igice cy'umubiri kidufasha kureba amashusho (amaso)
  - ✓ Fora igice cy'umubiri kigufasha kumenya ko ibintu bishyushye cyangwa bikonje? (Ni uruhu)
- Baza abana amazina y'ibice by'umubiri wabo bakunda n'impamvu babikunda.
- Shimira abana bese kubera ubwitabire mu mukino.

### Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

#### Ingero z'ibibazo wakwifashisha:

1. Mbere yo kunywa igikoma ni ikihe gice cy'umubiri kigufasha kumva ko igikoma gishyushye cyangwa cyahoze. **(Ni uruhu; iyo nkoze ku gikombe)**
2. Ni ikihe gice cy'umubiri kidufasha kumva ko igikoma kirimo isukari? **(Ni ururimi).**
3. Ni ikihe gice cy'umubiri gituma dutandukanya ibintu binuka n'ibihumura? **(Ni izuru)**
4. Uzakora iki ngo ufate neza ibice bigize umubiri wawe?

### 8:30-8:50: Tunoze Ikinyarwanda



#### Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (Igihe cyose kuri iyi saha)

**Indirimbo: Itonde ry'inyuguti.** Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

#### Kuvuga umuvugo: (Igihe cyose kuri iyi saha)

##### Umuvugo: Ibyumviro byanjye (umuvugo wose)

Saba buri mwana gusubiramo umuvugo: Ibyumviro byanjye-

- Genzura ko bawuvuga neza batajijinganya, batarya amagambo, kandi batavuga uburimi.

##### Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi

- Genzura ko abana bese bafata mu mutwe umuvugo.

### Kugenda ku murongo uheteze hasi (Ku wa Mbere no ku wa Kabiri)

- Jyana abana hanze;
- Shushanya hasi mu mbuga umurongo muremure uheteze hasi;
- Kora uko biteganyijwe ku murongo uheteze ibumoso (mu cyumweru cya mbere).

**Icyitonderwa:** Umwana ufite ubumuga bw'amaguru ugendera mu igare cyangwa ugendera ku mbago akora umwitozo wo kugenda hejuru y'umurongo.

### Kubaka umurongo uheteze hasi

Icyitonderwa: Kora uko wakoze ku murongo uheteze hasi



### Kubumba umurongo uheteze iburyo, ibumoso, hejuru, hasi



**Icyidonderwa:** niba aho mutuye nta bumba rihari wakoresha umwitozo wo kubaka imirongo hakoreshejwe utubuye.

### Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

- Genzura ko abana bose bashoboye kubaka no kubukamba umurongo uheteze hasi ntaho barebera.
- Fasha abagize ibibazo

8:50-9:20: Nkunda Imibare



### Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Igihe cyose kuri iyi saha)

**Indirimbo:** Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu karindwi, umunani, icyenda, icumi. Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.



### Kubara ibintu 2 (Ku wa Mbere)

- Saba abana kuvuga no kwerekana ibintu 2 babona ku mubiri wabo:
- Tegura ibintu bitandukanye muri bukenere mu kubara: udubuye, uduki, ibikombe, n'ibindi
- Ereka abana ibintu bibiri: Urugero: ibikombe bibiri (2); uduki tubiri (2); amabuye bibiri (2), amakayi abiri (2).
- Saba abana batandukanye berekane ibintu bibiri (2) mu bintu bafite.
- Saba abana kubara ibintu bafite: Urugero: ikayi imwe, amakayi 2.
- Ereka abana ikarita iriho utudomo 2 n'iyindi yanditseho umubare 2.

### Gutahura ibintu 2 ku mubiri wanjye (Ku wa Kabiri)

- Saba abana gufata ugutwi kumwe nyuma bafate ukundi ugutwi; Babwire: Mufite amatwi 2. Basubiremo babara kandi bakora ku matwi: ugutwi kumwe, amatwi 2;
- Saba abana kuzamura akaboko kamwe, nyuma bazamure akandi babara: ukuboko kumwe, amaboko 2. Babwire: mufite amaboko 2. Basubiremo babara kandi bakora ku maboko: ukuboko kumwe (1), amaboko 2;
- Saba abana gukubita ikirenge kimwe hasi bavuge rimwe; nyuma bakubite ikindi hasi bavuge 2. Babwire uti: "Mufite ibirenge 2". Basubiremo babara kandi bakora ku birenge: ikirenge kimwe (1), ibirenge bibiri (2);
- Saba abana kukwerekana intoki 2.
- Ereka abana ikarita iriho utudomo 2 n'iyindi yanditseho umubare 2 .

### Guhuza umubare 2 n'ibidomo (ku wa Gatatu)



- Shyira abana ku ruziga
- Shyira ikarita yanditseho umubare 2 n'ikarita ishushanyijeho utudomo 2 aho abana bose bashobora kuyabona neza.
- Bwira abana gushaka ibintu 2 biri hafi yabo. Tanga urugero ubereke ibibabi 2, uduki 2.
- Saba buri mwana kuzana ibintu 2 gusa: imifuniko 2, inkweto 2, ibikombe 2, ibijumba 2, amakaramu 2 n'ibindi.
- Shimira abana bose kubera ubushake bakoranye iki gikorwa.

### Kubaka umubare 2 yifashishije ibintu bifatika (ku wa Kane)

- Tegura utubuye n'amakarita yanditseho umubare 2 abana bose bari bukoreshye.
- Bwira abana ko mugiyeye gukora **umubare 2** mukoresheje utubuye.

- Tanga urugero wandike umubare 2 hasi cyangwa ku meza ukoresheje urutoki, usabe abana bakwigane.
- Tanga urugero wubake **umubare 2** ukoresheje utubuye.



- Saba buri mwana gukora uyu mwitoto
- Genzura ko abana bose bashoboye gukora **umubare 2** kandi batareba aho uwo mubare wanditse.

### Kubumba umubare 2 (Ku wa Gatanu)



### Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi.

- Saba umwana kukwerekana ibintu 2 (utubuye, ikaramu, udukarita. ...)
- Saba umwana kubaka cyangwa kubumba umubare 2.
- Ereka umwana amakarita ariho imibare itandukanye umusabe akwerekane umubare 2.

9:20 – 9:30: Twite ku buzima bwacu



### Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nkunda kwita ku mubiri wanjye*. Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

### Ibikorwa bijyanye n'isuku no kwiyitaho (Igihe cyose bitagombereye iyi saha)

Kurikiza inama zatanzwe mu kwezi kwa mbere

### Kuvuga badategwa umuvugo : Nita ku mubiri wanjye (Igihe cyose kuri iyi saha)

- Subiramo umuvugo mu ijwi riranguruye ugaragaza amarangamutima bijyanye.
- Saba buri mwana gusubiramo umuvugo

### Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho buri munsi.

Hora ugenzura ko abana bubahiriza amabwiriza y'isuku no kwita ku mubiri akubiye mu muvugo.

9: 30 - 10:00: Dusangire



**Kuririmba indirimbo yibutsa abana ko ari igihe cyo kunywa igikoma (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Uku ni ko nywa igikoma.** Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

10:00-10:30: Dukinire hanze



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Iyo tugenda kuri gahunda** Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

**Umukino: Mingo, Mingo!**

- Huriza abana bose hanze bakine agakino k'iminota 5 mbere y'uko bajya gukina imikino bihitiyemo;
- Saba abana kujya ku ruziga.
- Bwira abana ko mugiyeye gukina umukino witwa: **Mingo!**
- Basobanurire ko iyo uvuze **Mingo** bakomeza kugenda bazenguruka. Iyo uvuze **Mingo 1!** bagomba guhagarara aho bageze umwe, umwe. Iyo uvuze **Mingo 2** bagomba guhagarara ari babiri babiri
- Saba abana kuzenguruka ku ruziga, bazunguza ibice bimwe by'umubiri wabo kandi bakurikiye amabwiriza yawe, uvuga uti: Mingo, Mingo, Mingo, Mingo,..
- Vuga: **Mingo 1!** Abana bahagarare umwe umwe.
- Komeza uvuga: **Mingo, Mingo, Mingo, Mingo**, abana bazenguruke kugeza uvuze **Mingo 2** bagahagarara babiri babiri (2).
- Komeza umukino ugenda uhinduranya Mingo 1 na Mingo 2.

**Gukina imikino abana bihitiyemo (Igihe cyose kuri iyi saha)**

- Genzura niba imbuga itunganye ku buryo nta bintu byakomeretsa abana n'ikindi cyateza impanuka.

- Tegura ibikinisho bitandukanye, ureke abana bakine imikino bihitiyemo bakoresheje ibyo bikoresho (gusimbuka, gukira umupira w'amaguru, kugendesha imodoka...)
- Kurikiza inama zatanzwe mu kwezi kwa mbere.

10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze



**Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma/guca imigani/gusakuza (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: *Nkunda gusoma.***

**Umwitozo: Kuvuga muri make inkuru y'ukwezi: Ni njye ufite akamaro**

- Ongera usomere abana inkuru "**Ni njye ufite akamaro**" iri mu cyumweru cya mbere
- Saba abana umwe umwe bavuge muri make ibyo bumvise mu nkuru.

10:50- 11:30: Inguni nkunda



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: *Nimuze dukine.*** Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

Mu gihe cyo gukinira mu nguni, abana bashobora gukinira mu nguni zitandukanye 4. Ifashishe ibikubiye mu mugereka mbere muri iki gitabo.

**Gutegura inguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Tegura ibikinisho byo muri buri nguni 4: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'imikino yigana n'inguni y'ururimi. Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

**Gukinira mu nguni**

Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere:

**Gusoza ibikorwa byo mu nguni**

Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

11:30-11: 50: Duhange



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bya Duhange (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: *Nimuze duhange.*** Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

**Kuririmba indirimbo y'ukwezi: Imana yampaye amaso (Igihe cyose kuri iyi saha)**

- Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

### Gushushanya umuntu

- Saba abana bashushanye umuntu uko babyumva.
- Reba niba bashobora gushushanya umutwe uriho amatwi n'amaso; umuntu ufite umutwe, igihimba, amaguru n'amaboko.
- Kurikiza inama ziri mu cyumweru cya 3 muri uku kwezi.

11:50 -12:00: Gusezeranaho ku ruziga



**Kuririmba indirimbo yo Gusezeranaho Ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

## UKWEZI KWA GATATU

**Insanganyamatsiko: Umuryango wanjye**



## Umuryango muto



## Umuryango mugari

### Akamaro k'iyi nsanganyamatsiko

Ibikorwa by'ukwezi kwa gatatu ku ngengabihe ya Gahunda y'ibikorwa mu Rugo Mbonezamukurire y'Abana Bato bishamikiye ku nsanganyamatsiko yitwa **"Umuryango wanjye"** kugira ngo umwana muto atangire kumenya abantu bagize umuryango muto n'umuryango mugari avukamo; gusobanukirwa n'amasano afitanye na bo bityo atangire gutozwa ibijyanye n'imibanire, ubufatanye n'indi myitwarire ikwiye hagati y'abagize umuryango waba umuto cyangwa umugari.

## Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya mbere

7:30-8:00: Ikaze ku ruziga:



**Kuririmba indirimbo y'ikaze ku ruziga. (Igihe kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Bwakeye, Bwakeye.** Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

8:00-8:30: Tumenye ibidukikije



**Kuririmba indirimbo iranga inyigisho "Tumenye ibidukikije" (Igihe kuri iyi saha)**

Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

### **Kwitegereza no kuvuga abagize umuryango muto**

- Ereka abana ishusho ya mbere iteganyijwe mu kwezi kwa 3 muri iki gitabo yerekana abagize umuryango muto.
- Saba abana kandi ubahe umwanya wo kwitegereza ishusho bahereye aho bashaka.
- Mu gihe abana bamaze nk'iminota 2 bitegereza, basabe kuvuga ku byo babona ku mashusho ukoresheje ibibazo ugenda ukoza urutoki ku wo ushaka ko bose bareba: Iyi shusho irerekana abagize umuryango. Ni ba nde mwabonye bagize umuryango?

*Urugero: Ndabona ababyeyi (papa, mama) n'abana*

- Babwire uti: **Umuryango muto ugizwe n'ababyeyi n'abana.**

### **Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:**

- Baza abana: ni bande bagize umuryango muto?

**Kuririmba indirimbo y'itonde ry'inyuguti. (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

**Kuvuga umuvugo (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Itegere usome umuvugo mbere yo kuwusomera abana.

- Genda usoma interuro imwe basubiremo kugeza bafashe umuvugo wose.

**Umuvugo: Babyeyi Nkunda**

- |                                 |                                  |
|---------------------------------|----------------------------------|
| 1. Mama mwiza, mama nkunda      | 7. Ntiwahwemye gufasha mama      |
| 2. Reka nkurate urabikwiye.     | 8. Ngo mvukire heza kandi neza.  |
| 3. Amezi icyenda mu nda yawe,   | 9. Maze kuvuka munyitaho cyane,  |
| 4. Ukora byose ngo ntekane.     | 10. Mungaburira neza nkura neza  |
| 5. Nawe data ndagushima         | 11. Muntoza kubana neza n'abandi |
| 6. Ntaravuka namenye ijwi ryawe | 12. Babyeyi beza ndabakunda.     |

**Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi:**

Saba buri mwana kuvuga uyu muvugo agaragaza amarangamutima.

**Gutahura ijwi "A" mu mazina no mu magambo bamenyereye (Ku wa Mbere)**

- Soma amagambo akurikira inshuro 2, utsindagira ahari **inyuguti A**: Amatara, Amata, Amatama, Aganze, Agasaro, Atete
- Saba abana gutahura ijwi ryagarutse kenshi: Ni irihe jwi ryagarutse kenshi? **Ni ijwi ry'inyuguti A**
- Saba abana gutanga andi magambo n'amazima bazi yumvikanamo ijwi **A**: Amasaka, Amakara, Agacupa,...
- Saba abana gusimbuka inshuro imwe bumvise ijwi A mu magambo ubabwiye: **Ameza, Umuti, Amacupa, umutobe, ururabo, Amaso, Amizero, ...**

**Kubaka inyuguti nkuru A (Icyumweru cya mbere: kuva ku wa Kabiri kugeza ku wa Kane)**

- Tegura utubuye n'uduti abana bose bari bukoreshe.
- Saba abana kuguha amagambo yumvikanamo ijwi A
- Bwira abana ko mugiyeye gukora inyuguti nkuru A mukoresheje uduti n'utubuye.
- Hereza amatsinda y'abana 3 agakarita kariho inyuguti nkuru A baza kureberaho, ubabwire ko ari inyuguti nkuru A.



- Tanga urugero wubake inyuguti A ukoresheje utubuye cyangwa uduti.



- Fatanya n'abana kubaka inyuguti **A** ukoresheje utubuye n'uduti.
- Saba buri mwana gukora uyu mwitoto.
- Genzura ko abana bose bashoboye gukora inyuguti nkuru **A**
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, mama shenge weeee!

### Kubumba inyuguti nkuru A (Ku wa Gatatu)

#### Niba aho mutuye haboneka ibumba

- Fata akanya ubanze utegure ukate ibumba ku buryo ryorohera abana kurikoresha
- Erekerabana uko babumba inyuguti nkuru A.



- Saba buri mwana abumbe inyuguti nkuru A.
- Genzura ko buri mwana abumba inyuguti nkuru A, ufashe abafite ingorane.

#### Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru

Genzura ko buri mwana yashoboye kubaka no kubumba inyuguti, ufashe abafite ingorane.

**Indirimbo iranga ibikorwa by'Imibare (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

**Kuririmba bahana agapira cyangwa agakarita:**

*Guhera mu kwezi kwa gatatu aho kuririmba indirimbo babiri babiri bakubitana mu biganza, barajya bahererekanya akantu: umupira, agakarita, n'akandi kantu gafatika ariko kataremereye. Umwana wa mbere arahereza akantu mugenzi we yakire; uyu na we akamusubize bityo bityo kugeza bageze ku mubare 10.*

**Gukora ibirundo ushingiyeye ku mabara (umutuku, umuhondo, ubururu, icyatsi kibisi, umweru, umukara)**

- Tegura ibintu bifite amabara y'umutuku, umuhondo, ubururu, icyatsi kibisi, umweru, umukara n'ayandi mabara atandukanye: uduce tw'imyenda, indabo, imyenda, inkweto, ibikombe, n'ibindi.
- Vangavanga ibyo bintu.
- Fasha abana gushyira hamwe ibintu bihuje ibara (umutuku, umuhondo, ubururu, iroza, umweru, umukara).
- Ongera ubivange, ukomeze uwo mwitoto n'abandi bana.
- Genzura ko abana batitiranye amabara kandi ko bashyize hamwe ibintu bihuje ibara.
- Umwana utabona ahabwa umwitoto wo gushyira hamwe ibintu ashingiyeye ku miterere yabyo.

**9:20 – 9:30: Twite ku buzima bwacu****Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo:** Nkunda kwita ku mubiri wanjye. Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

**Kuvuga umuvugo : Nita ku mubiri wanjye (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Saba abana bavugire hamwe umuvugo bize mu kwezi gushize: Nita ku mubiri wanjye

1. Nita ku mubiri wange.
2. Noza amenyo buri munsu.
3. Nirinda kurya imyanda.
4. Nkaraba mbere yo kurya n'iyoye mvuye kwituma.
5. Niyuhagira buri munsu
6. Ndifubika icyo hakonje.
7. Nirinda gushyira ibintu mu matwi.
8. Nirinda gushyira ibintu mu mazuru
9. Nambara imyenda imeshe
10. Nkunda umubiri wange

**Gutoza abana isuku no kubamenyereza kujya ku bwiherezo no kubukoresha neza (Igihe cyose)**

Komezaga gufasha abana babikeneye gukoresha ubwiherezo neza, ubatoze isuku ushingiyeye ku myitwarire bagaragaza.

**Gufunga no gufungura imashini n'ibipesu by'imyenda bambaye (Igihe cyose kuri iyi saha)**

- Erekeraga buri mwana uhagaze ku myenda, uko bafunga bakanafungura ibipesu cyangwa imashini.
- Bikore kenshi mu kwezi bitewe n'imyenda umwana yambaye, kandi ku buryo abana bose babimenyaga.

**9:30 - 10:00: Dusangire**



**Kuririmba akaririmbo karanga igikorwa cyo kunywa igikoma (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

**10:00-10:30: Dukinire hanze**



**Kuririmba indirimbo iranga imikino yo hanze: Iyo tugenda kuri gahunda (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

### **Gukina umukino wo gutera umupira w'amaguru**

- Reba niba imbuga itunganye ku buryo abana bahakinira umupira w'amaguru.
- Niba ubona bahakinira umupira w'amaguru, saba abana 7 (abahungu n'abakobwa) bakine abandi babogeze. Nyuma y'iminota nk'umunani, saba abakinaga bahe umupira abogezaga na bo bakine.
- Gumana n'abana igihe bakinira hanze kugira ngo ucunge umutekano wabo.
- Igihe cyo gukina kirangiye saba abana gukora uruziga mukore umwitozo wo kwinjiza umwuka no kuwusohora buhoro buhoro.
- Mwitagire gukomereza ku gikorwa cyo Gusoma.

### **Gukina imikino abana bihitiyemo (Igihe cyose kuri iyi saha)**

- Genzura niba imbuga itunganye ku buryo nta bintu byakomeretsa abana
- Reka abana bakine imikino bihitiyemo
- Tegura ibikinisho bitandukanye: imigozi, imipira yo gukina, utumodoka dukoze mu bivovo, mu ducupa, mu tujerekani n'ibindi bikinisho ushobora kubona.
- Reka abana bakine imikino bihitiyemo bakoresheje ibyo bikoresho (gusimbuka, gukina umupira w'amaguru, kugendesha imodoka...)

### **10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze**



### **Indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma : Nkunda gusoma (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

### **Gusoma inkuru no gusubiza ibibazo ku nkuru**

- Itegure: banza usome inkuru, uyumve mbere yo kuyisomera abana
- Saba abana kwicara ku gice cy'uruziga, kwitonda no gutega amatwi
- Bwira abana umutwe w'inkuru
- Somera abana inkuru ikurikira inshuro 2, witonze kandi ugaragaza amarangamutima:

## Inkuru: Gatesi na Gatete kwa nyirakuru

NITWA GATESI, NGIYE KUBABWIRA UKO NJYE NA MUSAZA WANJYE TWAGIYE GUSURA NYOGOKURU MU BIRUHUKO BYA NOHELI.



TWAZINDUTSE, DUTEGA IMODOKA.



TUGERAYO HAKIRI KARE, DUSANGAYO MASENGE WARI UMAZEYO IMINSI.




BADUHAYE IBIRYO N'AMATA TURISHIMA.




TUMAZE GUFUNGURA, NYOGOKURU APUTUMA GUSHAKA INKWI SO GUCANA.



TUGEZEYO, TURANGAZWA NO GUKINA AGAPIRA N'ABANZI BANA.





Nitwa Gatesi. Ngiye kubabwira uko njye na musaza wanjye Gatete twagiye gusura sokuru na nyogokuru mu biruhuko bya Noheli. Twarazindutse tugerayo hakiri kare. Twasanzeyo masenge Doroteya wari uhamaze icyumweru yaraje kurwaza nyogokuru. Baduhaye ibiryo n'amata maze turishima. Tumaze gufungura, nyogokuru adutuma gushaka inkwi zo gucana. Tugezeye turangazwa no gukina agapira n'abandi bana maze imvura iragwa itunyagira nta rukwi na rumwe dufite. Nuko mbwira Gatete nti: "Dore imvura iragabanutse, reka dutoragure tuno dukwi twaguye hasi dutahe, iyi imvura niteze guhita.". Nuko Gatete arabyemera dutoragura udukwi duke turataha.

Turi hafi yo kugera yo mbona nyogokuru ahagaze ku irembo atutegereje yitangiriye itama nk'ufite ubwoba. Aratubwira ati: 'Buzukuru banjye, ni iki cyatumye mutinda bigeze aha, imvura ikarinda ibanyagira? Njye na Gatete turarebana habura usubiza, ariko Gatete arihangana amubwiza ukuri ati: "Twahugiye mu gukina agapira imvura igwa tutarashaka inkwi mwadutumye". Nyogokuru aratubwira ati "Mujye mushyira imbere icyo mwatumwe kandi mwumve inama z'ababyeyi n'abakuru. Nuko tumusaba imbabazi tumwemerera ko tutazongera kandi twiyemeza kuba abana beza bumvira ababyeyi n'abakuru.

- Baza ibibazo bikurikira. Ku bisubizo batanga ujye ubasobanurira neza cyane cyane ibirebana n'amasano.
- Sabana abana basubize umwe umwe. Mu cyumweru abana bose bazabe bashobora gusubiza neza ibibazo bikurikira:
  1. Umwana ubara inkuru yitwa nde? **Yitwa Gatesi.**
  2. Gatesi apfana iki na Gatete? **Gatesi ni mushiki wa Gatete**
  3. Gatete apfana iki na Gatesi? **Gatete ni musaza wa Gatesi**
  4. Gatesi na Gatete bagiye gusura nde? **Bagiye gusura sekuru na nyirakuru**
  5. Ni nde wundi basanzeyo? **Basanzeyo nyirasenge Doroteya.**
  6. Gatesi na Gatete nyirakuru abita ngo iki? **Buzukuru banjye.**

**10:50- 11:30: Inguni nkunda**



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni. Nimuze Dukine (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

Mu gihe cyo gukinira mu nguni, abana bashobora gukinira mu nguni zitandukanye 4. Ifashisha ibikubiye mu mugereka wa mbere muri iki gitabo.

**Gutegura inguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Tegura ibikinisho byo muri buri nguni 4: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'imikino yigana n'inguni y'ururimi. Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere-ukwezi kwa mbere.

**Gukinira mu nguni**

Reba mu kwezi kwa mbere wiyibutse uko ubigenza.

**Gusoza ibikorwa byo mu nguni**

Reba mu kwezi kwa mbere wiyibutse uko ubigenza.

11:30-11: 50: Duhange



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo guhanga.** Nimuze duhange. (Igihe cyose kuri iyi saha)

Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

**Kuririmba indirimbo ijyanye n'umuryango (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Iyo mu rugo twishimye**

*Iyo mu rugo twishimye*

*Mama ajya imbere*

*Papa ajya inyuma*

*Abana ibumoso maaaa*

*Abana iburyo maaaa*

*Tukabyina twishimye.*

- Tangira kwigisha abana iyo ndirimbo uririmba mu ijwi riranguruye ugaragaza ibyishimo kandi ujya mu merekezo ari mu ndirimbo.
- Ririmba interuro ya mbere, abana basubiremo
- Komeza utyo ku nteruro zose.
- Saba abana guhaguruka bakore imirongo 2 muririmbire hamwe kandi mujya mu merekezo ari mu ndirimbo.
- Komeza ubasubirishemo kugeza bayifashe mu mutwe.

**Gushushanya umuryango muto**

- Saba buri mwana gushushanya umuryango we muto.
- Fasha buri mwana asobanurire abandi ibyo yashushanyije agaragaza abagize umuryango we muto.
- Shimira abana bose kubera ubushake bakoranye uyu mwitoto.

11:50 -12:00: Gusezeranaho ku ruziga



**Kuririmba indirimbo yo gusezeranaho ku ruziga.** (Igihe kuri iyi saha)

Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

## Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kabiri

7:30-8:00: Ikaze ku ruziga:



**Kuririmba indirimbo y'ikaze ku ruziga. (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Bwakeye, Bwakeye.** Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

8:00-8:30: Tumenye ibidukikije



**Kuririmba indirimbo iranga inyigisho "Tumenye ibidukikije" (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

**Gukora umwitozo ku bagize umuryango muto: Kuvuga amazina ye, ay'ababyeyi, ay'abana bavukana (mushiki, musaza)**

- Saba abana kuvuga umwirondoro nk'uko babikoze mu kwezi gushize bongereho abavandimwe babo niba babafite. Ufashe abatabizi nk'umuturanyi uzi imiryango y'abo bana;
- Urugero: Nitwa Shema. Umuryango wange muto ugizwe na njye, **Data** witwa Muhire..., **mama** witwa Kayitesi, **mukuru wanjye** yitwa Gatete na **mushiki wanjye** witwa Gatesi.

8:30-8:50: Tunoze Ikinyarwanda



**Kuririmba indirimbo y'itonde ry'inyuguti. (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Kurikiza urugero rwo kwezi kwa mbere.

**Kuvuga umuvugo: Babyeyi nkunda (Igihe cyose kuri iyi saha)**

- Saba buri mwana gusubiramo umuvugo: Babyeyi Nkunda.

**Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi**

Genzura ko abana bose bafata mu mutwe umuvugo.

## Inyuguti nkuru B

### Gutahura ijwi "B" mu mazina no mu magambo bamenyereye (Ku wa Mbere)

- Soma amagambo akurikira inshuro 2, utsindagira ahari **inyuguti B**: IBABA, IKIBABI, BABARIRA, BIBIRI, KIBIBI,
- Saba abana gutahura ijwi ryagarutse kenshi: Ni irihe jwi ryagarutse kenshi? **Ni ijwi ry'inyuguti B**
- Saba abana gutanga andi magambo n'amazina bazi yumvikanamo ijwi **B**: UBURIRI, UBURURU.

### Kubaka inyuguti nkuru B (Kuva ku wa 2 kugeza ku wa 4)

- Tegura utubuye duhagije abana bose baza kwifashisha.
- Saba abana kuguha amagambo yumvikanamo ijwi B
- Bwira abana ko mugiyeye gukora inyuguti nkuru B mukoresheje utubuye.
- Hereza amatsinda y'abana 3 agakarita kariho inyuguti nkuru B baza kureberaho, ubabwire ko ari inyuguti nkuru B.



- Tanga urugero usabe abana kubaka inyuguti B barebera ku gakarita. Ukomeze nk'uko wakoze ku nyuguti A



- Mu mpera z'icyumweru saba abana kubaka inyuguti batarebera ku gakarita.
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza.

### Kubumba inyuguti nkuru B



Kurikiza inama zirebana no kubumba inyuguti nkuru A

### Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

- Genzura ko buri mwana yashoboye kubaka no kubumba inyuguti, ufashe abafite ingorane.
- Baza: Ni iyihe mirongo yifashishwa: umurongo uhagaze, n'imirongo 2 iheteye ibumoso.



### Indirimbo iranga ibikorwa by'Imibare. (Igihe cyose kuri iyi saha)

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere. Kuririmba bahererekanya ikintu.

### Kubara ibintu 3 (ku wa Mbere no ku wa 2)



- Tegura ibintu bitandukanye muri bukenere mu kubara: udubuye, uduzi, ibikombe, n'ibindi,
- Ereka abana ibintu bitatu: Urugero: ibikombe bitatu (3); uduzi dutatu (3); amabuye atatu (3), amakayi atatu (3).
- Saba abana batandukanye berekane ibintu bitatu (3) mu bintu bafite.
- Saba abana kubara ibintu bafite:  
Urugero:
  - ✓ Ikayi imwe (1), amakayi abiri (2), amakayi atatu (3).
  - ✓ Agati kamwe (1), uduzi tubiri (2), uduzi dutatu (3)

### Guhuza umubare 3 n'ibidomo (ku wa Gatatu)



Kurikiza amabwiriza yo guhuza umubare 2 n'ibidomo.

### Kubaka umubare 3 yifashishije ibintu bifatika: utubuye (ku wa gatatu no ku wa 4)

- Tegura utubuye n'uduzi abana bose bari bukoreshye.
- Bwira abana ko mugiyeye gukora **umubare 3**
- Tanga urugero wubake **umubare 3** ukoresheje utubuye.



- Ha buri mwana agakarita kanditseho umubare 3 maze ubasabe gukora uyu mwitozo wo kuwa gatanu.

### Kubumba umubare 3



Kurikiza inama zirebana no kubumba umubare 2.

#### Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

- Saba umwana kubara akerekana intoki 3 cyangwa ibindi bintu 3 afite.
- Genzura ko abana bashobora kubaka no kubumba umubare 3 badafite aho bawurebera.
- Babaze imirongo igize umubare 3. Ni imirongo 2 ifatanye iheteye ibumoso.

### 9:20 – 9:30: Twite ku buzima bwacu



#### Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Igihe cyose kuri iyi saha)

**Indirimbo:** *Nkunda kwita ku mubiri wanjye.* Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

#### Kuvuga umuvugho: Nita ku mubiri wanjye (Igihe cyose kuri iyi saha)

Saba abana bavugire hamwe umuvugho bize mu kwezi gushize: Nita ku mubiri wanjye. Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

#### **Gutoza abana isuku no kubamenyereza kujya mu bwihereho no kubukoresha neza (Igihe cyose)**

Komezaga gufasha abana babikeneye gukoresha ubwihereho neza, ubatoze isuku ushingiyeye ku myitwarire bagaragaza.

#### **Ibutsa imyitwarire ihwitse**

#### **Gufunga no gufungura imashini n'ibipesu by'imyenda bambaye (Igihe cyose)**

- Erekerana buri mwana uhaye ku myenda, uko bafunga bakanafungura ibipesu cyangwa imashini.
- Bikore kenshi mu kwezi bitewe n'imyenda umwana yambaye, kandi ku buryo abana bose babimenya.

### **Gukina imikino abana bihitiyemo (Igihe cyose kuri iyi saha)**

- Genzura niba imbuga itunganye ku buryo nta bintu byakomeretsa abana
- Reka abana bakine imikino bihitiyemo
- Tegura ibikinisho bitandukanye: imigozi, imipira yo gukina, utumodoka dukoze mu bivovo, mu ducupa, mu tujerekani n'ibindi bikinisho ushobora kubona.
- Reka abana bakine imikino bihitiyemo bakoresheje ibyo bikoresho (gusimbuka, gukina umupira w'amaguru, kugendesha imodoka...)

**9: 30 - 10:00: Dusangire**



### **Kuririmba akaririmbo karanga igikorwa cyo kunywa igikoma**

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

**10:00-10:30: Dukinire hanze**



### **Kuririmba indirimbo iranga imikino yo hanze: Iyo tugenda kuri gahunda (Igihe cyose kuri iyi saha)**

- Genzura ko imbuga abana bakiniraho nta bintu bihari byakomeretsa abana cyangwa yabahutaza.
- Ririmbana n'abana indirimbo "Iyo tugenda kuri gahunda" kandi mugendera ku njyana imwe

### **Gukina umukino wo gutera unaga agapira mu ndobo cyangwa mu gikarito**

Tegura agapira gato kandi kataremereye, indobo cyangwa igikarito.

- Reba mu kwezi kwa kabiri wiyibutse uko uyobora uyu mukino

10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze



**Indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma: Nkunda gusoma (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

### Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo

Ongera usomere abana inkuru ya Gatesi na Gatete basuye nyirakuru

Baza ibibazo bikurikira, usabe abana basubize umwe umwe. Mu cyumweru abana bose bazabe bashobora gusubiza neza ibi bibazo.

1. Nyirakuru yabatumye iki? **Yabatumye inkwi zo gucana**
2. Ni irihe kosa Gatesi na Gatete bakoze? **Bahugiye mu gukina ntibatoragura inkwi bari babatumye.**
3. Nyirakuru yababwiye ngo iki? **Ngo bajye bashyira imbere icyo babatumye.**
4. Hari icyo ushimira Gatesi? **Gatesi yabwiye musaza we ngo batahe.**
5. Ni iki ushimira Gatete? **Ntabwo yabeshye yavugishije ukuri.**

11:50- 11:30: Inguni nkunda



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni. Nimuze Dukine. (Igihe cyose kuri iyi saha).** Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

Mu gihe cyo gukinira mu nguni, abana bashobora gukinira mu nguni zitandukanye 4. Ifashishe ibikubiye mu mugereka wa mbere mu gitabo cya mbere.

### **Gutegura inguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Tegura ibikinisho byo muri buri nguni 4: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'imikino yigana n'inguni y'ururimi. Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere, mu kwezi kwa mbere

### **Gukinira mu nguni**

Reba mu kwezi kwa mbere wiyibutse uko ubigenza.

### **Gusoza ibikorwa byo mu nguni**

Reba mu kwezi kwa mbere wiyibutse uko ubigenza.

11:30-11: 50: Duhange



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo guhanga (igihe cyose)**

**Indirimbo: Nimuze duhange**

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

**Kuririmba indirimbo y'ukwezi: Iyo mu rugo twishimye (igihe cyose kuri iyi saha)**

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

**Gushushanya umuryango muto**

- Saba buri mwana gushushanya umuryango we muto.
- Fasha buri mwana asobanurire abandi ibyo yashushanyije agaragaza abagize umuryango we muto.

Shimira abana bose kubera ubushake bakoranye uyu mwitozo.

11:50 -12:00: Gusezeranaho Ku ruziga



**Kuririmba indirimbo yo Gusezeranaho Ku ruziga (igihe cyose kuri iyi saha)**

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

**Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya gatatu**

7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga



**Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cy'ikaze ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

## 8:00-8:30: Tumenye ibidukikije



### Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu bidukikije

**Indirimbo: Tumenye ibidukikije** (mu njyana ya "Namanutse umusozi n'amaguru"). Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

### Kwitegereza no kuvuga abagize umuryango mugari: nyogokuru na sogokuru

- Ereka abana ishusho ya kabiri iteganyijwe mu kwezi kwa 3 muri iki gitabo yerekana abagize umuryango mugari.
- Saba abana kandi ubahe umwanya wo kwitegereza ishusho bahereye aho bashaka.
- Mu gihe abana bamaze nk'iminota 2 bitegereza, basabe kuvuga ku byo babona ku mashusho ukoresheje ibibazo: Iyi shusho irerekana abagize umuryango mugari. Ni benshi kandi harimo abana bato, ababyeyi b'abana bato, n'abantu bakuze bafite imvi.
- **Sobanura:** iyi shusho irerekana abagize umuryango mugari.
- Urugero: Shema agaragaza umuryango we mugari yavuga ati "Umuryango wanjye mugari harimo, **nyogokuru na sogokuru**. Ni **ababyeyi ba papa cyangwa ba mama**. Iyo nabasuye banyita **umwuzukuru** wabo.
- Baza abana: Ni bande bafite ba sekuru na ba nyirakuru?
- Saba abana batabizi kuza kubaza ababyeyi babo niba bafite bya nyirakuru cyangwa ba sekuru.
- **Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:**
- Ababyeyi ba papa cyangwa ba mama babita ngo iki? **Sogokuru na Nyogokuru**.

## 8:30-8:50: Tunoze Ikinyarwanda



### Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (Igihe cyose kuri iyi saha)

**Indirimbo: Itonde ry'inyuguti.** Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

### Kuvuga umuvugo: Babyeyi nkunda (Igihe cyose kuri iyi saha)

**Umuvugo: Babyeyi Nkunda**

- Saba buri mwana gusubiramo umuvugo: Babyeyi Nkunda
- **Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi**
- Saba buri mwana kuvuga uyu muvugo agaragaza amarangamutima.

## Inyuguti nkuru C

### Gutahura ijwi "C" mu mazina no mu magambo bamenyereye ( Ku wa mbere)

- Soma amagambo akurikira inshuro 2, utsindagira ahari **inyuguti C**: ICUPA, UMUCERI, AGACACA, CANAMAKE.
- Saba abana gutahura ijwi ryagarutse kenshi: Ni irihe jwi ryagarutse kenshi? **Ni ijwi ry'inyuguti C**
- Saba abana gutanga andi magambo n'amazina bazi yumvikanamo ijwi **C**: CECEKA, ICEBE.

### Kubaka inyuguti nkuru C (kuva ku wa Kabiri kugeza ku wa Kane)

- Tegura utubuye duhagije abana bose baza kwifashisha.
- Saba abana kuguha amagambo yumvikanamo ijwi C
- Bwira abana ko mugiyeye gukora inyuguti nkuru C mukoresheje utubuye.
- Hereza amatsinda y'abana 3 agakarita kariho inyuguti nkuru C baza kureberaho, ubabwire ko ari inyuguti nkuru C.



- Kora uko wakoze ku nyuguti A



**Icyitonderwa:** Iyo bamaze kumenyera kubaka inyuguti ntibaba bagikeneye aho barebera.

- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza.

### Kubumba cyangwa kubaka inyuguti nkuru C



Kurikiza inama zirebana no kubumba inyuguti nkuru A

## 8:50-9:20: Imibare



### Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Igihe cyose kuri iyi saha)

*Indirimbo: Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu karindwi, umunani, icyenda, icumi.*

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere: Kuririmba bahererekanya ikintu.

### Gukoresha indamukanyo ijyanye n'igihe cy'umunsi

- Suhuza abana uti: **Mwaramutse**. Basubize: **waramutseho**.
- Baza abana uti: Mbere yo kuva mu rugo mwasezeye muvuga ngo iki? **Twavuze ngo mwirirwe**.
- Iyo mutashye ku manywa musuhuza mute abo mu rugo? Turavuga ngo **Mwiriwe?**
- Nimugoroba iyo umuntu wabasuye agiye gutaha asezera avuga ngo iki? Asezera avuga ngo: **Muramuke**
- Bwira abana ko:
  - ✓ **Mu gitondo** turamutsa abo mu muryango wacu n'abandi tuvuga duti: **Mwaramutse? Dusezera tugira duti: mwirirwe.**
  - ✓ **Ku manywa** turamukanya tuvuga duti: **Mwiriwe.**
  - ✓ **Nimugoroba** dusezeranaho tuvuga duti: **Muramuke.**

### Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

- Iyo ugiye usezera abo mubana uvuga ngo iki? **Muramuke**
- Iyo ubyutse ni gute usuhuza abo mubana. **Mwaramutse?**

9:20 – 9:30: Twite ku buzima bwacu



### Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: **Nkunda kwita ku mubiri wanjye** Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

### Kuvuga umuvugho: Nita ku mubiri wanjye (Igihe cyose)

Saba abana bavugire hamwe umuvugho bize mu kwezi gushize: Nita ku mubiri wanjye

### Gutoza abana isuku no kubamenyereza kujya ku bwihereho neza (Igihe cyose)

Komezaga gufasha abana babikeneye gukoresha ubwihereho neza, ubatoze isuku ushingiyeho ku myitwarire bagaragaza.

### Gufunga no gufungura imashini n'ibipesu by'imyenda bambaye (Igihe cyose)

- Erekeraga buri mwana uhagaze ku myenda, uko bafunga bakafungura ibipesu cyangwa imashini.
- Bikore kenshi mu kwezi bitewe n'imyenda umwana yambaye, kandi ku buryo abana bose babimenya.

9:30 - 10:00: Dusangire



**Kuririmba indirimbo yibutsa abana ko ari igihe cyo kunywa igikoma (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Uku ni ko nywa igikoma.** Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

10:00-10:30: Dukinire hanze



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Iyo tugenda kuri gahunda.** Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere

**Gukina umukino wo kwigana ibikorwa mu muryango muto**

- Kora amatsinda 3 y'abana ku buryo buri tsinda ribamo abana bakuru n'abato, abahungu n'abakobwa.
- Bwira abana ko bagiyeye gukina bigana umuryango muto.
- Basabe bihitiremo icyo bakina kandi bishakire n'ibikoresho bari bukenere.
- Basabe bigabanye imirimo mu byo bagiyeye gukora: papa, mama, abana.
- Igihe bakina witegereze kandi ubegere ubasobanuze.
- Igihe cyagenewe imikino yo hanze nikirangira usanze ubashimira bose
- Ubasabe gusukura aho bakiniye.

10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze



**Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma/guca imigani/gusakuza (Igihe cyose yose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Nkunda gusoma**

### Umwitoto ufatiye ku nkuru

- Ongerera usomere abana inkuru yitwa **Gatesi na Gatete basuye nyirakuru.**
- Saba buri mwana atekereze uko ajya abigenze iyo bamutumye: Wowe ubigenza ute iyo bagutumye?
- Saba abana bakubwire abagize umuryango wabo bavuga amasano bafitanye: Urugero: **Musaza wanjye** ni we muto yitwa...; **Mushiki wanjye...**; **Masenge atuye....**; **Sogokuru...**

### 10:50- 11:30: Inguni nkunda



#### Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: **Nimuze dukine.**

Mu gihe cyo gukinira mu nguni, abana bashobora gukinira mu nguni zitandukanye 4. Ifashishe ibikubiye mu mugereka wa mbere muri iki gitabo.

#### Gutegura inguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)

Tegura ibikinisho byo muri buri nguni 4: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'imikino yigana n'inguni y'ururimi. Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere, mu kwezi kwa mbere

#### Gukinira mu nguni

Reba mu kwezi kwa mbere wiyibutse uko ubigenza.

#### Gusoza ibikorwa byo mu nguni

Reba mu kwezi kwa mbere wiyibutse uko ubigenza.

### 11:30-11: 50: Duhange



#### Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bya Duhange (Iminsi yose kuri iyi saha)

Indirimbo: **Nimuze duhange.** Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

#### Kuririmba indirimbo y'ukwezi: Iyo mu rugo twishimye. (Igihe cyose kuri iyi saha)

- Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere. Komeza utyo ku nteruro zose.
- Saba abana guhaguruka bakore imirongo 2 murimbire hamwe kandi mujya mu merekezo ari mu ndirimbo.
- Komeza ubasubirishemo kugeza bayifashe mu mutwe.

### Gushushanya umuryango mugari

- Saba buri mwana gushushanya umuryango we mugari.
- Fasha buri mwana asobanurire abandi ibyo yashushanyije agaragaza abagize umuryango we mugari: igihe asobanura akoresha amagambo ajyanye n'amasano: data, mama, musaza, mushiki, masenge, marume, mubyara.
- Shimira abana bose kubera ubushake bakoranye uyu mwitoto.

### 11:50 -12:00: Gusezeranaho Ku ruziga



### Kuririmba indirimbo yo gusezeranaho ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)

Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

### Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kane

### 7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga:



### Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cy'ikaze ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Bwakeye, bwakeye*

Kora uko wakoze icyumweru cya mbere mu kwezi kwa mbere.

### 8:00-8:30: Tumenye ibidukikije



### Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu bidukikije (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Tumenye, ibidukikije*. Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

**Gukora kuvuga ku muntu umwe bihitiyemo) mu bagize umuryango wabo muto n'umuryango mugari (Sogokuru na nyogokuru)**

- Saba abana guhitamo umuntu umwe mu muryango muto cyangwa mugari agire icyo amuvugaho.
- Tangira uhe abana urugero. Nitwa ...Mfite **mukuru wange** witwa Ineza, ni umucuruzi.
- Ubafashe bagaragaze amasano bafitanye kandi ubonereho ugende ukosora abataramenya amasano.

**8:30-8:50: Tunoze Ikinyarwanda**



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Itonde ry'inyuguti.** Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

**Kuvuga umuvugo: Babyeyi nkunda (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Umuvugo:** Babyeyi nkunda.

Saba buri mwana gusubiramo umuvugo: Babyeyi nkunda.

**Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi:**

Saba buri mwana kuvuga uyu muvugo agaragaza amarangamutima.

**Inyuguti nkuru D**

**Gutahura ijwi "D" mu mazina no mu magambo bamenyereye (Ku wa Mbere)**

- Soma amagambo akurikira inshuro 2, utsindagira ahari **inyuguti D**: IDEBE, DODO, IDUKA,
- Saba abana gutahura ijwi ryagarutse kenshi: Ni irihe jwi ryagarutse kenshi? **Ni ijwi ry'inyuguti D**
- Saba abana gutanga andi magambo n'amazima bazi yumvikanamo ijwi **D**: DODO, IDIRISHYA, .
- Saba abana k Gusimbuka bumvise ijwi "D" mu magambo ubabwiye: Data, igiti, akadobo,...
- Shimira abana bese ukoma amashyi uvuga uti: MURABIKOZE, NI BYIZA

**Kubaka inyuguti nkuru D (Kuva ku wa Kabiri kugeza ku wa Kane)**



- Hereza abana udukarita barebaraho igihe bubaka inyuguti nkuru D



- Kora uko wakoze ku nyuguti A
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza.

### Kubumba inyuguti nkuru A, B, C, D (Ku wa ku wa Kane no ku wa Gatatu)



Kurikiza inama zirebana no kubumba inyuguti nkuru A.

#### Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:

- Saba umwana kuvuga ibintu bafite iwabo bifite amazina yumvikanamo ijwi "D"? Akadobo, idebe, urudodo,
- Saba umwana kuvuga imirongo igize inyuguti D nkuru. umurongo uhagaze n'uheteye ibumoso.

### 8:50-9:20: Nkunda Imibare



#### Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Igihe cyose kuri iyi saha)


**Indirimbo:** Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu karindwi, umunani, icyenda, icumi. Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

#### Kugereranya ibintu bigufi n'ibirebire (kuva ku wa Mbere kugeza ku wa Gatatu)

- Tegura uduti 10 tutareshya: utugufi n'uturette.



- Ereka abana utwo duti bitegereze batahure ko tutareshya.
- Saba umwana umwe afate uduti 2 yerekane akagufi n'akarekare



- Saba abandi bana bakore uyu mwitozo wo kugereranya uduti tubiri (2)

**Kubumba cyangwa kubaka umubare 1,2,3 (Ku wa Kane no ku wa Gatanu)**



Kurikiza inama zirebana no kubumba inyuguti nkuru A.

**Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru:**

- Tegura uduti dusumbana mu burebure utuvangavange ubaze umwana kukwerekaga agati karekare kurusha utundi.

**9:20 – 9:30: Twite ku buzima bwacu**



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: *Nkunda kwita ku mubiri wanjye*.** Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

**Kuvuga umuvugo: Nita ku mubiri wanjye (Ukwezi kose kuri iyi saha)**

Saba abana bavugire hamwe umuvugo bize mu kwezi gushize: Nita ku mubiri wanjye.

Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

**Gutoza abana isuku no kubamenyereza kujya mu bwihherero no kubukoresha neza (Igihe cyose)**

Komeza gufasha abana babikeneye gukoresha ubwihherero neza, ubatoze isuku ushingiyeye ku myitwarire bagaragaza.

### Gufunga no gufungura imashini n'ibipesu by'imyenda bambaye

- Erekerwa buri mwana uhereye ku myenda, uko bafunga bakanafungura ibipesu cyangwa imashini.
- Bikore kenshi mu kwezi bitewe n'imyenda umwana yambaye, kandi ku buryo abana bose babimenya.

### 9:30 - 10:00: Kunywa igikoma



### Kuririmba indirimbo yibutsa abana ko ari igihe cyo kunywa igikoma (Igihe cyose kuri iyi saha)

**Indirimbo:** *Uku ni ko nywa igikoma*. Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

### 10:00-10:30: Dukinire hanze



### Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Igihe cyose kuri iyi saha)

**Indirimbo:** *Iyo tugenda kuri gahunda* Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

### Umukino: Mingo, Mingo 1, 2, 3

- Huriza abana bose hanze bakine agakino k'iminota 5 mbere y'uko bajya gukina imikino bihitiyemo;
- Saba abana kujya ku ruziga.
- Bwira abana ko mugiyeye gukina umukino witwa: **Mingo!**
- Kurikiza amabwiriza y'umukino mu cyumweru cya 4 cy'ukwezi kwa 2, ariko ugeze kuri Mingo 3.

## Gukina umukino w'ikibariko cy'inyuguti n'imibare

3	•
1	:
B	2
1	C
A	2
::	B

- Tegura udukarita turiho inyuguti n'imibare bize muri uku kwezi no mu mezi yahise.
- Shushanya hasi ikinyatuzu gifite utuzu 12.
- Tangira ushyira twa dukarita turiho inyuguti, imibare n'ibidomo (1,2,3) mu tuzu 6 (ujye wirenza akazu kamwe)
- Ereka abana uko uyu mukino ukinwa: simbuka n'akaguru kamwe ukandagire ahari ubusa usome inyuguti cyangwa umubare urenze. Ukomeze kugeza nko ku dukarita 3.
- Reka abana umwe umwe bakomeze uwo mukino. Singombwa ko umwana asoma byose. Ashobora gusoma udukarita 3 undi agakomeza
- Hindura inyuguti n'ibidomo kandi ugende uhindura umwanya byahozemo mbere kugira ngo abana basome aho gufata mu mutwe.
- Iyo hari umwana unaniwe gusoma, afata ikarita akayereka abana bamukurikiye bakayimubwira agakomeza. Kirazira kumuca intege.

## 10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze



### Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma/guca imigani/gusakuza (Igihe cyose kuri iyi saha)

**Indirimbo: *Nkunda gusoma*.** Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

### Umwitozo: Kuvuga muri make inkuru y'ukwezi: Gatesi na Gatete basuye nyirakuru

- Ongera usomere abana inkuru.
- Saba abana umwe umwe bavuge muri make ibyo bumvise mu nkuru.

## 10:50- 11:30: Inguni nkunda



### Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni : (Igihe cyose kuri iyi saha)

**Indirimbo: *Nimuze dukine*.** Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

Mu gihe cyo gukinira mu nguni, abana bashobora gukinira mu nguni zitandukanye 4. Ifashishe ibikubiye mugereka wa mbere muri iki gitabo.

### **Gutegura inguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Tegura ibikinisho byo muri buri nguni 4: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'imikino yigana n'inguni y'ururimi. Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere, mu kwezi kwa mbere.

### **Gukinira mu nguni**

Reba mu kwezi kwa mbere wiyibutse uko ubigenza.

### **Gusozza ibikorwa byo mu nguni**

Reba mu kwezi kwa mbere wiyibutse uko ubigenza.

### **11:30-11:50: Duhange**



### **Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni : (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Nimuze dukine.** Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

### **Kuririmba indirimbo y'ukwezi: Iyo mu rugo twishimye (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

### **Gushushanya umuryango mugari**

- Saba buri mwana gushushanya umuryango we mugari.
- Fasha buri mwana asobanurire abandi ibyo yashushanyije agaragaza abagize umuryango we mugari: igihe asobanura akoresha amagambo ajyanye n'amasano: data, mama, musaza, mushiki, masenge, marume, mubyara.
- Shimira abana bose kubera ubushake bakoranye uyu mwitoto

### **Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri iki cyumweru.**

- Reba ko abana bashushanya, ubabaza ibyo bashushanyije n'uburyo basobanura amashusho ariko wirinde kubabwira ko bashushanyije nabi.

### **11:50 -12:00: Gusezeranaho Ku ruziga**



### **Kuririmba indirimbo yo Gusezeranaho Ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

## UKWEZI KWA KANE

Insanganyamatsiko: Iwacu mu rugo





### Akamaro k'iyi nsanganyamatsiko

Ibikorwa by'ukwezi kwa kane ku ngengabihe ya gahunda y'ibikorwa mu Urugo Mbonezamikurire y'Abana Bato bishamikiye ku nsanganyamatsiko yitwa **"Iwacu mu rugo"** kugira ngo umwana muto amenyerezwe hakiri kare kumenya ibice bigize urugo ndetse n'ibikorwa bikorerwa muri buri gice. Ni umwanya mwiza wo gutoza umwana muto uko yakwitwara mu gihe yasuye bagenzi be cyangwa yagiye gusura abandi bafitanye isano mu muryango.

## Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya mbere

7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga



**Kuririmba indirimbo y'ikaze ku ruziga (Igihe kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Bwakeye, Bwakeye.** Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

8:00-8:30: Tumenye ibidukikije



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu bidukikije (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Tumenye, ibidukikije.** Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

### Gusura ingo zitandukanye ziri hafi

- Hera ku rugo murimo, nyuma musure n'izindi ngo 2 ziri hafi (iwabo w'umwe mu bana ufite). Ibuka guteguzza ingo muzasura kugira ngo muzasange bahari;
- Mbere yo guhaguruka ibutsa abana imigenzo myiza: gusuhuza abo mu rugo mwasuye, kwirinda gutwara ibyo usanzeyo no kujya aho utemerewe;
- Mugezeyo, reka abana bitegereze neza imiterere y'inzu kandi baganire uko bazibona: uko zingana, uko zubatse, amabara,...;
- Shishikariza abana kwitegereza ibintu bitandukanye nk'inzugi, amadirishya; ibikoresho bisakaye inzu, ibaraza, imbuga, igikari, igikoni, ubwiherero, inzu z'amatungo (ibiraro) ubusitani, n'ibindi;
- Nyuma yo gusura, huriza abana hamwe bavuge ibyo babonye, ibyo bakunze, aho inzu babonye zihuriye/zitandukaniye n'izabo.

### Kwitegereza amashusho no kuvuga ibice bigize urugo

- Ereka abana ishusho ya mbere iteganyijwe mu kwezi kwa 4 muri iki gitabo yerekana ibice bigize urugo.
- Saba abana kandi ubahe umwanya wo kwitegereza ishusho bahereye aho bashaka.
- Mu gihe abana bamaze nk'iminota 4 bitegereza, basabe kwerekana ku mashusho: **ku irembo, mu mbuga, no mu gikari**
- Saba abana bakubwire ibyo dusanga **mu gikari**: tuhasanga **ubwiherero, ubwiyuhagiriro, igikoni**.

- Sobanura neza kandi ubibasubirishemo:  
*Uturutse ku irembo, mu rugo tuhasanga imbuga, inzu nini, n'igikari.  
Mu gihari ni ho dusanga igikoni, ubwiherero, n'aho biyuhagirira.*
- Baza abana ibibazo bikurikira:
  1. Iyo ugiye gusura abana muturanye usuhuza ugeze mu mbuga? Cyangwa usuhuza ukiri ku irembo?
  2. Iyo abana bagusuye mukinira ku mbuga? Cyangwa mukinira mu gikari?
  3. Inkwi zo gucana ziba mu kihe gice cy'urugo.
  4. Niba ufite umwana utabona muyobore ugende umubwira aho ugeze uko hitwa, arebesha amaso y'umutima

## 8:30-8:50: Tunoze Ikinyarwanda



### Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (Igihe cyose kuri iyi saha)

**Indirimbo: itonde ry'inyuguti.** Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

### Kuvuga umuvugo: (Igihe cyose kuri iyi saha)

- Itegere usoma umuvugo mbere yo kuwusomera abana:

#### Umuvugo: lwacu mu rugo

1. Nuza iwacu ugeze ku irembo;  
Uzabona inzu yacu nziza;  
Nzaguhobera turi mu mbuga;  
Twicare mu ruganiriro.

2. Nzakuzimanira amata yacu;  
Dusangire amashaza n'igitoki  
Karoti, dodo, n'amagi ukunda  
Twikuze imbuto tweza.

3. Nzakujyana mu gikari  
Nkwereke ibirayi n'ibijumba  
Biri mu gikoni aho dutekera  
Uzataha wamenye iwacu.


- Soma umuvugo mu ijwi riranguruye ugaragaza amarangamutima bijyanye.
- Vuga interuro ya mbere, abana basubiremo
- Komeza utyo ku nteruro zose.
- Komeza ubasubirishemo kugeza bafashe umuvugo wose mu mutwe.
- Saba buri mwana gusubiramo umuvugo
- Saba abana gushimira umwana mugenzi wabo bamuha amashyi y'uturabo.

### Gutahura ijwi "E" mu mazina no mu magambo bamenyereye (Ku wa Mbere)

- Soma amagambo akurikira inshuro 2, utsindagira ahari **inyuguti E**: EMERITA, EREKANA, ERIKA, Ezekiyeli,
- Saba abana gutahura ijwi ritangira ayo magambo: Ni irihe jwi ritangira ayo magambo ryagarutse kenshi? **Ni ijwi ry'inyuguti E**
- Saba abana gutanga andi magambo n'amazina bazi yumvikanamo ijwi **E**: Ema, Ezekiyasi

### Kubaka inyuguti nkuru E (Kuva ku wa Kabiri kugeza ku wa Kane)

- Tegura utubuye n'uduti abana bose bari bukoreshe.
- Bwira abana ko mugiyeye gukora inyuguti nkuru E.
- Tanga urugero wubake inyuguti E ukoresheje utubuye cyangwa uduti.



- Fatanya n'abana kubaka inyuguti E ukoresheje utubuye, igiti.
- Saba buri mwana gukora uyu mwitozo.
- Genzura ko abana bose bashoboye gukora inyuguti nkuru E
- Shimira abana bose ukoma amashyamba uvuga uti: murabikoze, mama shenge weee!

### Kubumba inyuguti E

- Fata akanya utegure ibumba abana bose bari bukoreshe.
- Bwira abana ko mugiyeye kubumba inyuguti.
- Ereka abana izo nyuguti



- Tanga urugero ubumbe inyuguti
- Saba buri mwana gukora uyu mwitozo wo kubumba inyuguti.
- Genzura ko buri mwana yashoboye kwandika inyuguti, ufashe abafite ingorane.
- Shimira abana bose ukoma amashyamba uvuga uti: murabikoze, mama shenge weee!

8:50-9:20: Nkunda Imibare



### Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu karindwi, umunani, icyenda, icumi. Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

### Kugereranya ikinini n'igito

- Tegura ibikombe binini n'ibito.



- Ereka abana ibyo bikombe batahure ko bitangana.
- Saba umwana umwe afate ibikombe 2 yerekane igito n'ikinini.
- Saba abandi bana bakore uyu mwitozo wo kugereranya ibikombe bibiri (2).
- Soza uyu mwitozo ushimira abana bose ubaha uturabo.

### 9:20 – 9:30: Twite ku buzima bwacu



#### Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Igihe cyose kuri iyi saha)

**Indirimbo:** Nkunda kwita ku mubiri wanjye. Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

### Kwita ku isuku yo mu rugo

- Tegura igitebo cyo gushyiramo imyanda, amazi n'isabune.
- Bwira ko mugiyeye gukora isuku mu irerero no hanze ahakikije irerero
- Fatanya n'abana gutoragura imyanda nk'ibipapuro cyangwa ibyatsi babishyire mu gitebo.
- Bwira abana ko atari byiza gushyira imyanda aho babonye hose, ko imyanda ishyirwa mu gitebo cyabugenewe.
- Ha abana umukoro wo gukora isuku bageze iwabo.
- Jyana abana aho wateguye amazi n'isabune bakarabe neza intoki.
- Shimira abana bose ubaha amashyi.

### 9:30 - 10:00: Dusangire



#### Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo kunywa igikoma (Igihe cyose kuri iyi saha)

**Indirimbo:** Uku ni ko nywa igikoma. Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

10:00-10:30: Dukinire hanze



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Iyo tugenda kuri gahunda.** Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere

**Gukina imikino abana bihitiyemo (Igihe cyose kuri iyi saha)**

- Genzura niba imbuga itunganye ku buryo nta bintu byakomeretsa abana
- Tegura ibikinisho bitandukanye ushobora kubona , ureke abana bakine imikino bihitiyemo bakoresheje ibyo bikoresho (gusimbuka, gukina umupira w'amaguru, kugendesha imodoka...)
- Ibutsa abana ko bagomba gukina neza batarwana, badahutazanya, batababazanya ku mubiri.
- Shishikariza abana bose gukina, ntihagire uwigunga.

10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze



**Indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Nkunda gusoma.** Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

**Gusoma inkuru no gusubiza ibibazo ku nkuru**


- Itegure: banza usome inkuru, uyumve mbere yo kuyisomera abana
- Saba abana kwicara ku gice cy'uruziga, kwitonda no gutega amatwi
- Bwira abana umutwe w'inkuru
- Somera abana inkuru ikurikira inshuro 2, witonze kandi ugaragaza amarangamutima:

## Inkuru: Kamikazi yaretse kuvangura ibiryo

UMWANA WITWA KAMIKAZI YAKUNDAGA KUVANGURA IBIRYO. IYO BAMUHAGA IBIRYO BIRIMO IMBOGA N'INDAGARA, YIRIRAGA IBINDI IMBOGA N'INDAGARA AKABIHA ABANDI.



UMUNSI UMWE, UMUREZI YABIGISHIJE AKAMARO KO KURYA INDYO YUZUYE. YARABABWIYE ATI...




KURYA INDYO YUZUYE NI BYIZA CYANE.

YARABABWIYE ATI...



UMWANA WARIYE INDYO YUZUYE AKURA NEZA, AKAGIRA UBUREBURE N'IBIRO BIJYANYE N'IMYAKA YE.

YARONGEYE ATI...



ABANA BAVANGURA IBIRYO NTIBAKURA NEZA. USANGA BANANUTSE, AKENSHI BABA BARWAYE, BAHORANA IMBARAGA NKE KU BURYO BADAKINA N'ABANDI BANA.


KAMIKAZI YUMVISE IBYO UMUREZI ABABWIYE AMANIKA URUTOKI. AHABWA UMWANYA,



MAZE ARAVUGA ATI...



NJYE SINKUNDA INDAGARA N'IMBOGA. IYO BABIMPAYE NIRIRA IBINDI IMBOGA N'INDAGARA NKABYIHERA ABANDI NGO MAMA ADASANGA NABISHYIZE KU RUHANDE AKANTONGANYA.



Umwana witwa Kamikazi yakundaga kuvangura ibiryo. Iyo bamuhaga ibiryo birimo imboga n'indagara, yiriraga ibindi imboga n'indagara akabiha abandi. Umunsi umwe, umurezi yabigishije akamaro ko kurya indyo yuzuye. Yarababwiye ati: "Kurya indyo yuzuye ni byiza cyane. Umwana wariye indyo yuzuye akura neza, akagira uburebure n'ibiro bijyanye n'imyaka ye." Yarongeye ati: "Abana bavangura ibiryo bo ntibakura neza. Usanga bananutse, akenshi baba barwaye, bahorana imbaraga nke ku buryo badakina nk'abandi bana." Kamikazi yumvise ibyo umurezi ababwiye amanika urutoki. Ahabwa umwanya, maze aravuga ati: "Njye sinkunda indagara n'imboga. Iyo babimpaye nirira ibindi, imboga n'indagara nkabyihera abandi ngo mama adasanga nabishyize ku ruhande akantonganya. Menye impamvu mpora ndwaye, bagahora banjyana kwa muganga! Kuva ubungubu ntabwo nzongera gushyira ku ruhande imboga n'indagara." Nuko umurezi aramushimira cyane. Arangije abwira abana bose ati: N'abandi bana mwese muvanga ibiryo mubireke kuko ari bibi ku buzima bwanyu. Abana bose bemera inama umurezi abagiriye.

#### Ibibazo ku nkuru

1. Iyi nkuru yitwa ngo iki? **Igisubizo: Kamikazi yaretse kuvangura ibiryo.**
2. Ni ibihe biryo Kamikazi adakunda kurya? **Igisubizo: imboga n'indagara.**
3. Ni irihe somu umurezi yigishije abana? **Igisubizo: isomo rijyanye no kurya indyo yuzuye.**

4. Umurezi yavuze ko kurya indyo yuzuye bimaze iki? Igisubizo: **bituma umwana akura neza**

**10:50- 11:30: Inguni nkunda**



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni : (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Nimuze dukine.** Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

Mu gihe cyo gukinira mu nguni, abana bashobora gukinira mu nguni zitandukanye 4. Ifashishe ibikubiye mu mugereka wa mbere mu gitabo cya mbere.

**Gutegura inguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Tegura ibikinisho byo muri buri nguni 4: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'imikino yigana n'inguni y'ururimi. Mu nguni y'imikino yigana ongeramo ibikoresho byo mu rugo. Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere, mu kwezi kwa mbere.

**Gukinira mu nguni**

Reba mu kwezi kwa mbere wiyibutse uko ubigenza.

**Gusoza ibikorwa byo mu nguni**

Reba mu kwezi kwa mbere wiyibutse uko ubigenza.

**11:30-11: 50: Duhange**



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Nimuze dukine.** Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

**Kuririmba indirimbo ijyanye n'ibiribwa (Igihe cyose kuri iyi saha)**

*Nagiye ku isoko ngurayo karoti,  
Ngurayo imiteja ngurayo ibijumba.  
Nagiye ku isoko ngurayo ibirayi,  
Ngurayo amatunda, ngurayo inyama  
Ngaho nawe mbwira icyo waguze ku isoko.  
Nagiye ku isoko ngura ibishyimbo,  
Ngurayo, ibitoki, ngurayo amavuta  
Nagiye ku isoko ngurayo amagi,  
ngurayo amafi, ngurayo amateke\.*

- Tangira kwigisha abana iyo ndirimbo uririmba mu ijwi riranguruye ugaragaza ibyishimo kandi wigana ibikorwa bivugwa mu ndirimbo.
- Ririmba interuro ya mbere, abana basubiremo
- Komeza utyo ku nteruro zose.
- Saba abana guhaguruka bakore imirongo 2 murimbire hamwe kandi mujya mu merekezo ari mu ndirimbo.
- Komeza ubasubirishemo kugeza bayifashe mu mutwe.
- Genzura ko baririmba bumvikanisha amagambo

### Gushushanya umuryango muto

- Saba buri mwana gushushanya umuryango wabo muto.
- Fasha buri mwana asobanurire abandi ibyo yashushanyije agaragaza abagize umuryango we muto.

### 11:50 -12:00: Gusezeranaho Ku ruziga



#### Kuririmba indirimbo yo Gusezeranaho Ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)

Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

### Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kabiri

#### 7:30-8:00: Ikaze ku ruziga



#### Kuririmba indirimbo y'ikaze ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)

**Indirimbo:** Bwakeye, Bwakeye. Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere

#### 8:00-8:30: Tumenye ibidukikije



#### Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu bidukikije (Igihe cyose kuri iyi saha)

**Indirimbo:** Tumenye, ibidukikije. Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

### Kwitegereza no kuvuga ibice bigize inzu

- Ifashishe urugo murimo maze ubereke aho bita mu ruganiriro.
- Babaze: Ni akahe kamaro k'uruganiriro? **Mu ruganiriro ni ho dufatira amafunguro, ni ho twakirira abashyitsi, ni ho dutaramiro mu muryango wacu.**
- Ni ibihe bikoreho dusanga mu ruganiriro? Intebe, ameza.
- Baza abana uko bita aho baryama n'ibikoreho dusangamo: ni **icyumba cyo kuraramo**. Tuhasanga igitanda gishashe, imyambaro (akabati, ivalisi, ... ) n'inzitiramibu.
- Basobanurire ko hari n'ibindi byumba dusanga mu nzu: **icyumba cy'ububiko**: ni ho babika ibikoreho byo mu rugo n'ibiribwa.
- Sobanura neza: **Inzu igira ibyumba bikurikira: uruganiriro, ibyumba byo kuraramo n'icyumba babikamo ibiribwa n'ibikoreho.**
- Baza abana ibibazo bikurikira:
  - 1) Baguhaye isahane n'igikombe ngo ujye kubibika wabijyana mu kihe cyumba?
  - 2) Baguhaye imyenda banuye ngo ujye kuyibika wayijyana mu kihe cyumba?
  - 3) Intebe zo kwicaraho tuzisanga mu kihe cyumba?

### Kwita ku isuku yo mu rugo birinda kwandika ku nkuta no ku myenda yabo

- Tegura ikiganiro uri bugirane n'abana.
- Baza abana uti:
  - ✓ Ese mujya mubona abana biyanditse ku myenda cyangwa bandika ku nkuta z'inzu?
  - ✓ Ese mujya mubona abana basiga ibyondo ku nkuta z'inzu
- Bahe urubuga basubize.
- Genzura niba nta mwana wiyanditse ku myenda
- Bwira abana ko atari byiza gusiga ibyondo no kwandika ku nkuta z'inzu
- Bwira abana ko kurangwa n'isuku aho bari hose birinda kwiyandika ku myenda.
- Soza ikiganiro ushimira abana bose ubaha uturabo

### 8:30-8:50: Tunoze Ikinyarwanda



#### Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (Igihe cyose kuri iyi saha)

**Indirimbo:** itonde ry'inyuguti. ABCD-EFGH-IJKL-MNOP-RSTU-VWYZ. Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

#### Kuvuga umuvugo: Iwacu mu rugo (Igihe cyose kuri iyi saha)

**Umuvugo:** Iwacu mu rugo

- Saba buri mwana gusubiramo umuvugo: **Iwacu mu rugo**

**Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi**

- Genzura ko abana bose bafata mu mutwe umuvugo.

### Gutahura ijwi "F" mu mazina no mu magambo bamenyereye (Ku wa Mbere)



- Soma amagambo akurikira inshuro 2, utsindagira ahari **inyuguti F**: IFI, IFUKU, AMAFARANGA, FIDELI,
- Saba abana gutahura ijwi ryagarutse kenshi: Ni irihe jwi ryagarutse kenshi? **Ni ijwi ry'inyuguti F**
- Saba abana gutanga andi magambo n'amazina bazi yumvikanamo ijwi **F**: IFU, YOZAFINA

### Kubaka inyuguti nkuru F (Kuva ku wa Kabiri kugeza ku wa Kane)

Icyitonderwa: Kora uko wakoze ku nyuguti E



### Kubumba inyuguti F



- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza.

## 8:50-9:20: Nkunda Imibare



### Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Igihe cyose kuri iyi saha)

**Indirimbo:** Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu karindwi, umunani, icyenda, icumi. Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

### Gutondeka ibintu: ibinini n'ibito

Tegura ibintu bito n'ibinini: Ibijumba bito n'ibinini, ibirayi bito n'ibinini.

- Tanga urugero utondeke ibintu 3 muri ubu buryo. Urugero banza **ikijumba gito**, ukurikizeho **ikijumba kinini**, uheruke **ikijumba kinini cyane**.
- Fatanya n'abana gutondeka ibintu 3 bitandukanye bahereye ku gito baja ku kinini.
- Saba abana gukora umwitozo wo gutondeka ibintu 3 bahereye ku gito baja ku kinini.
- Ongera utange urugero utondeke ibintu 3 muri ubu buryo. Urugero banza utondeke **ikijumba kinini cyane**, ukurikizeho **ikijumba kinini**, uheruke **ikijumba gito**.
- Saba abana gukora umwitozo wo gutondeka ibintu 3 bahereye ku kinini baja ku gito.
- Tanga ubufasha ku bana bagaragaza ingorane mu gutondeka.
- Soza umwitozo ushimira abana uvuga uti: Aya mashyi ni ayanyu

9:20 – 9:30: Twite ku buzima bwacu



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Igihe yose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: *Nkunda kwita ku mubiri wanjye.***

Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

- Kwitegereza uko basukura ibikoresho byo mu rugo.
- Gukaraba intoki mbere yo kunywa igikoma

9:30 - 10:00: Dusangire



**Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo kunywa igikoma (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: *Uku ni ko nywa igikoma.*** Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

10:00-10:30: Dukinire hanze



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: *Iyo tugenda kuri gahunda.*** Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

**Gukina imikino abana bihitiyemo (Igihe cyose kuri iyi saha)**

- Genzura niba imbuga itunganye ku buryo nta bintu byakomeretsa abana cyangwa byabagirira nabi.
- Reka abana bakine imikino bihitiyemo kandi ukurikiranire hafi ibyo bakina n'uko babikina.
- Ibutsa abana ko bagomba gukina neza batarwana badahutazanya, batamwazanya, kandi bishimye
- Shishikariza abana bose gukina nta n'umwe wiganze cyangwa wivumbuye

10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze



**Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma/guca imigani/gusakuza (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Nkunda gusoma.**

Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

**Gusoma no gusubiza ibibazo ku nkuru: Kamikazi yaretse kuvangura ibiryo**

- Ongera ubasomere inkuru: Kamikazi yaretse kuvangura ibiryo
- Saba abana gusubiza ibibazo bikurikira (ugende ubaza ikibazo kimwe kimwe)
  1. Ni izihe ngaruka zo kutarya indyo yuzuye? Igisubizo: **kutagira imbaraga, guhora urwaye, guhora kwa muganga, kunanuka, kudakina wihuta nk'abandi bana.**
  2. Kamikazi amaze kumva ingaruka mbi zo kutarya indyo yuzuye yabigenje ate? Igisubizo: **yafashe umwanzuro wo kutazongera kuvangura ibiryo.**
  3. Ese muri mwe nta bana bavangura ibiryo? **Basabe bamanike ikiganza, babaze niba bumvise ko ari byiza cyangwa ari bibi.**
  4. Nyuma yo kumva inkuru ya Kamikazi ni bande batazongera kuvangura ibiryo? **Basabe bamanike ikiganza.**

10:50- 11:30: Inkuni nkunda



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni *Nimuze dukine.* (Igihe cyose kuri iyi saha).** Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

Mu gihe cyo gukinira mu nguni, abana bashobora gukinira mu nguni zitandukanye 4. Ifashishe ibikubiye mu mugereka wa mbere muri iki gitabo cya mbere.

**Gutegura inguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Tegura ibikinisho byo muri buri nguni 4: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'imikino yigana n'inguni y'ururimi Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere

**Gukinira mu nguni**

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere cy'ukwezi kwa mbere.

### Gusozza ibikorwa byo mu nguni

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere cy'ukwezi kwa mbere.

#### Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agenda atera:

- Genzura ko abana basangira ibikinisho batabirwanira, batabyangiza cyangwa nabyo ngo bibangize, batiyanduza cyangwa ngo banduze aho bakinira
- Reba ko batangiza ibikoresho, bandurura bakanasukura aho bakoreye.

### 11:30-11:50: Duhange



#### Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa bya Duhange (Igihe cyose kuri iyi saha)

Indirimbo: *Nimuze duhange*. Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

#### Kuririmba indirimbo y'ukwezi: indirimbo ijyanye n'ibiribwa (Igihe cyose kuri iyi saha)

Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

#### Kubumba cyangwa gushushanya ibikoresho biboneka mu nzu rugo

- Saba abana guhitamo kimwe mu bikoresho byo mu rugo yishakiye.
- Bigenze uko wabigenje mu kubumba inyuguti.

*Icyitonderwa: Niba nta bumba riboneka aho mutuye, saba abana kubishushanya*

### 11:50 -12:00: Gusezeranaho ku ruziga



#### Kuririmba indirimbo yo gusezeranaho ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere cy'ukwezi kwa mbere.

## Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya gatatu

7:30-8:00: Ikaze ku ruziga



**Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cy'ikaze ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Bwakeye, Bwakeye.**

Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

8:00-8:30: Tumenye ibidukikije



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu bidukikije**

**Indirimbo: Tumenye, ibidukikije** (mu nyana ya "Namanutse umusozi n'amaguru"). Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

**Kwitegereza no kuvuga ibinyobwa n'ibiribwa bikomoka ku bimera**

- Jyana abana hanze aho bashobora kubona ibihingwa bitandukanye biri mu murima: **ibishyimbo amasaka, ibigori, ibijumba, imyumbati n'ibindi**
- Babaze: ibi bihingwa biri mu murima nibyera bizagenda bite? Bazabisarura, bazabikura,..bizavamo ibyo turya.
- Ereka kandi ubaze abana: hano hari ibiribwa bitandukanye. ni nde watwerekaga ikiribwa akavugaga n'izina ryacyo?(Uraba wateguye ibijumba, ibishyimbo, ibirayi, imyumbati, avoka, karoti, amaronji, dodo, n'ibindi)
- Tegura ibinyobwa bitandukanye bikomoka ku bimera biboneka aho mutuye.
- **Baza abana ibibazo bikurikira:**
  - ✓ **Igikoma** gikoze mu ki? mu masaka, uburo, ibigori, ingano, soya, n'ibindi
  - ✓ **Umutobe** uva mu ki? Uva mu bitoki cyangwa imbuto nk'inanasi.
  - ✓ **Ikigage** kiva mu ki? Kiva mu masaka.
  - ✓ **Urwagwa** ruva mu ki? Ruva mu bitoki.
  - ✓ **Icyayi cya mukuru** kiva mu ki: kiva mu majyanyanyo aturuka ku gihingwa cyitwaga icyayi
- Basobanurire: **Igikoma, icyayi, umutobe, ikigage/ubushera, urwagwa ni ibinyobwa bikomoka ku bimera.**
- Babwire ko abana **batemerewe kunywa ibinyobwa bisindisha birimo ikigage n'urwagwa.**
- *Baza abana ibibazo bikurikira:*

- 1) Ni ibihe biribwa bikomoka ku bimera biboneka iwanyu?
- 2) Ni ibihe binyobwa bikomoka ku bimera biboneka iwanyu?
- 3) Ni ibihe binyobwa bikomoka ku bimera biboneka iwanyu bibujijwe ku bana?
- 4) Ni ibihe binyobwa bikomoka ku bimera biboneka iwanyu byemewe ku bana?

8:30-8:50: Tunoze Ikiyarwanda



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikiyarwanda (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Itonde ry'inyuguti.** Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

**Kuvuga umuvugo: Iwacu mu rugo (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Umuvugo: Iwacu mu rugo**

- Saba buri mwana gusubiramo umuvugo: **Iwacu mu rugo**

**Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi**

- Genzura ko abana bose bafata mu mutwe umuvugo.

**Gutahura ijwi "G" mu mazina no mu magambo bamenyereye (Ku wa Mbere)**

- Soma amagambo akurikira inshuro 2, utsindagira ahari **inyuguti G: GAGA, GATESI, UMUGENI, IKIGORI, IGI, GORETI, UKUGURU**
- Saba abana gutahura ijwi ryagarutse kenshi: Ni irihe jwi ryagarutse kenshi? **Ni ijwi ry'inyuguti G**
- Saba abana gutanga andi magambo n'amazima bazi yumvikanamo ijwi **G: GAKURU, GATO, IGARE,**

**Kubaka inyuguti nkuru G (Kuva ku wa Kabiri kugeza ku wa Kane)**

- Kora uko wakoze ku nyuguti E



- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza

**ubumba inyuguti ya G**



Bigenze uko wabigenje mu kubumba inyuguti n'imibare.


**Icyitonderwa:** Niba nta bumba riboneka aho mutuye, saba abana gukomeza kubaka umubare 4 bakoresheje utubuye

**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Indirimbo: Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu karindwi, umunani, icyenda, icumi.

**Gutahura ibintu bifite ibara ry'iroza na oranje (Kuva ku wa Mbere kugeza ku wa Gatatu)****Ibara ry'iroza**

- Bigenze uko wabigenje ku ibara ry'ubururu

**Ibara rya oranje**


- Ereka abana ikintu cyangwa umwenda bifite **ibara rya oranje**.
- Saba abana kwerekana ikintu gifite **ibara rya oranje**.
- Saba abana bose gusubiramo "**Ibara rya oranje**".

**Gukora ibirundo ushingiyeye ku mabara (Kuva ku wa Kane kugeza ku wa Gatanu)**

- Tegura ibintu bifite ibara ry'iroza, oranje n'ayandi mabara atandukanye: uduce tw'imyenda, imyenda, inkweto, ibikombe, n'ibindi.
- Vangavanga ibyo bintu



- Shushanya inziga ebyiri nini ku butaka. Mu ruziga rumwe, shyiramo igikoresho gifite ibara ry'iroza (urugero: igisokozo cy'iroza). Mu rundi ruziga shyiramo igikoresho cya oranje (Urugero: ubudodo bwa oranje).
- Saba abana gushyira mu ruziga rumwe ibintu bifite **ibara ry'iroza**, mu rundi ruziga bashyiremo ibintu **bifite ibara rya oranje**.



Gukora ibirundo ushingiyeye ku mabara: umutuku, ubururu, icyatsi kibisi, umweru, umukara, iroza na oranje.



- Ongera ubivange, ukomeze uwo mwitozo n'abandi bana.
- Shimira abana ubakomera amashyi.

9:20 – 9:30: Twite ku buzima bwacu



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: *Nkunda kwita ku mubiri wanjye*** Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

**Kwita ku isuku yo mu rugo (Kuva ku wa Mbere kugeza ku wa 2).**

Ikitonderwa: Bikore nk'uko wabigenje mu cyumweru cya mbere

Ha abana umukoro wo guhanagura ameza bageze iwabo.

**Gukaraba intoki**

Komeza umenyereze abana gukaraba intoki mbere yo gufata amafunguro

9:30 - 10:00: Dusangire



**Kuririmba indirimbo yibutsa abana ko ari igihe cyo kunywa igikoma (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo:** *Uku ni ko nywa igikoma.* Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

10:00-10:30: Dukinire hanze



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo:** *Iyo tugenda kuri gahunda.* Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere

**Gukina imikino abana bihitiyemo (Igihe cyose kuri iyi saha)**

- Genzura niba imbuga itunganye ku buryo nta bintu byakomeretsa abana cyangwa ngo biteze ibyago
- Tegura ibikinisho bitandukanye: imigozi, imipira yo gukina, utumodoka dukoze mu bivovo, mu ducupa, mu tujerekani n'ibindi bikinisho ushobora kubona.
- Reka abana bakine imikino bihitiyemo bakoresheje ibyo bikoresho (gusimbuka, gukina umupira w'amaguru, kugendesha imodoka...)
- Reka abana bakine imikino bihitiyemo kandi ukurikiranire hafi ibyo bakina n'uko babikina.
- Ibutsa abana ko bagomba gukina neza batarwana.
- Shishikariza abana bose gukina.

**Gukina umukino wo gusimbuka arenga ibintu (Kuva ku wa Gatanu)**

- Tegura uduzi tubisi ku buryo umwana agakandagiye katamujomba.
- Tegura neza aho abana bakinira ku buryo nta kintu cyabakomeretsa.
- Tondeka utwo duti kamwe imbere y'akandi kandi hagati yatwo ushyiremo umwana w'aho usimbuka ari bukungu.
- Ereka abana uko bakina: Simbuka urenge agati ka mbere, wongere usimbuke urenge agati ka kabiri
- Saba buri umwana umwe aze nawe asimbuke arenge agati ka mbere, yongere asimbuke arenge agati ka kabiri.
- Ha umwana buri mwana akine uyu mukino, ufashe abafite ingorane mu gusimbuka barenga utwo duti.
- Soza umukino ushimira abana bose ubakomera amashyi.

10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze



**Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma/guca imigani/gusakuza (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Nkunda gusoma.**

Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

**Umwitozo ufatiye ku nkuru**

Baza buri mwana avuge uko we abigenza iyo bamuhaye amafunguro.

10:50- 11:30: Inguni nkunda



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Nimuze dukine.**

Mu gihe cyo gukinira mu nguni, abana bashobora gukinira mu nguni zitandukanye 4. Ifashishe ibikubiye mu mugereka wa mbere muri iki gitabo.

**Gutegura inguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Tegura ibikinisho byo muri buri nguni 4: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'imikino yigana n'inguni y'ururimi. Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere, mu kwezi kwa mbere.

**Gukinira mu nguni**

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere, mu kwezi kwa mbere.

**Gusoza ibikorwa byo mu nguni**

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere, mu kwezi kwa mbere.

**Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agenda atera:**

Genzura ko abana basangira ibikinisho batabirwanira, batangiza ibikoresho, bandurura bakanasukura aho bakoreye.

11:30-11: 50: Duhange



**Kuririmba indirimbo ijyanye n'ibiribwa (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

**Kubumba cyangwa gushushanya ibiribwa**

- Reka abana bihitirebo ikiribwa bashushanya cyangwa babumba niba mufite ibumba.
- Genda ureba ubyo bashushanya kandi ukurikire ibisobanuro batanga.
- Shimira abana bose kubera ubushake bagaragaje.

11:50 -12:00: Gusezeranaho ku ruziga



**Kuririmba indirimbo yo Gusezeranaho ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

**Ingengabihe y'ibikorwa by'icyumweru cya kane**

7: 30-8:00: Ikaze ku ruziga



**Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cy'ikaze ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Bwakeye, Bwakeye.**

Kora uko wakoze mu kwezi kwa mbere.

8:00-8:30: Tumenye ibidukikije



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu bidukikije (Igihe cyose kuri iyi saha)**


**Indirimbo: Tumenye, ibidukikije.** Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere.

### Kwitegereza ibiribwa n'ibinyobwa bikomoka ku matungo (Ku wa Mbere no ku wa ku wa Kabiri)

- Baza abana: iwanyu aho mutuye hororwa ayahe matungo? Inkoko, inkwavu, ihene, intama, ingurube, inka.
- Baza abana: Ni ibihe biribwa bikomoka kuri ayo matungo? Inkoko zitera amagi; inkoko n'andi matungo yose atanga inyama: inyama z'inka, z'inkoko, ihene,
- Baza abana: ni izihe nyama mukunze kurya iwanyu?
- Baza abana: Ni ikihe kinyobwa gitangwa n'inka? **Amata**
- Basobanurire: amagi, inyama, amata byose bikomoka ku matungo.
- Baza abana ibibazo bikurikira (mu mpera z'icyumweru):
  - 1) Ni ibihe biribwa bikomoka ku nkoko? Amagi, inyama
  - 2) Ni irihe tungo ritanga ikinyobwa, rigatanga n'inyama? Inka
  - 3) Ni izihe nyama ziribwa aho mutuye?

### Indyo yuzuye, akamaro kayo n'ingaruka zo kutarya indyo yuzuye (kuva ku wa Gatatu kugeza ku wa Gatanu)

- Tegura neza ikiganiro uri bugirane n'abana.
- Bwira abana uti: Buri wese nambwire ibyo akunda kurya.
- Bahe urubuga basubize.
- Ongera ubabwire uti: Buri wese nambwire ibyo adakunda kurya.
- Bwira abana ko atari byiza kurobanura ibyo barya.
- Bereke isahani igaragaza indyo yuzuye bayitegereze.



- Baza abana uti: Murabona iki kuri iyi sahane: Urugero rw'ibisubizo by'abana. Ndabona ibijumba, ndabona amashaza.
- Bwira abana ko ifunguro ryabo rigomba kuba rigizwe n'ibifite amafufu nk'ibijumba, ibishyimbo cyangwa amashaza, imboga, imbuto, ibikomoka ku matungo nk'igi ndetse bagashyiramo n'amavuta make.
- Komeza ubasobanurira uko bagenda bahinduranya amafunguro agizwe n'indyo yuzuye.
- Bwira abana ko iyo umuntu atariye indyo yuzuye arwara indwara ziterwa n'imirire mibi nka bwaki cyangwa akaba yagwingira.

**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'Ikinyarwanda (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Itonde ry'inyuguti.** Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

**Kuvuga umuvugo: Iwacu mu rugo (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Umuvugo: Iwacu mu rugo**

- Saba buri mwana gusubiramo umuvugo: **Iwacu mu rugo**
- **Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agezeho muri uku kwezi**
- Genzura ko abana bose bafata mu mutwe umuvugo.
- Fasha abo bigora

**Gutahura ijwi "H" mu mazina no mu magambo bamenyereye (Ku wa Mbere)**

- Soma amagambo akurikira inshuro 2, utsindagira ahari **inyuguti H**: IHENE, UMUHEHA, URUHARA, GUTAHA, IBIHAHA
- Saba abana gutahura ijwi ryagarutse kenshi: Ni irihe jwi ryagarutse kenshi? **Ni ijwi ry'inyuguti H**
- Saba abana gutanga andi magambo n'amazima bazi yumvikanamo ijwi **H**:
- UMUHAHA, MUHAWENIMANA, UMUHEREZA, ...
- Saba abana gusimbuka bumvise ijwi **"H"**
- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza.

**Kubaka inyuguti nkuru H (Kuva ku wa Kabiri kugeza ku wa Kane)**

- Kora uko wakoze ku nyuguti E



- Shimira abana bose ukoma amashyi uvuga uti: murabikoze, ni byiza.

**Gutahura inyuguti D mu zindi (ku wa Gatanu)**


- Andika inyuguti "D" hamwe n'izindi bize (A, B, na C) mu bice bitandukanye hafi: hasi mu mbuga, n'ahandi ubona hakwiye;
- Hereza abana udukarita turiho inyuguti "D" ubareke bayitegereze neza;
- Saba abana gushakisha ahanditse ingombajwi "D" aho hafi, uyibonye avuge cyane ngo **"Nabonye D!"** Reba neza niba ari ingombajwi "D" babonye, ubasabe gushaka n'izindi nyinshi nka yo.
- Ereka abana ingombajwi A, B, C na D ku makarita atandukanye, ubabaze inyuguti bize uwo munsu. Saba abana kuyivuga.

**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imibare (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo:** Rimwe, kabiri, gatatu, kane, gatanu, gatandatu karindwi, umunani, icyenda, icumi.



- Muri uku kwezi kwa kane, abana baziga ikindi gikorwa bakora mu gihe baririmba indirimbo y'imibare kuva kuri 1 kugera ku 10.
- Saba abana babiri babiri, bahagarare barebana, bafatane mu biganza amaboko yabo asobekeranye (ikiganza cy'ibumoso mu kiganza cy'ibumoso, icy'iburyo mu cy'iburyo).
- Saba abana kuzunguza amaboko yabo imbere n'inyuma bafatanye, nk'aho bari gukata igiti n'urukero.

**Kubara ibintu ibintu 4 (Ku wa Mbere)**


- Tegura ibiribwa, ibikoresho byo mu rugo bitandukanye muri bukenere mu kubara: ibijumba, ibirayi, inyanya, ibikombe, amasahane, amakanya, ...
- Ereka abana ibintu bine: Urugero: ibikombe bine (4); uduzi tune (4); amabuye ane (4), amakayi ane (4)
- Saba abana batandukanye berekane ibintu bine (4) mu bintu bafite.
- Saba abana kubara ibintu bafite: Urugero:
- Ikeyi imwe (1), amakayi abiri (2), amakayi (3), amakaye ane (2).
- Agati kamwe (1), uduzi tubiri (2), uduzi dutatu (3), uduzi tune (4)

**Guhuza umubare n'ibidomo (ku wa Kabiri no ku wa Gatatu)**

- Ku mubare 4, kurikiza amabwiriza yo guhuza umubare 2 n'ibidomo.



- Tegura udukarita turiho imibare 1,2,3, 4 n'udukarita turiho ibidomo.
- Saba abana guhuza amakarita ariho umubare n'ibidomo.

**Kubaka umubare 4 yifashishije ibintu bifatika: uduzi, utubuye (Ku wa kane)**

- Tegura utubuye n'uduzi abana bose bari bukoreshye.
- Bwira abana ko mugiyeye gukora umubare 4

- Tanga urugero wubake umubare 4 ukoresheje utubuye cyangwa uduzi.



- Saba buri mwana gukora uyu mwitoto.
- Genzura ko abana bose bashoboye gukora umubare 4 kandi batareba aho uwo mubare wanditse.

## 9:20 – 9:30: Twite ku buzima bwacu



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo kwita ku buzima (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: *Nkunda kwita ku mubiri wanjye.*** Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

### Isuku y'ibiribwa

- Tegura amazi zoze bimwe mu biribwa mufite aho mu rugo: ibijumba, ibirayi, n'ibindi.

Baza abana:

- 1) Kuki ari ngombwa koza ibiribwa mbere yo kubiteka.
- 2) Kuki ari ngombwa kukaraba neza intoki mbere yo gufata amafunguro?
- 3) Kuki ari ngombwa koza ibyo dutekamo, ibyo turiraho (amasahane, ibikombe,..)

## 9:30 - 10:00: Dusangire



**Kuririmba indirimbo yibutsa abana ko ari igihe cyo kunywa igikoma (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: *Uku ni ko nywa igikoma.*** Kurikiza urugero rwo mu cyumweru mu kwezi kwa cya mbere.

10:00-10:30: Dukinire hanze



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa by'imikino yo hanze: Iyo tugenda kuri gahunda (igihe cyose kuri iyi saha)**

- Genzura ko imbuga abana bakiniraho nta bintu bihari byakomeretsa abana cyangwa byabateza ibindi byago
- Ririmbana n'abana indirimbo "Iyo tugenda kuri gahunda" kandi mugendera ku njyana imwe.

**Gukina imikino abana bihitiyemo (Igihe cyose kuri iyi saha)**

- Genzura niba imbuga itunganye ku buryo nta bintu byakomeretsa abana cyangwa ngo birere ibyago ibyo ari byo byose.
- Reka abana bakine imikino bihitiyemo kandi ukurikiranire hafi ibyo bakina n'uko babikina.
- Ibutsa abana ko bagomba gukina neza batarwana.
- Reba ko basabana kandi badashwana
- Shishikariza abana bose gukina ntihagire abigunga, ufashe abafite ibibazo

10:30-10:50: Muze dusome/Duce imigani/Dusakuze



**Kuririmba indirimbo iranga igikorwa cyo gusoma/guca imigani/gusakuza (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: *Nkunda gusoma***

Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

**Gusubiramo inkuru mu magambo yabo**

- Ongera usomere abana inkuru: **Kamikazi yaretse kuvangura ibiryo.**
- Saba abana gusubira muri iyo nkuru mu magambo yabo.
- Genzura ko bavuga amagambo neza nta burimi, kandi bakurikiranya ibitekerezo.

10:50- 11:30: Inguni nkunda



**Kuririmba indirimbo iranga ibikorwa byo mu nguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)**

**Indirimbo: Nimuze dukine.** Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

Mu gihe cyo gukinira mu nguni, abana bashobora gukinira mu nguni zitandukanye 4. Ifashishe ibikubiye mu mugereka wa mbere muri iki gitabo.

**Gutegura inguni: (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Tegura ibikinisho byo muri buri nguni 4: inguni yo guhanga no kubaka, iy'imibare, inguni y'imikino yigana n'inguni y'ururimi. Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere, mu kwezi kwa mbere.

**Gukinira mu nguni**

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere, mu kwezi kwa mbere,

**Gusoza ibikorwa byo mu nguni**

Kurikiza urugero rwo mu cyumweru cya mbere, mu kwezi kwa mbere,

**Ibuka gusuzuma intambwe buri mwana agenda atera:**

- Genzura ko abana basangira ibikinisho batarwana, batabyangiza, batabirwanisha, batiyanduza, batanduza inkuta, batangiza ibikoresho, bandurura bakanasukura aho bakoreye.
- Soza igikorwa ushimira abana bose.

11:30-11: 50: Duhange



**Kuririmba indirimbo ijyanye n'ibiribwa (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

**Gushushanya ibiribwa biboneka aho batuye**

- Saba buri mwana gushushanya ibiribwa biboneka aho batuye.
- Fasha buri mwana asobanurire abandi ibyo yashushanyije agaragaza abagize umuryango we muto.

11:50 -12:00: Gusezeranaho Ku ruziga



**Kuririmba indirimbo yo Gusezeranaho Ku ruziga (Igihe cyose kuri iyi saha)**

Kurikiza urugero rwo mu kwezi kwa mbere.

## IBITABO BYIFASHISHIJE MU GUTEGURA IYI MFASHANYIGISHO

1. Kotnik J, Shmis T. Enhancing the Early Childhood Development System in Yakutia (Russia): Meeting the Challenges. CELE Exch. 2011;
2. Ruzibiza A, Dear E, li H. Title of paper Empowering Preschools' Partners in Responsive Parenting Education Skills for Sustaining Early Childhood Development Initiatives in Rwanda: Context, Strategic pathways and Insights.
3. World Bank. Project information document (PID): concept stage report no. PIDC25795. 2018;1–13. Available from:  
<https://data.worldbank.org/indicator/SI.POV.NAHC?locations=RW>.
4. Republic of Rwanda Ministry of Gender and Family Promotions Minimum Standards and Norms for Early Childhood Development Services in Rwanda. 2016.
5. Early Childhood Development-Basic Concepts MODULE 2 FACILITATOR GUIDE.
6. Neumann MM, Hood M, Neumann DL. The scaffolding of emergent literacy skills in the home environment: A case study. Early Child Educ J. 2009;
7. Evaluation B. Early Childhood Development and Family Services. 2017;(April).
8. Melhuish EC. Early childhood development and education. Early Hum Dev. 1984;9(3):294.
9. Gotsadze T, Karzhaubayeva S. evaluation of Early Child Development and early childhood education in the republic of kazakhstan. 2017.
10. Office of Head Start. The Head Start Child Development and Early Learning Framework: Promoting Positive Outcomes in Early Childhood Programs. Child A Glob J Child Res. 2010;
11. National Association for the Education of Young Children. Learning to read and write: Developmentally appropriate practices for young children. Young Child. 1998;
12. UNICEF. Transforming the Lives of Children in Rwanda: Investing in Family and Community-Centered Services. 2018.
13. Futuru NB. Early Childhood Training Manual for Educators Contents. 2012;1–94.
14. Objectives L, Resources A. Session 1. 3 Child Protection and Early Childhood Development. :1–3.

15. Development I, Development T, Development P, Development MC, Development A, Development A. Understanding human development.
16. Ed BES, Pradesh M, Open B. Bachelor of Special Education. (Secp 01).
17. PRE PRIMARY NEW REB CURRICULUM-CBC.
18. Module 1 Facilitator' S Guide Understanding Early Childhood Development. 2009;1–2.
19. Unicef. INTEGRATED ECD. 2019. 1–28 p.
20. World Health Organization. Early Childhood: Development and Disability. PsycCRITIQUES [Internet]. 2012;33(8):269. Available from: <http://content.apa.org/reviews/025945>
21. Guide T. Early Childhood Development. 2014;
22. Objectives L. Session 1. 1 A Rights Perspective on Early Childhood Development.
23. Objectives L. Session 1. 5 Birth Registration as a Support for Early Childhood Development. 1.
24. Education U, Handbook K. Early Childhood Development Kit Guidance.
25. Session 1. 6 The Life Cycle Approach to Early Childhood Development. :20.
26. EARLY\_CHILDHOOD\_DEVELOPMENT\_POLICY\_2016.OG.pdf.
27. Objectives L. Session 1. 7 Areas of Cooperation to Support Early Childhood Development. :2–5.
28. Importance of early childhood development. 2011;(March).
29. Health I, Learning E. Session 1. 2 The MTSP and the Importance of Early Childhood Development in the Achievement of Key Results. 2009;2–4.
30. OECD. Encouraging Quality in Early Childhood Education and Care (ECEC). Research brief: parental and community engagement matters. 2010;16. Available from: <http://www.oecd.org/education/school/49322478.pdf>
31. van der Waerden P. Module 1 Dsp Notebook Introduction To Developmental. Notebook, D S P [Internet]. 2013;438. Available from: <http://www.dhs.state.il.us/page.aspx?item=50759>
32. DE MOOR JMH, VAN WAESBERGHE BTM, HOSMAN JBL, JAEKEN D, MIEDEMA S. Early intervention for children with developmental disabilities. Int J Rehabil Res. 1993;16(1):23–32.
33. Board E. Advance Copy. Anthropol News. 1994;35(8):10–10.

34. EENEE\_AR32\_Benefits of early childhood education and care and the conditions for obtaining them.
35. Choi S-H. Cross-sectoral co-ordination in early childhood: some lessons to learn. UNESCO Policy Briefs Early Child. 2003;(9):0–1.
36. Kaur K, Kaur K. How to use this resource? In: Short Wordless Picture Books. 2020. p. 3–
37. Version R. WORKING IN EARLY CHILDHOOD BOOK 1. 2017;
38. de Onis M. Child Growth and Development. Nutrition and Health in a Developing World. 2017. p. 119– 41.
39. Children C on the S of. Child Development and Early Learning: A Foundation for Professional Knowledge and Competencies. Natl Acad Sci Eng Med. 2015;
40. Pre-primary\_Teachers\_guide-CBC.
41. Janta B, van Belle J, Stewart K. Quality and impact of Centre-based Early Childhood Education and Care. Qual impact Centre-based Early Child Educ Care. 2016;
42. European Commission. Proposal for Key Principles of a Quality Framework for Early Childhood Education and Care. Report of the Working Group on Early Childhood Education and Care under the auspices of the European Commission. 2014;71. Available from: [http://ec.europa.eu/education/policy/strategic-framework/archive/documents/ecec-qualityframework\\_en.pdf](http://ec.europa.eu/education/policy/strategic-framework/archive/documents/ecec-qualityframework_en.pdf)
43. NEPS. Children with Language Difficulties in Primary School- Teacher Guidelines & Strategies for InClass Support. 2015;1–14. Available from: <https://www.education.ie/en/SchoolsColleges/Services/National-Educational-Psychological-Service-NEPS-/NEPS-Guides/LanguageSkills/Language-Difficulties-Guidance-for-Teachers-and-Strategies-for-In-Class-Support-Primary.pdf>
44. UNICEF. First 1000 days. The Critical window to ensure that children survive and thrive. 2017;(May):3. Available from: [https://www.unicef.org/southafrica/SAF\\_brief\\_1000days.pdf](https://www.unicef.org/southafrica/SAF_brief_1000days.pdf)
45. Objectives L, Resources A. Session 1. 4 The Right of Young Children to a Safe and Healthy Environment.
46. Lam C. 亞洲輔導學報 » Parent Education: Revision and Vision. Asian J Couns 2003, Vol10 No2 [Internet]. 2004;10(2):147–68. Available from: [http://hkier.fed.cuhk.edu.hk/journal/?page\\_id=2112](http://hkier.fed.cuhk.edu.hk/journal/?page_id=2112)

47. Curriculum T, Council D. Guide to the Pre-primary Curriculum. 2006;
48. NECDA - National Parenting Curriculum
49. Hesperian Health Guides. Child development and developmental delay. Disabl Village Child. 2009;292.
50. Devi L. Child development. An Introduction. Vol. 34, Annual review of neuroscience. 1998. 354 p.
51. PearsonSchools. 1 Understanding children' s development. 2015; Available from: <http://www.pearsonschoolsandfecolleges.co.uk/feandvocational/childcare/btec/btecfirstchildrenscarelearninganddevelop/samples/samplematerial/ucd unit 1.pdf>
52. Integrated Ecd Services Delivery Training Manual.
53. Krishnan V, Ph D. Early Child Development: A Conceptual Model \* Early Child Development: A Conceptual Model \*. 2010;(May):7–9.
54. REB. Ubumenyi bw'ibidukikije: Ngewe n'umuryango wange .2020. (N1)
55. REB. Ubumenyi bw'ibidukikije: Itumanaho n'uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu. 2020 (N1, N2, N3)
56. REB. Ubumenyi bw'ibidukikije: Ibidukikije kamere n'ibyakozwe n'abantu. 2020 (N1, N2, N3)
57. REB. Ubumenyi bw'ibidukikije: Ibiribwa, ibinyobwa n'ibimera, 2020 (N1. N2, N3)
58. REB. Ubumenyi bw'ibidukikije: Amatungo.2020 (N1)
59. REB. Ubumenyi bw'ibidukikije: Ibigu n'imirimo ikorerwa aho dutuye.2020 (N1. N2, N3)
60. REB. Ubumenyi bw'ibidukikije: Inyamaswa zo mu gasozi. 2020 (N2)
61. REB. Ubumenyi bw'ibidukikije: Inyamaswa zo mu mazi.2020 (N3)
62. REB. Ubumenyi bw'ibidukikije: Ngewe n'umuryango wange .2020. (N2)
63. REB. Ubumenyi bw'ibidukikije: Ngewe n'umuryango wange .2020. (N3)

## UMUGEREKA WA MBERE: IMIKINO YO MU NGUNI

### 1. Gukinira mu nguni ni iki?

- Mu nguni ni ahantu abana basanga ibikinisho n'impfashanyigisho bakihitiramo icyo bakora babyifashishije n'uburyo bagikora.
- Hashobora kuba ari hanze cyangwa mu cyumba imbere. Iyo ari mu cyumba abana bashobora gukinisha ibintu bitandukanye bicaye ku musambi/umukeka cyangwa bakicara ku ntebe ntoya n'utumeza mu gihe bihari.
- Gukinira mu nguni bigomba gukorwa buri munsu kuko bifasha ubwonko gukura, kandi bigomba kujyana no gukinira hanze nk'ibikorwa by'ingenzi ku bana bakiri bato.

**Icyitonderwa:** Si ngombwa ko abana bakinira mu nguni zose umunsi umwe, Bashobora gukinira mu nguni 2 kugira ngo babone umwanya uhagije wo gukinisha ibikinisho biri mu nguni runaka.

### 2. Ni izihe nguni umurezi ashobora gutegura?

Mu gihe cyagenewe imikino yo mu nguni (Inguni nkunda), abana bakinira mu nguni 4 zikurikira:

- Inguni y'ururimi
- Inguni y'imibare
- Inguni yo kubaka n'ubugeni
- Inguni y'imikino yigana.

**Icyitonderwa:** Haramutse hari ibitabo by'inkuru hakongerwaho inguni y'ibitabo.

### 3. Inshingano z'umurezi

- Gutegura inguni zo kwigiramo kandi bakazishyiramo ibikinisho byose.
- Kugenzura uko abana bakina, uko bakoresha ibikinisho n'impfashanyigisho
- Gushishikariza abana kuvuga ibyo batekereza ababaza ibibazo (urugero: Mushobora kumbwira icyo muri gukora? Mwubatswe iki? Kuki mwabikoze muri ubu buryo? Mushobora kugikora mu bundi buryo nanone?)
- Gufasha abana aho bikenewe no gukomeza gushishikariza abana bose kwitabira ibikorwa byo mu nguni zitandukanye.

### 4. Gusozwa imikino yo mu nguni

- Mu gihe cyo gusozwa, umurezi ashobora gukoresha indirimbo cyangwa indi mvugo ituma abana bamwumva.

- Mbere na mbere, umurezi n'abana bashyira ibikoresho hasi, bakazamura amaboko berekana ko nta kintu bafite mu ntoki. Abana bose bareba umurezi. Nyuma y'uko ibikoresho byose babirambitse hasi, umurezi asaba abana kubibika neza.
- **Icyitonderwa:** Umurezi ashobora kugira uburyo bwe bwihariye bwo gusoza, icyangombwa ni uko ubwo buryo abukoresha buri gihe mu gusoza imikino yo mu nguni kugira ngo abana babumenyere.

**Indirimbo isoza imikino yo mu nguni** ((Mu njyana ya 'Frere Jacques').

*Turangize, turangize*

*Nonaha, nonaha*

Murebe umurezi, murebe umurezi

Ceceka, ceceka.

Maze umurezi avuga ati:

*"Ibikoresho hasi, amaboko hejuru".*

## 5. Uburyo bwo kubika ibikinisho n'imfashanyigisho

- Shyira ibikinisho n'imfashanyigisho bya buri nguni mu gafuka cyangwa agakarito kugira ngo bitivangavanga.
- Andika izina ry'inguni kuri buri gafuka/gakarita.



## 6. Ibisobanuro bya buri nguni n'ibikoresho bikoreshwa

Muri uyu mugereka, kuri buri nguni urasangamo intego n'akamao k'iyi nguni n'ingero z'ibikinisho/imfashanyigisho bishobora kugenda byongerwa bitewe n'insanganyamatsiko cyangwa umwihariko w'ibyigwa.


### 6.1. Inguni y'indimi:

Iyi nguni ishishikariza abana gusoma hakiri kare, kwandika no kumenya kuvuga binyuze mu nyuguti, amagambo, amashusho no kubara inkuru. Abana bashobora kwandika bakoresheje amakaramu y'ibiti ku mpapuro ariko ntibahatirwe kwandika inyuguti.


Ingero z'imfashanyigisho dusanga mu nguni y'indimi:



Itonde ry'inyuguti



Amakarita y'inyuguti nto akase mu gikarito



Amakarita y'inyuguti nkuru akase mu gikarito



Impapuro n'amakaramu



Amakarita y'inyuguti nkuru n'into avangavanze

## 6.2. Inguni y'imibare




Iyi nguni ifasha umwana kwiga binyuze mu mikino imibare y'ibanze nko kubara, ibikorwa byo gukora ibirundo, kugereranya no gutondeka, amashushongerero, kwandika imibare n'ibindi di buryo.


**Ingero z'imfashanyigisho wasanga mu nguni y'imibare:**

- Amashusho ariho imibare 1-10
- Amakarita ariho imibare 1-10
- Amakarita ariho utudomo 1-10
- Dayisi ziriho imibare 1-6
- Dayisi ziriho utudomo 1-6
- Amakaye Ibishyimbo
- Imifuniko y'amacupa ya pulasitike

- Ibikarito/ibiseke mu ngano zitandukanye
- Ibice by'imyenda (ibitenge) mu mabara atandukanye
- Uduti turutana mu burebure
- Amabuye arutana mu bunini
- Pazo zikoze mu makarito
- N'ibindi bikoresho biboneka hafi



Amakarita y'imibare n'ibidomo




Imifuniko y'amacupa

Amashushongero

Imibare n'ibidomo byanditse ku mufuka

### 6.3 Inguni yo kubaka no guhanga

Ifasha abana guteza imbere ubushobozi bwo kwikemurira ibibazo, gukorera hamwe, gukomeza no guhuza imiyego mito, kugaragaza icyo bashoboye binyuze mu bugeni, kubumba, gushushanya n'ibindi bikorwa by'ubuhanzi.



**Ingero z'imfashanyigisho washyira mu nguni yo kubaka:**

- Amatafari, amabuye (mu gihe ari hanze)
- Udutafari dukoze mu biti
- Ibikarito birimo ubusa birutana mu bunini.
- Amababi, amashami, uduti
- Imifuniko y'amacupa, iy'ibikombe mu mabara atandukanye
- Utujerekani turimo ubusa
- Ibirere by' insina
- Imyenda itagikoreshwa
- Impapuro n'amakaramu y'ibiti
- Ibikoresho bisanzwe nk'amabuye, ibibabi n'uduti
- Ibumba
- Ibikoresho by'umuziki nk'ibinyuguri cyangwa gitari
- Irangi niba ryaboneka



## 6.4 Inguni y'imikino yigana



Ishishikariza abana kwihindura abandi bantu binyuze mu mikino, bikabafasha kumva inshingano z'abantu bo mu muryango, mu myuga itandukanye. Ifasha abana kumenya kuvuga no kumenya ubuzima busanzwe binyuze mu mikino yo kwigana abandi. Urugero nko gukina yabaye umubyeyi gukina yabaye muganga, umworozi, umubyeyi wita ku mwana,...

### Ingero z'ibikoresho washyira mu nguni y'imikino yigana:

- Ibipupe/Ibikiniso (Abana bashobora no gukoresha imipira yabo y'imbeho bakayikoramo ibipupe by'abana)
- Ibice by'ibitenge n'imyenda
- Ibikoresho bito byo mu nzu nk'ibikombe, amasafuriya, amasahane, ibiyiko,
- Imikebe, utujerekani, ibikoresho byo kubikamo (bikoreshwa nk'amasahane, udukombe)
- Ibikoresho bikoze mu bikarito: Mudasobwa, terefoni, imashini ibara, ingofero, n' ibindi bikoresho
- Imifuniko, amabuye
- Ibishyimbo, amasaka, ...
- Ibikarito birimo ubusa cyangwa indobo.



## UMUGEREKA WA KABIRI: GUKORA IMFASHANYIGISHO N'IBIKINISHO

Imfashanyigisho/ Igikinisho	Uburyo bikorwamo	Igikorwa imfashanyigisho/ Ibikinisho cyakoreshwamo
<p><b>1. Itonde ry'inyuguti</b></p>  	<p>Wifashishije: Impapuro zikomeye, ibikarito, ikaramu y'igiti, marikeri, ikaramu isanzwe, ikara, ingwa, umufuka, ikibiriti,</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Fata igipapuro kinini ugiye kwandikaho inyuguti ukirambike ahantu haringaniye, hafite isuku</li> <li>- Shushanya inyuguti ukoresheje ikaramu y'igiti,</li> <li>- Nyuza marikeri cyangwa ikaramu isanzwe aho wari wakoresheje ikaramu y'igiti kugira ngo inyuguti zigaragare cyane kandi zirambe.</li> <li>- Andika inyuguti 24 z'ikinyarwanda mu cyapa uko zikurikirana,</li> </ul> <p><b><u>Ikitonderwa:</u></b></p> <p>Niba wateguye kwandika inyuguti ku mufuka, banza uwutwike ku mpande unawukube kugira ngo utadodoka.</p>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Kumenya inyuguti z'ikinyarwanda</li> <li>- Kumenya ishusho y'inyuguti</li> <li>- Gutandukanya inyuguti n'imibare.</li> <li>- Gutandukanya amashusho n'inyandiko.</li> </ul>

**2. Gukora amakarita y'inyuguti**




Wifashishije impapuro zikomeye, ibikarito, ikaramu y'igiti, marikeri, ikaramu isanzwe, ingwa, umukasi, urwembe, icyuma, imifuniko y'amacupa:

- Kata igipapuro cyangwa igikarito mo amakarita mato wifashishije umukasi cyangwa urwembe.
- Andika kuri buri karita inyuguti imwe ukoresheje ikaramu y'igiti nyuma unoze
- unyuzamo ikaramu isanzwe cyangwa marikeri kugira ngo inyuguti igararare neza.

Amakarita akoreshwa mu:

- Kuvangura inyuguti mu zindi.
- Kwegeranya inyuguti zisa.
- Umukino wo guhuza inyuguti akora izina rye.
- Kumenya itonde ry'inyuguti.
- Kwigana gushushanya no kwandika inyuguti.

**3. Amakarita y'imibare n'ibidomo**



Wifashishije impapuro zikomeye, ibikarito, ikaramu y'igiti, marikeri, ikaramu isanzwe, ingwa, umukasi, urwembe:


- Kata impapuro/igikarito mo amakarita mato ajyanye n'imibare
- Andika kuri buri karita umubare umwe ukoresheje ikaramu y'igiti nyuma unoze
- unyuzamo ikaramu isanzwe cyangwa marikeri kugira ngo umubare ugararare neza
- Gushushanya ku makarita ibidomo bijyanye n'umubare wanditse ku ikarita.


Amakarita yanditseho imibare akoreshwa mu:


- Kuvangura imibare mu yindi.
- Kwegeranya imibare isa
- Umukino wo guhitamo umubare uhura n'imyaka ye.
- Kwigana gushushanya no kwandika imibare.
- Guhuza imibare n'ibidomo.
- Gutondeka imibare uko ikurikirana.

<p><b>4. Ingeri z'ututi duto dusumbana</b></p> 	<p>Wifashishije uduzi dutite umubyimba uringaniye:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Fata agati ugatememo uduce duto dusumbana umwana muto yabasha gufata mu ntoki.</li> </ul>	<p>Ingeri z'uduzi zifashishwa mu:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Kubaka inyuguti n' imibare.</li> <li>- Gutondeka uherye ku kirekire cyane cyangwa ikigufi cyane.</li> <li>- Kubaka urwego n'ibindi.</li> </ul>
<p><b>5. Udutafari dukoze mu mbaho</b></p> 	<p>Wifashishije uduce tw'utubaho wakuye mu ibarizo ariko tutakomeretsa umwana:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Hanaguraho umwanda</li> <li>- Siga irangi utwo dutafari /igihe rishobora kuboneka</li> </ul>	<p>Udutafari dukoze mu mbaho twifashishwa mu:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Gukora umukino wo gutwara ibintu n'abantu.</li> <li>- Gukina agakino ka telefone.</li> <li>- Kugerekeranya ibito n'ibinini.</li> <li>- Kubaka ibintu bitandukanye.</li> <li>- Kwiga ibinyampande.</li> </ul>
<p><b>6. Ibumba</b></p>  <p><b>3. Gukata ibumba</b></p>  <p><b>1. Gutegura ikizingo</b></p>	<p>Wifashishije ibumba risanzwe ryo mu gishanga cyangwa icyondo:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Kura mu ibumba/icyondo imyanda cyangwa ikintu cyose gishobora gukomeretsa</li> <li>- kata ibumba/icyondo kugeza kinoze</li> <li>- Igihe ukata ibumba genda uvangamo umusenyi mukeya kandi unoze cyane kuko ufasha gukomeza icyabumbwe</li> <li>- Bumba inyuguti, imibare, umurongo, inyamaswa, imodoka n'ibindi.</li> </ul>	<p>Ibumba risanzwe ryo mu gishanga cyangwa icyondo byifashishwa mu:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Kubumba inyuguti, imibare, umurongo, inyamaswa, imodoka, cyangwa ibikoresho binyuranye nk'ibikombe n'ibindi.</li> </ul>

<p><b>6. Ubujeni (kole)</b></p>  	<p>Wifashishije ifu y'imyumbati, amazi, inkwi, ikibiriti, isafuriya, umwuko:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Shyushya amazi mu isafuriya kugeza abize bihagije</li> <li>- Suka ifu y'imyumbati mu mazi yabize,</li> <li>- Vanga ikivuge n' amazi ashushye ukoroge ukoresheje umwuko</li> <li>- Reka igikoma kivuyemo gihore biratuma gifatira nk'ubujeni/ kole</li> </ul>	<p>Ubu bujени/kole bukoreshwa mu:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Gufatanya no komeka: inyandiko, amashusho n'ibindi</li> <li>- Gukora ibitabo</li> </ul>
<p><b>8. Ibumba rikozwe mu mpapuro</b></p>   	<p>Wifashishije impapuro zitariho isashi, amazi, inkwi, ikibiriti, ifu y'imyumbati:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Katagura impapuro mo uduce duto.</li> <li>- Inika utwo duce mu mazi akonje.</li> <li>- vangavanga kugeza zibaye nk'umutsima.</li> <li>- Kamuramo amazi.</li> <li>- Shaka ifu y'imyumbati uyishigishemo igikoma ureke kibire bihagije ariko ukomeza kuvanga kugirango kidashirira.</li> <li>- Reka igikoma gihore kugeza ubwo gihindutsemo ubujeni (kole).</li> <li>- Suka ubujeni muri wa mutsima w' impapuro maze ubivange kugeza bikoze umutsima unyerera nk' ibumba.</li> </ul>	<p><b>Iri bumba rikoreshwa mu:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Kubumba inyuguti ariko zifite umubyimba munini kugira ngo zitavunika byoroshye.</li> <li>- Kubumba imbuto ukazisiga irangi bijyanye.</li> <li>- Kubumba n'ibindi bintu bitandukanye.</li> </ul>

<p><b>8.Irangi</b></p> 	<p>Wifashishije ibibabi by'icyatsi kibisi, ifu y'itafari rihye, ifu y'amakara, ifu y'ingwa, amagi mabisi, isukari, amazi, igikombe, indabo z'amabara atandukanye:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Vugutira mu gikombe ibyatsi/indabo bijyanye n'ibara ushaka gukora cyangwa ukoreshe agafu k'itafari rihye niba ushaka gukora umutuku, agafu k'amakara niba ushaka gukora umukara, ...</li> <li>- Vanga agafu ukuye mu makara cyangwa mu itafari n'utuzi duke.</li> <li>- Shyiramo agasukari gake gatuma bifatira nk'ubujeni</li> <li>- Kora akaroso wifashishije utwatsi waziritse ku gati kugirango ugakoreshe ugakoza mu irangi wakoze ukandika cyangwa ugatera irangi ku rupapuro.</li> </ul>	<p><b>Irangi rikoreshwa mu:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Gushushanya itonde ry'inyuguti.</li> <li>- Gushushanya itonde ry'imibare.</li> <li>- Gushushanya inkuru.</li> <li>- Gusiga amabara ajyanye n'imbutu, imboga, ibikoresho,...</li> <li>- Gusiga ibinyampande.</li> <li>- Gushushanya ibidukikije.</li> </ul>
<p><b>9.Umupira wo gukina</b></p> 	<p>Wifashishije ibirere, imyenda ishaje ariko ifite isuku:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Kanyaga ibirere by'insina cyangwa imyenda ishaje ariko bifite isuku,</li> <li>- Kora/banga udupira dufite ubunini butandukanye.</li> </ul>	<p>Umupira wifashishwa mu:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Gukina batera amashoti, bawunga n'intoki, bacenga, badunda, ...</li> <li>- Kubara: babara ibitego cyangwa umubare w'amashoti</li> <li>- Iterambere ry'imiyego minini n'imitoya</li> </ul>
<p><b>10.Umugozi wo gusimbuka</b></p> 	<p>Wifashishije ibirere cyangwa imigwegwe:</p> <p>Boha inyabubiri cyangwa inyabutatu ikomeye ukore umugozi muremure.</p>	<p>Umugozi wifashishwa mu:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Gusimbuka umwana ku giti cye cyangwa afatanyije n'abandi</li> <li>- Iterambere ry'imiyego y'ingingo nini n'intoya.</li> </ul>

<p><b>11. Umusenyi cyangwa umucanga</b></p> 	<p>Wifashishije umucanga:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Shaka umusenyi/umucanga.</li> <li>- Shyira umusenyi mu gakarito.</li> <li>- Shaka ibikombe cyangwa uducupa twavuyemo amavuta yo kwisiga, uducupa twavuyemo amazi biri ku rugero umwana abasha gufata mu ntoki kandi bifite isuku.</li> </ul>	<p>Umusenyi/umucanga wifashishwa mu:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Kurunda ibirundo.</li> <li>- Kugereranya ingano y'ibintu.</li> <li>- Iterambere ry' imiyego y'ingingo nto.</li> </ul>
<p><b>12. Ibipupe</b></p> 	<p>Wifashishishe umwenda ushaje ariko ufite isuku, urushinge, urudodo:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Kanyaga umwenda wifashi shije udutambaro wawukaseho.</li> <li>- Kora igipupe cya mama, papa n'abana cyangwa inyamaswa</li> </ul>	<p>Igipupe kifashishwa mu:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Kwigisha ibice by'umubiri w'umuntu.</li> <li>- Kwigisha abagize umuryango muto: papa, mama, abana.</li> <li>- Kwigisha amatungo n'inyamaswa zo mu gasozi (igipupe cy'inyamaswa).</li> <li>- Gukina imikino yo kwigana baheka, baterura, bagaburira umwana, bamwitaho, ...</li> <li>- Kwigisha imibanire myiza.</li> </ul>
<p><b>Ingoma, umwirongi, ikinyuguri</b></p> 	<p>Wifashishije inkondo y'ikibabi cy'ipapayi, amacupa ya pulasitike yavuyemo ibintu bitandukanye, idebe, imifuka, indobo zavuyemo ibintu:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Kora amajwi y'umuziki uryoheye amatwi ushyira utubuye mu gicuma, icupa cyangwa idebe watoboyemo utwenge.</li> <li>- Kora umwirongi uwushyiraho intoboro eshatu.</li> </ul>	<p>Ingoma, umwirongi, ikinyuguri bikoreshwa mu:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Kwigisha umwana ubugeni n'umuco: kuririmba, kubyina.</li> <li>- Guhuza injyana n' amajwi.</li> <li>- Kwigira amagambo mashya.</li> <li>- Iterambere ry' imi y'ingingo nini n'intoya.</li> </ul>

	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Fata idebe cyangwa indobo ushyireho umufuka ku ndiba zombi, uhuze iyo mifuka ukoresheje utugozzi/ubudodo.</li> </ul>	
<p><b>15. Utumodoka</b></p> 	<p>Wifashishije utujerikani twavuyemo amavuta, amacupa yavuyemo amazi, icyuma, urwembe, urudodo, uduzi, imifuniko y'amacupa ya pulasitike:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Kora imodoka utobora akajerikani/icupa ryavuyemo amazi karambitse hasi.</li> <li>- Injizamo uduzi 2 duteganye kugira ngo ubone uko ushyiraho amapine</li> <li>- Shyiraho amapine y'imifuniko y'amacupa ya pulasitike.</li> <li>- Tobora umwenge munini hejuru aho abana bashobora gupakiramo ibintu.</li> </ul>	<p>Utumodoka bikoreshwa mu:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Kumenya ibitwara abantu n'ibintu n'akamaro kabyo</li> <li>- Gukina imikino yigana imikoreshereze y'ibinyabiziga (umushoferi, umugenzi, ....).</li> <li>- Iterambere ry' imiyego y'ingingo nini n'intoya.</li> <li>-</li> </ul>
<p><b>16. Amashusho y'innyamaswa/amatungo</b></p> 	<p>Wifashishije impapuro zikomeye cyangwa ibikarito, icyuma cyangwa urwembe, ikaramu y'igiti:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Shushanya ku rupapuro rukomeye cyangwa ku ikarito innyamaswa zitandukanye nk' inzovu, ifi, ....</li> <li>- Kata innyamaswa washushanyije</li> </ul>	<p>Amashusho y'innyamaswa/amatungo bikoreshwa mu:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Kumenya innyamaswa n'amatungo.</li> <li>- Gukina imikino yigana.</li> </ul>

<p><b>17. Amashusho agaragaza amarangamutima</b></p>	<p>Wifashishije ikaramu isanzwe, marikeri, igipapuro kinini:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Shushanya amashusho agaragaza amarangamutima: umuntu ubabaye, uwishimye, urira, ...</li> </ul>	<p>Amashusho y'amarangamutima akoreshwa mu:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Kumenya amarangamutima atandukanye no kwigenzura.</li> <li>- Amarangamutima y'abandi no kwita ku bandi.</li> <li>- Kuvuga uko biyumva.</li> </ul>
<p><b>18. Igishushanyo cy'inzu ku gikarito cyangwa urupapuro rukomeye</b></p> 	<p>Wifashishije ikaramu y'igiti, urwembe, icyuma, igipapuro gikomeye, igikarito:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Shushanya inzu ugaragaza ibice byayo: igisenge, amadirishya, urugi, urukuta</li> <li>- Kata buri gice kijye ukwacyo</li> </ul>	<p>Igishushanyo cy'inzu gikoreshwa mu:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Kumenya ibice by'inzu.</li> <li>- Kumenya ibinyampande.</li> <li>- Imikino nkarishya bwenge: guhuza ibice by'ishusho byatandukanyijwe.</li> <li>- Iterambere ry' imiyego mitoya umwana akoresha intoki.</li> </ul>
<p><b>19. Igitabo</b></p>		
	<p><b>Intambwe zo gukora igitabo</b></p>	<p><b>Uko bikorwa</b></p>
<p><b>a</b></p>	<p>Gutegura ibikoresho</p>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Imakasi/icyuma,</li> <li>- Ubudodo, urushinge/koroshi</li> <li>- Impapuro/ibinyamakuru bishushanyijeho</li> <li>- Ifu y'ubugari yo gukoramo kore + amazi cyangwa ikindi cyavamo kore</li> <li>- Kore/ubujeni bwo gufatanya impapuro n'izindi</li> <li>- Amakaramu yo gushushanya, amakaramu y'amabara.</li> <li>- Ikarito, umufuka, umwenda.</li> </ul>

<b>b</b>	Guhitamo umutwe w'igitabo n'ubunini.	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Umutwe w'igitabo bisobanuye izina uraha igitabo cyawe.</li> <li>- Amashusho yose cyangwa ibindi bijya mu gitabo bigomba kuba bijyanye/bihura nu mutwe w'igitabo.</li> <li>- Guhitamo umutwe w'igitabo bigomba gushingira ku kigero cy'umwana ndetse n'icyo ucyeneye ko umwana yiga/amenya.</li> </ul> <p><b>Urugero rw'umutwe w'igitabo: IMBUTO.</b> Niba umutwe w'igitabo cyange ari IMBUTO bisobanuye ko ibishushanyo cyangwa ibindi byose biya mu gitabo biba ari imbuto cyangwa bifitanye isano na zo.</p>
<b>c</b>	Gukata amapaji y'igitabo angana n'igitabo ugiye gukora.	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Fata ikarito, umufuka cyangwa umwenda bitewe nicyo ushaka. kwifashisha ukora igitabo ukatemo amapaji aringaniye.</li> </ul> <p><b>Ikitonderwa: igitabo cy'umwana uri muni y'imyaka 3 byaba byiza kitarengeje paji 8 naho icyumwana uri hagati y'imyaka 4-6 nticyirenze paji 12.</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Kora ku buryo ayo mapaji aba aringaniye ntayisumba indi.</li> <li>- Kata n'impapuro uri bushushanyaho cyangwa uri bwomeke zingana kandi ziresha neza n'amapaji wakase.</li> </ul>
<b>d</b>	Gufatanya amapaji y'igitabo ukoresheje urushinge n'ubudodo.	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Wifashishije urushinge/koroshi, tobora y'amapaji y'igitabo wakase (mu ikarito) hanyuma uyateranye/uyafatanye ukoresheje urushinge n'urudodo.</li> </ul>
<b>e</b>	Guhitamo icyo womeka cyangwa wandika mu gitabo	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Ugendeye ku izina ry'igitabo hitamo amashusho ushushanya kuri za mpapuro wakase zingana n'umubare w'amapaji ufite.</li> <li>- Shushanya kuri buri paji/urupapuro ishusho imwe kandi igaragara neza.</li> <li>- Niba ufite amakaramu y'amabara gerageza usigemo amabara atandukanye kuko abana bakunda amashusho y'amabara (<b>Ingero z'amabara abana bakunda ashobora kwifashishwa: Umutuku, umuhondo, icyatsi, ubururu.</b>)</li> <li>- Andika izina ry'ishusho washushanyije muni y'igishushanyo ku buryo bugaragara.</li> <li>- Mu gihe waba udafite uburyo bwo gushushanya ariko ukaba ufite amashusho atandukanye wakuye mu binyamakuru cyangwa mu zindi nyandiko, hitamo amashusho ajyanye n'umutwe w'izina kugira ngo ari yo womeka mu gitabo cyawe.</li> </ul>
<b>f</b>	Komeka amafoto cyangwa inyuguti mu gitabo	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Siga kore mu gitabo (kuri paji y'igitabo wateranyije).</li> <li>- Omekaho neza witonze ishusho imwe muzu washushanyije cyagwa watoranyije ku buryo urupapuro ruriho ishusho ruringanira neza ni ipaji y'igitabo ntagusumbana.</li> </ul>

	ukoresheje kore wateguye mbere	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Omeka amashusho ku mapaji yose.</li> <li>- <b>Ikitonderwa:</b> mu gihe udafite impapuro cyangwa amashusho yo komeka, wifashishije ikaramu yo gushushanya ushobora gushushanya ku ipaji y'igitabo. icy'ingenzi ni uko amashusho agaragara kandi akaba afite icyo yigisha umwana.</li> </ul>
<b>g</b>	Igitabo cyuzuye	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Andika izina ry'igitabo ahabanza h'igitabo</li> <li>- Muni y'izina ry'igitabo shushanyaho imwe mu mashusho ari mu gitabo.</li> <li>- Nyuma yo gushyiraho ishusho, andika muni y'iyi shusho amazina y'uwanditse n'uwashushanyije igitabo ahasigaye usoze.</li> </ul>

### **Ibikinisho bigomba kuba byujuje ibi bikurikira**

Ibikinisho bigomba kuba:

- Bitagira icyo byana ku buzima bw' umwana n' ubw' umurezi ndetse bidateye ubwoba kandi bijyanye n' umuco.
- Bibereye abana b' ibitsina byombi.
- Bigaragara neza kandi bishishikariza abana gukora.
- Byoroshye gukorwa kandi bihendutse.
- Bishobora guteza imbere ubushobozi bwinshi icyarimwe.
- Bijyanye n' ikigero cy' abana (mu myaka)
- Niba hari abatabona koresha ibintu bifatika bashobora gukorakora

## URUTONDE RW'ABAGIZE URUHARE MU GUTEGURA IYI NYOBORABAREZI

No	Amazina	Aho akorera/ aturuka
1.	Diane Iradukunda	NCDA
2.	Emmanuel Munyampeta	NCDA
3	Isaac Bikorimana	NCDA
4.	Ernest Liyatona	NCDA
5.	Jean Paul Nyandwi	NCDA
6.	Jean Léonard Byiringiro	LODA
7.	Jean de Dieu Nabimana	LODA
8.	Charles Ruzindana	LODA
9.	Georgette Mukadepite	Independent recommended by REB
10	Julienne Mukayirege	REB
11.	Appolinaire Ndayisaba	REB
12.	Sifa Uwera	World Bank
13.	Gerjanne van Ravenhorst	World Bank Consultant
14	Pauline Mukakinyana	Ecole l'Horizon
15.	Faustin Mbarubukeye	Umuhuza
16.	Ildephonse Hitimana	Imbutu Foundation
17	Clément Kabiligi	Imbutu Foundation
18	Anathalie Nyirandagijimana	Imbutu Foundation
19	Jean Bosco Bayingana	Imbutu Foundation
20	Ezechiel Hategekimana	Imbutu Foundation

21.	Jean De Dieu Kayiranga	Imbuto Foundation
22.	Felix Hagenimana	Imbuto Foundation
23.	Jackson Vugayabagabo	Imbuto Foundation
24.	Géraldine Umutesi	Imbuto Foundation
25.	Joseph Imanishimwe	Imbuto Foundation
26.	Polie Appoline	Imbuto Foundation
27.	Agnes Uwimbabazi	Imbuto Foundation
28.	Gratia Uwizeye	Imbuto Foundation
29.	Felicien Harerimana	Imbuto Foundation
30.	Egide Ingabire	Imbuto Foundation
31.	Eloi Rutaganira	Imbuto Foundation
32.	Eugene Safari	Imbuto Foundation
33.	Placidie Mukamana	Imbuto Foundation
34.	Viateur Hategekimana	Imbuto Foundation
35.	Donath Tuyinganyiki	Imbuto Foundation
36.	Annah Kamateneti	Imbuto Foundation
37.	Alphonse Gatera	Imbuto Foundation
38.	Daniella Murekatete	Imbuto Foundation
39.	Martine Umukunzi	Imbuto Foundation
40.	Raissa Giramata	Imbuto Foundation
41.	Rutayisire Chris	Art-Rwanda Ubuhanzi
42.	François Regis Uwemeye Nshuti	Art-Rwanda Ubuhanzi
43.	Nathanael Nkundimana	Art-Rwanda Ubuhanzi



1

